

Ikinyarwanda

Igitabo cy'umunyeshuri

Umwaka wa gatatu w'amashuri abanza



Ikinyarwanda

Igitabo cy'umunyeshuri

Umwaka wa gatatu w'amashuri abanza

Abagize uruhare mu iyandikwa ry'iki gitabo

Abanditse iki gitabo:

HAGENIMANA Jean Pierre
UZABAKIRIHO Salvator
UWIBANZE Théophile
NDAYIZEYE Augustin

Abashushanyije:

NDARAMA Assouman
SAFARI Frederick
NSHIMIYIMANA Emmanuel

Abatunganyije iki gitabo:

TWIZEYIMANA Jean Pierre
KALISA James
SIBOMANA Eric

Abakosoye igitabo:

HAKORIMANA Jean de la Paix

Abemeje iki gitabo:

MUKANTAHONDI Vénantie
RUBANDA Jean François
HABIYAKARE Poponi
MBABARIYE Patrice
NDAYAMBAJE Cyprien
NYANDWI Charles
NYIRAFARANGA Thérèse
MANIRAGABA Germain
BAYAVUGE Jules
NSENKIMANA Cyriaque
BYUKUSENGE Peninah

Abandi bagize uruhare mu myandikire y'iki gitabo:

MUHUMUZA Winnie
MUNYANKUMBURWA Fidele
ARABARUTA Martin
MWISENEZA Thacien

Abajyanama:

GATERA Augustin
NTIRENGANYA Alphonse
MURUNGI Joan
MAZHARUL Karim

Abanditse iki gitabo bwa mbere:

MUREKATETE Marie Béatrice
NIYITEGEKA Dative

© 2018 Rwanda Education Board

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

NTIKIGURISHWA

Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara ku nkunga ya Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

Ijambo ry'ibanze

Iki gitabo k'Ikinyarwanda cy'umwaka wa gatatu w'amashuri abanza cyateguwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) ku bufatanye n'Umushinga USAID Soma Umenye. Iki gitabo cyanditswe hashingiwe ku byavuye mu bushakashatsi bwerekana uburyo bwo kwigisha gusoma no kwandika bujyanye n'integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi. Twizeye tudashidikanya ko kizagira uruhare rukomeye mu kunoza imyigire n'imyigishirize yo gusoma no kwandika mu Kinyarwanda mu mashuri abanza kandi kikaba ishingiro ryo kwiga andi masomo.

Tuboneyeho umwanya wo gushimira abantu bose bagize uruhare mu kwandika iki gitabo by'umwihariko, Ikigo cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID) ku bufatanye gihuriyeho na Leta y'u Rwanda kibinyujije mu mushinga "USAID Soma Umenye". Twizeye nta shiti ko ubu bufatanye buzafasha abana biga mu kicio cya mbere cy'amashuri abanza kumenya gusoma no kwandika ku buryo bushimishije. Twiyemeje gukomeza gushyigikira ubu bufatanye bityo twubake ubumenyi, ubumenyingingiro n'ubukeshabana bacu bakeneye mu buzima bwa buri muni.

Turangije dushimira byimazeyo umurava n'ubwitange by'abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda n'abandi bose bagize uruhare mu gusuzuma, gukosora, kunoza no kwemeza iki gitabo hagamijwe gukomeza guteza imbere ireme ry'uburezi mu Rwanda.

Dr. NDAYAMBAJE Irénée

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).



IBIRIMO

Ijambo ry'ibanze.....	iii
Iriburiro.....	vii
Umutwe wa mbere: Imyuga gakondo	1
Isubiramo	1
Igihekane mpy/Mpy	13
Igihekane pw/Pw	16
Igihekane mpw/Mpw	22
Igihekane nsy/Nsy	25
Igihekane mvw/Mvw	32
Igihekane byw/Byw	35
Isuzuma risoza umutwe wa mbere	41
Umutwe wa kabiri: Kubungabunga ubuzima	44
Igihekane ncy/Ncy	44
Igihekane shyw/Shyw	47
Igihekane nshw/Nshw	53
Igihekane myw/Myw	56
Igihekane nshyw/Nshyw	62
Igihekane mbyw/Mbyw	65
Isuzuma risoza umutwe wa kabiri	71
Umutwe wa gatatu: Uburenganzira n'inshingano by'umwana.....	75
Igihekane mfw/Mfw	75
Igihekane mvy/Mvy	78
Igihekane mvyw/Mvyw	81
Igihekane pfw/Pfw.....	86
Igihekane pfy/Pfy	89
Igihekane vw/Vw	92
Igihekane vy/Vy	97
Igihekane ryw/Ryw	100
Isuzuma risoza umutwe wa gatatu.....	103
Umutwe wa kane: Inyamaswa zo mu gasozi	106
Utwatuzo: Akabago.....	108
Kwandika	109
Gugu n'inkende	110
Utwatuzo: Akabazo.....	112
Utwatuzo: Akitso	117
Zafatanyije gufata umujura	119
Utwatuzo: Agatangaro	120
Yashize amatsiko	125
Ingingo z'ingenzi z'umwandiko	127
Menya ibyazo	129
Tumenye inyamaswa zo mu gasozi	134

Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo (A).....	135
Isha n'umuhari	137
Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo (B).....	139
Imyitozo	140
Yakijije ibyana byayo.....	143
Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo (C).....	144
Zidufitiye akamaro.....	146
Imyitozo	148
Dusobanukirwe n'inyamaswa	150
Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo (D).....	152
Impyisi mu rwina rwa Bakame	153
Imyitozo	156
Isuzuma risoza umutwe wa kane	159
Umutwe wa gatanu: Umuco w'amahoro	165
Kamariza na bagenzi be	165
Kubara inkuru.....	167
Warupyisi na Bakame.....	168
Imyitozo	170
Umukecuru n'agasamunyiga	173
INYUGUTI NKURU.....	174
Ntama na Nyambo	176
Imyitozo	179
Imbata n'inkokokazi.....	182
Magirirane na Mahoro.....	185
Imyitozo	188
Kamikazi na Ngabo	191
Umuduri wa Kariza	194
Imyitozo	197
Isuzuma risoza umutwe wa gatanu	200
Umutwe wa gatandatu: Siporo n'imyidagaduro	206
Bana dukine	206
Uturingushyo.....	208
Gashema arabahiga	210
Utwatuzo: Utwuguruzo n'utwugarizo « » / “ ”	212
Imyitozo	214
Umunsi udasanze	217
Ibisakuzo	218
Yamenye kubuguza	220
Umugani muremure	222
Imyitozo	224
Ibe intego ya twese	227
Umuwugo.....	229
Inzovu yabaye iya nyuma	231
Amagorane.....	233

Imyitozo	235
Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu	238
Umutwe wa karindwi: Gukunda umurimo	245
Inzu z’utugurube dutatu	245
Utwatuzo	247
Inama z’umubyeyi.....	249
Ibaruwa isanzwe	251
Imyitozo	253
Inka na Nyarubwana.....	256
Gasore na Kanyange	259
Agakinamico.....	261
Imyitozo	262
Isuzuma risoza umutwe wa karindwi.....	265
Umutwe wa munani: Gukunda igihugu.....	271
Isheja n’umusaza.....	271
Impuzanyito.....	272
Gukunda Igihugu	274
Indirimbo: Tuzarwubaka	275
Imyitozo	277
Inyamanza n’umuceri.....	279
Imvugwakimwe.....	281
Nzakorera u Rwanda	282
Imbusane.....	283
Imyitozo	285
Inshuti y’ibihe byose	288
Imigani migufi	290
Ikifuzo cya Gasore	292
Umwirondoro.....	294
Imyitozo	295
Abana ba Kanyandekwe	298
Inyuguti nkuru	300
Ubwitange bwa Mutesi	301
Inshamake	302
Imyitozo	304
Isuzuma risoza umutwe wa munani	307
Indirimbo: Turate Rwanda yacu.....	314
Urutonde rw’amagambo	315
Ibitabo byifashishijwe	322

Iriburiro

Mu mwaka wa 2017, Ishami ry'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB), rishinzwe gutegura integanyanyigisho n'imfashanyigisho, ryakoze isesengura ry'ibitabo by'Ikinyarwanda bikoreshwa mu mwaka wa mbere kugeza mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza. Ni muri urwo rwego, nyuma y'icyo gikorwa hagaragajwe ibyiza bikubiye muri ibyo bitabo n'ibice bikwiye kunozwa, kugira ngo bifashe abanyeshuri bo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza kwiga gusoma no kwandika mu buryo buboneye. Iki gitabo ni kimwe mu bitabo by'Ikinyarwanda byavugururwe.

Iki gitabo cy'umunyeshuri cyanditswe hashingiwe ku nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi, ubushakashatsi no ku buryo buboneye kandi bufasha abana kwiga gusoma no kwandika mu Kinyarwanda.

Ibi bizatuma abanyeshuri biyubakamo umuco wo gusoma bakiri bato. Ni ngombwa kandi ko ababyeyi bashishikariza abana gufata neza ibitabo byo gusoma.

Imyitozo iri muri iki gitabo ishingiyeye ku nkingi eshanu zo kwigisha gusoma no kwandika nk'ishingiro ryo kwiga neza gusoma no kwandika mu buryo bwihuse. Izo nkingi eshanu z'ingenzi zo kwigisha gusoma ni itahuramajwi, ihuzamajwi, inyunguramagambo, gusoma udategwa no kumva umwandiko. Ibikorwa byo kwandika na byo byashyizwemo nk'indi nkingi ibumbatiye ubushobozi abanyeshuri bakeneye mu myigire yabo. Harimo kandi amasomo y'ikibonezamvugo ndetse n'ubuvanganzo afasha abanyeshuri gukoresha Ikinyarwanda neza haba mu gusoma, kwandika, kumva no kuvuga bashize amanga.

Buri munyeshuri azahabwa igitabo. Azajya agitahana mu rugo buri muni. Ibi bizamufasha gusubiramo ibyo yize mu ishuri afashijwe n'ababyeyi, abavandimwe, abamurera cyangwa abandi bose babana mu rugo. Ubushobozi bwo gusoma no kwandika bwiyongera iyo umunyeshuri abikoze mu gihe gihagije akaba ari yo mpamvu ari ngombwa ko abikora no mu gihe ari mu rugo.

Abanyeshuri baba abasomyi beza iyo basoma kenshi. Ni muri urwo rwego hateganyijwe imyandiko myinshi abanyeshuri bisomera kugira ngo babone umwanya uhagije wo kwimenyereza gusoma. Imyandiko kandi ijyanye n'amashusho kugira ngo afashe abanyeshuri kongera ubushobozi bwo kumva umwandiko, gutahura icyo uza kuvugaho ndetse no gusubiza ibibazo byawubajijweho.


Kwigisha inyunguramagambo na byo byarateganyijwe muri iyo myandiko kandi ni ngombwa kuyigisha abanyeshuri kuko iyo basobanukiwe amagambo yose bibafasha kumva neza umwandiko.

Iki gitabo gikubiyemo imyitoto y'isubiramo n'isuzumabushobozi ku bimaze kwigishwa. Ibi bikazafasha abarimu n'ababyeyi kumenya ubushobozi bw'abanyeshuri babo, bityo bakabasha kubafasha no kubakurikirana bitewe n'ikigero barimo.

Twizeye ko iki gitabo nigikoreshe neza kandi buri gihe kizafasha abanyeshuri gukoresha Ikinyarwanda neza haba mu gusoma cyangwa kwandika. Kizabafasha kandi kwimakaza indangagaciro zikwiye umwana w'Umunyarwanda.

Isubiramo

1. Huza igihokane n'ishusho irimo ijwi bijyanye.



ns

mby

shy

nsh

gw



2. Soma imigemo ikurikira kandi uyandike mu mukono.



shy

shyi

shye

shyo

shyu

shya

mby

mbyi

mbye

mbyo

mbyu

mbya

ns

nsi

nse

nso

nsu

nsa

nsh

nshi

nshe

nsho

nshu

nsha

gw

gwi

gwe

gwa

3. Soma amagambo akurikira kandi uyandike mu mukono.



insina

imbyino

inshuti

ubugwari

ibishyimbo

urugwiro

umunsi

imbyeyi

4. Soma interuro zikurikira kandi uzandike mu mukono.



a) Inyombya ihagaze ku mugwegwe uri mu nsina za Nshuti.

b) Mugwiza agira ishyaka akita ku mbyeyi ze buri munsi.



5. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Iterambere ry'umuryango



Kera Nsabimana na Mbyezi bari abakene bikabije. Baje kwigira inama yo guhinga insina n'imigwegwe. Mu mikorere yabo bagiraga ishyaka kandi ntibashyamirane.

Bazindukaga kare bakorera insina n'imigwegwe byabo. Insina bazisasiraga **ishinge** bakazifumbiza imborera. Bazishakiraga kandi **inkingi** bakazitega ngo zitagwa. Uwo mushinga wabo watumye babona amafaranga menshi.

Ubu biteje imbere, bafite ishoro ry'inka z'imbyezi n'imfizi. Abana babo Mbyeziyagabo na Uwishyaka biga neza.

- Ni iki cyavanye Nsabimana na Mbyezi mu bukene bukabije?
- Nsabimana na Mbyezi bazindukaga bakora iki?
- Byagenze bite umushinga wabo umaze kumenyera?

6. Uhereye ku mashusho hitamo igihekanze maze wuzuze ijamba.
ns, mby, shy, nsh, gw.



ku____a
i____ira
i____amba
i____eyi
Igipfu____i
idiri____a



1. Huza igihekanane n'ishusho irimo ijwi bijyanye.



jw



nny



nyw



njy



ngw



2. Soma imigemo ikurikira kandi uyandike mu mukono.



jw

jwi

jwa

jwe

nny

nnyi

nnyo

nnya

nnyu

nnye

nyw

nywi

nywo

nywa

nywu

nywe

njy

njyo

njya

njyu

ngw

ngwi

ngwa

ngwe

3. Soma amagambo akurikira kandi uyandike mu mukono.



ikijwangajwanga

ubunnyano

ingweba

injyo

kunywa

4. Soma interuro zikurikira kandi uzandike mu mukono.



a) Ku muni wo kurya ubunnyano navuze mu ijwi
riranguruye.

b) Munywanyi yikanze ingwe asitara ku njyo.



5. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Tubungabunge amashyamba



Mukannyi na Nyirangwije bagiye kwiga mu gitondo. Bageze mu nzira babona ishyamba rya Njyanabo ryatwitswe. Iryo shyamba ryabagamo ingwe n'ibijwangajwanga. Mukannyi yatabaje mu ijwi riranguruye. Haza abaturage bararizimya ku **manywa y'ihangu**. Barangije, Semanywa yihanangiriza abangiza **ibidukikije**. Yamaganye abatwika amashyamba bitwaje umuriro ku njyo. Yibukije ko amashyamba atanga umwuka mwiza akanarwanya isuri. Mukannyi na Nyirangwije bakomeje urugendo bajya kwiga bishimye.

- Mukannyi amaze kubona ko ishyamba ryatwitswe yakoze iki?
- Ni izihe nyamaswa zabaga mu ishyamba rya Njyanabo?
- Ni akahe kamaro k'amashyamba kavuzwe mu mwandiko?

6. Uhereye ku mashusho hitamo igihekanze maze wuzuze ijambo: jw, nny, nyw, njy, ngw



inja_____e
umuki_____i
aba_____i
iki_____anga_____anga
i_____o
ababyi_____i



1. Huza igihokane n'ishusho irimo ijwi bijyanye.



shw




mbw

7

mf



ndw



nzw



2. Soma imigemo ikurikira kandi uyandike mu mukono.



shw

shwi

shwa

shwe

nzw

nzwi

nzwa

nzwe

ndw

ndwi

ndwo

ndwa

ndwu

ndwe

mf

mfi

mfo

mfa

mfu

mfe

mbw

mbwi

mbwo

mbwa

mbwu

mbwe

3. Soma amagambo akurikira kandi uyandike mu mukono.



Muyunzwe

indwara

Mutarushwa

Rudasumbwa

Mfuranzima

umusundwe

arakunzwe

ubusembwa

4. Soma interuro zikurikira kandi uzandike mu mukono.



a) Ntaganzwa ntaha imfizi ze amazi arimo imisundwe.

b) Ntirushwa afite imbwa y'inkazi.



5. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo. Twirinde gushotorana



Rudasumbwa, Ndwaniye na Mfuranzima biga i Muyunzwe. Basoza igihembwe umwarimu Mutarushwa yabasabye gukubura ishuri. Anabasobanurira ko kugira isuku birinda indwara.

Aho gukubura, Ndwaniye yatangiye gushwana na Mfuranzima. Yamubwiraga ko adakubura neza maze amwambura umweyo. Rudasumbwa abibonye arabakiza, ababwira ko **gushotorana** atari byiza. Yungamo ko bagomba kugira umuco uranga **imfura**.


Ndwaniye asaba imbabazi Mfuranzima, yiyemeza kutazabisubira ukundi.

- Ndwaniye, Rudasumbwa na Mfuranzima biga he?
- Umwariimu yabwiye abanyeshuri ko isuku imaze iki?
- Byagenze bite Ndwaniye amaze kubwirwa ko gushotorana atari umuco uranga imfura ?

6. Uhereye ku mashusho, hitamo igihekane maze wuzuze ijambo: shw, mbw, mf, ndw, nzw



umushu____e
umuka____e
I____izi
kari____i
ibishi____a
yaka____e




7

1. Huza igihokane n'ishusho irimo ijwi bijyanye.




sw



hw



nsw



tsw



ntw



2. Soma imigemo ikurikira kandi uyandike mu mukono.



sw

swi

swa

swe

tsw

tswa

tswe

ntw

ntwi

ntwo

ntwa

ntwu

ntwe

hw

hwi

hwa

hwe

nsw

nswi

nswa

nswa

3. Soma amagambo akurikira kandi uyandike mu mukono.



intwari

ahagurutswa

Semiswa

igihwagari

inswa

intwaro

amahwa

arururutswa

4. Soma interuro zikurikira kandi wandike mu mukono.



a) Inswa n'imiswa biri mu bihwagari bya Semiswa.

b) Kutajya mu birori, Ntwazabagabo abivutswa n'ihwa ryamuhanze.



5. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Ntwari n'imiswa




Umunsi umwe, Ntwari yakinaga agapira. Muri uwo mwanya havumbuka imbwa yirukanswaga n'abana. Nuko Ntwari asetswa no kubona imbwa **yiruka amasigamana**.

Yarasetse cyane agapira karamucika kagwa mu miswa. Ahita ahagurutswa no kukavanamo. Yifashishije igiti k'igihwagari ngo akavanemo. Yaribeshye ahagarara mu miswa imurumye aratabaza.

Nyiramiswa wihanduraga amubera **intwari** areka kwihandura ihwa aramutabara. Yafashe umuswari amuhanaguraho imiswa anamuhereza agapira ke.

- Agapira ka Ntwari kamucitse ari gukora iki?
- Kubera iki Nyiramiswa yaje gutabara Ntwari?
- Nyiramiswa yatabaye ate Ntwari?

6. Hitamo igihekane maze wuzuze ijambo. sw, hw, nsw, tsw, ntw



imi__ari
ama__a
yo__a
ko__a
ara__aye
__aza



1. Huza igihekanane n'ishusho irimo ijwi bijyanye.




ty



nkw



py



njw



dw



2. Soma imigemo ikurikira kandi uyandike mu mukono.



ty

tyo

tya

njw

njwi

njwa

njwe

dw

dwi

dwa

dwe

nkw

nkwi

nkwa

nkwe

py

pyi

pyo

pya

pye

3. Soma amagambo akurikira kandi uyandike mu mukono.



Matyazo

Nkwakuzi

Gapyisi

injwiri

yadwinzwe

inkware

amanjwe

madwedwe

4. Soma interuro zikurikira kandi uzandike mu mukono.



a) Gapyisi wo mu Matyazo afite injwiri.

b) Inzuki zadwinze Matayo agiye kwahirira inkwavu.



5. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Ubushotoranyi bwa Nyanjwenge



Nyanjwenge yakundaga gushotora inzuki za sekuru Nkwakuzi. Nimugoroba yasokozaga injwiri ze akigira hafi y'umuzinga. Ntiyakundaga **gupyipyinyurwa** nka Gapyisi murumuna we.

Umunsi umwe, Nyanjwenge bamutumye inkwi, yigira guhakura. Ageze ku **muzinga** w'inzuki yahise awegera atadagadwa. Mu muzinga havuyemo inzuki ziramudwanga avuza induru.

Sekuru yasize isuka yatyazaga ku ityazo, aza kumutabara. Ahageze arazimukiza amujyana mu rugo. Kuva ubwo Nyanjwenge arahira kuzongera gukubaganira inzuki.

- Ni nde wakundaga gupyipyinyurwa?
- Kuki Nyanjwenge yavugije induru?
- Nyuma yo gutabarwa Nyanjwenge yafashe ikihe kemezo?

6. Uhereye ku mashusho hitamo igihekanane maze wuzuze ijambo. ty, nkwi, py, njw, dw



gu__i__inyura

i__eto

i__azo

gushi__a

zamu__inze



1. Huza igihokane n'ishusho irimo ijwi bijyanye.



sy


fw

ndy

cw

nshy

nty



2. Soma imigemo ikurikira kandi uyandike mu mukono.



sy	syi	syo	sya	syu	sye
fw	fwa	fwe			
ndy	ndyi	ndyo	ndya	ndyu	ndye
cw	cwi	cwa	cwe		
nshy	nshyi	nshyo	nshya	nshyu	nshye
nty	ntyoy	ntyoy			

3. Soma amagambo akurikira kandi uyandike mu mukono.



inshyushyu	intyabire	akanyamasyo	Nyirantyoza
urusyo	igifwana	Ndyanabo	umucwezi

4. Soma interuro zikurikira kandi uzandike mu mukono.



- Ndyanabo ntarwara ibifwana kuko akunda inshyushyu n'intyabire.
- Busyete yahirira imbyeyi ye imicwira.



5. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Indyo yuzuye



Ababyeyi ba Semacwa bamenye ko afite amagufwa adakomeye. Banga kuba inshyanutsi ariko **ntibanacweza**. Bukeye, bagiye kugisha inama umuturanyi wabo.


Yabagiriye inama yo kumugaburira indyo yuzuye. Yababwiye ko batazirengagiza kumuha inshyushyu, intyabire n'imbutu. Igikoma bagitekesheha ifu baseye ku rusyo. Nyina yabaye intyoza, anamushakira **indyoshyandyo** zikwiye.

Bagaburiye Semacwa, bidatinze amagufwa ye arakomera. Ubu Semacwa yatangiye ishuri aca ukubiri n'indwara.


- Ni nde ababyeyi ba Semacwa bagishije inama?
- Ni iki cyatumaga amagufwa ya Semacwa adakomera?
- Semacwa amaze kugaburirwa neza byagenze bite?

6. Uhereye ku mashusho hitamo igihekanze maze wuzuze ijambo.

sy, fw, ndy, cw, nshy, nty




uru__o
igu__a
i__abiti
imi__ira
i__ushyu
i__abire



Igihekane mpy/Mpy

1. Erekana amashusho arimo ijwi **mpy**.



2. Erekana igihekane mpy/Mpy.



mpy

Mpy

3. Soma imigemo ikurikira.



mpyi

mpye

mpyo

mpya

4. Soma amagambo akurikira.



impyisi

Mpyorero

Serupyipyinyurimpyisi

Sempyorero

impyiko

Sempyisi

yampyemuye

yampyatuye

5. Soma interuro zikurikira.



a) Sempyisi yarwaye impyiko.

b) Mpyorero yabonye impyisi mu ishyamba.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Mubyeyi kwa sekuru



Mubyeyi yagiye i Kayonza kwa Sekuru Sempyisi. Yifuzaga kumenya imyambaro yambarwaga n'Abanyarwanda bo hambere.

Agezeyo nyirakuru Nyirampyorero amwakirana urugwiro. Nimugoroba bataramye, abaza Sempyisi uko hambere bambaraga. Amusubiza ko bambaraga imyambaro ikoze mu mpu. Abandi bakambara impuzu **bakomaga** mu bishishwa by'imivumu.

Sempyisi yongeraho ko ikoze mu mpu yakorwaga n'abakannyi. Anamubwira ko sekuruza Serupyipyinyurimpyisi na we yari **umukannyi**.

Mubyeyi arishima ndetse abashimira inyigisho nziza bamuhaye.

- a) Abanyarwanda bo hambere bambaraga imyambaro ikoze mu ki?
- b) Ni uwuhe mwuga Serupyipyinyurimpyisi yakoraga?
- c) Vuga indi myuga gakondo waba uzi.

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



mpy mpy mpy mpy mpy



Mpy Mpy Mpy Mpy Mpy

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



impyiko - Mpyorero - yampyaturye

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.




Nyirampyorero yabonye impyisi.

10. Soma ijambo uryandike mu mukono, unace akarongo ku gihekane mpy.

- a) impyisi
- b) Mpyorero
- b) Sempyisi

Igihekane pw/Pw

1. Erekana amashusho arimo ijwi pw.



2. Erekana igihekane pw/Pw.



pw

Pw

3. Soma imigemo ikurikira.



pwa

pwe

4. Soma amagambo akurikira.



gukopwa

yakopwe

gucapwa

barakopwe

byaracapwe

arakopwa

ntiyakopwe

kutazakopwa

5. Soma interuro zikurikira.



a) Ibitabo byagombaga gucapwa byaracapwe.

b) Sempyisi akopwa n'abacuruzi baturanye.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Yamenye kuboha



Umunsi umwe, Mukamatsiko yari iwabo asoma igitabo. icyo gitabo nyina yari **yaragikopwe** na Mpyisi. Cyari igitabo cyacapwe n'umuhanga witwa Nyirampyorero.

Urubwiruko rwose rwavugaga ko cyacapwe neza. Mukamatsiko agisoma, yitegereje ishusho y'umugore wabohaga **agaseke**. Bukeye yegera nyina amusaba kumwigisha kuboha. Nuko bicaye mu nzu, nyina arabimwigisha.

Kuva ubwo Mukamatsiko atangira gukunda imyuga gakondo. Iyo bamutumaga guhaha yitwazaga agaseke yaboshye.

- a) Ni iki cyateye Mukamatsiko gukunda imyuga gakondo?
- b) Mu gitabo Mukamatsiko yasomaga, yabonye umugore wakoraga iki?
- c) Uretse agaseke, ni ibihe bikoresho bindi bibohwa?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekanane gikurikira.



pu pu pu pu pu pu pu



Pu Pu Pu Pu Pu Pu Pu

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



gucapwa - yakopwe - byaracapwe

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Jyana inyandiko ku icapiro zicapwe.

Ibi bitabo byacapwe n'abahanga.

10. Tondeka imigemo wahawe ukore ijambo, unaryandike unoza umukono.


a) za - pwa - ca- ki

b) ra- ko- ba - pwe

c) a - pwa - ra - ko

Imyitozo

1. Erekena amashusho arimo amajwi mpy/pw.



2. Soma imigemo ikurikira.



mpye

mpyi

pwa

mpya

mpyo

pwe

3. Soma amagambo akurikira.



impyisi

gukopwa

utampyatura

byaracapwe

Sempyisi

impyiko

yakopwe

arakopwa

4. Soma interuro zikurikira.



a) Nyirampyorero arasoma igitabo cyacapwe neza.

b) Sempyisi yakopwe umuti uvura impyiko.



Igihe cyarageze, Sempyisi yigisha Mpyorero umwuga w'ubukannyi. Yagiraga ngo inshuti ye itazasaza igikopwa ibiribwa. Mpyorero yize ubukannyi atangira gukora imikandara n'amasakoshi. Yanabyigishije mushiki we Nyirampyorero bafatanya uwo mwuga. Biteza imbere, basezerera ibyo gukopwa n'abandi.

- Ni izihe mpungenge Sempyisi yari afitiye Mpyorero?
- Nyuma yo kwitabira umwuga w'ubukannyi, byagendekeye bite Mpyorero?
- Vuga akamaro k'umwuga w'ubukannyi.

6. Soma kandi wandike mu mukono wigana ibihokane bikurikira.



Mpy Pu Mpy Pu Mpy Pu



mpy pu mpy pu mpy pu

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Impyisi - gucapwa - wimpyinagaza - gukopwa

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Impyisi yirukankanye ihene ya Mpyorero.

9. Uzurisha kimwe muri ibi bihekane mpy na pw ukore ijambo unaryandike unoza umukono.

a) i___iko

c) Serupyipyinyuri___isi

b) yarabiko___e

d) hazakoro___a

10. Hitamo amagambo wuzuze interuro, maze uzandike unoza umukono: impyiko, Mpyipyinyura, zicapwe, Mpyorero, azakopwa, Sempyisi

a) _____nigire mu birori.




b) Habayeho umwana witwaga _____wari inshuti ya _____.

c) Jyana izo nyandiko___neza.

d) Kaneza _____umuti uvura _____.

Igihekane mpw/Mpw

1. Erekana amashusho arimo ijwi **mpw**.



2. Erekana igihekane **mpw/Mpw**.



mpw

Mpw

3. Soma imigemo ikurikira.



mpwi

mpwe

mpwa

4. Soma amagambo akurikira.



impwempwe

umumpwiturire

impwerume

simpwanye

Mpwerazikamwa

Mpwempwe

Sempwempwe

arampwitura

5. Soma interuro zikurikira.



a) Mpwerazikamwa afite impwempwe nyinshi.

b) Impwerume ya Sempwempwe iraryana.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Uko yatunze isuka



Kera habayeho umugabo w’umukene akitwa Sempwempwe. Nta suka yagiraga, yibazaga aho azayikura bikamuyobera.

Bukeye ajya kwa Mpwerazikamwa wazicuraga ngo ayikopwe. Ku nzira abona impyisi yirukankanye **impwerume** ya Mpwerazikamwa. Sempwempwe ahita akoma akamo akiza iyo mpwerume. Arangije ayambika **ishumi** ayishyira Mpwerazikamwa. Amubwira ko ayikijije ariko yashakaga no gukopwa isuka. Mpwerazikamwa amuha isuka amubwira ko ayimuhembye atayimukopye.

Sempwempwe agira ibyishimo byinshi, atunga isuka atyo.

- a) Sempwempwe yari agiye gukora iki kwa Mpwerazikamwa?
- b) Sempwempwe yakijije impwerume ate?
- c) Uretse isuka, ni ibihe bikoresho bindi bashobora gucura?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



mpw mpw mpw mpw mpw



Mpw Mpw Mpw Mpw Mpw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



impwempwe - impwerume - umpwiture

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Umpwiturire Iimpwempwe age kwiga.

10. Shakisha byibura amagambo atatu yakoreshejwe mu mwandiko “Uko yatanze isuka” arimo igihekane mpw, uyandike unoza umukono.


a) _____

b) _____

c) _____

Igihekane nsy/Nsy

1. Erekana amashusho arimo ijwi **nsy**.



2. Erekana igihekane nsy/Nsy.



nsy

Nsy

3. Soma imigemo ikurikira.



nsyo

nsyi

nsye

nsyu

nsya

4. Soma amagambo akurikira.



yansyonyoye

insyo

winsyigingiza

Satinsyi

nsyunyuye

Nsyori

aransyonyoye

nsye

5. Soma interuro zikurikira.



a) Twereke ahari izo nsyo dusye aya masaka.

b) Tambuka neza utansyonyora ngiye kuri Satinsyi.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Nsyori yarampwituye



Umunsi umwe mu museso, nahuye n’umubaji Nsyori. Nari mpwereye narembye arampwitura nerekeza kwa muganga. Nsyori yari yikoreye imbehe, imyuko n’imidaho yabaje. Yari abijyanye mu isoko rya Satinsi kubigurisha.

Twageze imbere duhura n’imbwebwe iratumokera. Duhita duhungira mu rugo rwa Mpwituzi. Nsitara ku nsyo zari aho mu mbuga ingasire iragwa. Mpita nyiterura maze iranshika insyonyora ikirenge iransyigiza.

Nsindagira njya kwa muganga umubaji Nsyori yikomereza ku isoko.

- a) Ni uwuhe mwuga Nsyori yakoraga?
- b) Ni ibihe bikoresho Nsyori yari ajyanye ku isoko?
- c) Ni akahe kamaro k’ibikoresho Nsyori yari ajyanye ku isoko?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



nsy nsy nsy nsy nsy nsy nsy



Nsy Nsy Nsy Nsy Nsy Nsy

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



insyo - winsyonyora - utansyigizingiza

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Nsya amasaka ku rusyo runini.

10. Tondeka imigemo ukore amagambo, kandi uyandike mu mukono.

- a) ra-wi- nyo-nsyo
- b) wi-gi-nsyi-za-ngi
- c) ye - nyo - nsyo - ya

Imyitozo

1. Erekana amashusho arimo amajwi mpw/nsy.



2. Soma imigemo ikurikira.



mpwa

nsyo

mpwe

nsye

nsyi

mpwi

nsyu

nsya

3. Soma amagambo akurikira.



impwerume

yansyonyoye

yampwituye

Satinsyi

Simpwihwisa

insyo

Sempwempwe

Mpwempwe

4. Soma interuro zikurikira.



a) Sempwempwe anyegereje urusyo nsya amasaka.

b) Inyana yansyonyoreye kwa Mpwerazikamwa.



5. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Ibikoresho byo kwa nyogokuru



Nitwa Mpwerazikamwa, niga mu mwaka wa gatatu. Mu kiruhuko nagiye kwa nyogokuru Nyiransyori. Nifuzaga kumenya ibikoresho gakondo nyogokuru yifashisha.

Nahahuriye na **marume** Sempwempwe utuye muri Satinsyi. Yansobanuriye ibikoresho bitandukanye nyogokuru yifashisha. Yanyeretse insyo, **ingasire**, inkoko, imbehe, intorezo, isekuru n'ibindi. Nyogokuru iyo yabintumaga nkabiyoberwa yarampwituraga. Ubu narabisobanukiwe. Nange nsigaye nsobanurira abandi.

Nashimishijwe cyane n'ibikoresho bitandukanye nyogokuru yifashisha.

- Ni iki Mpwerazikamwa yifuzaga kumenya?
- Nyiransyori yakoraga iki igihe Mpwerazikamwa yabaga yayobewe icyo yamutumye?
- Ni ibihe bikoresho gakondo bindi bitavuzwe mu mwandiko?

6. Soma interuro zikurikira maze uhuze buri nteruro n'ishusho bijyanye uhuza umubare n'inyuguti.

A

Inkende yamuhaye
uwo muneke
akomeza kugenda
yishimye.

B

Munana
yatemberaga
mu rutoki

C

Abona inkende
ifite umuneke,
arawuyisaba.

1



2



3



7. Soma kandi wandike mu mukono wigana ibihekane bikurikira.



Mpu Nsy Mpu Nsy Mpu



mpu nsy mpu nsy mpu

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



mpwiturira - Iatinsyi - impwempwe - ntunsyonyore

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro zikurikira.



Impwerume ni imbwa y'ingabo.



Mpwempwe yirinze kunsyonyora ikirenge.

10. Uzurisha igihekane kimwe muri ibi bihekane mpy, mpw, nsy ukore ijambo, unaryandike unoza umukono.


a) i____erume

b) yara____atuye

c) i____o

Igihekane mvw/Mvw

1. Erekana amashusho arimo ijwi **mvw**.



2. Erekana igihekane mvw/Mvw.



mvw

Mvw

3. Soma imigemo ikurikira.



mvwe

mvwa

4. Soma amagambo akurikira.



kumvwa

arumvwa

yumvwe

azumvwa

bizumvwe

5. Soma interuro zikurikira.



a) Yumvwanayo yumvwa n'abaturanyi.

b) Ibyo urabivuga ngo bizumvwe na nde?



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Ibiryo byo kwa nyirakuru



Yumvwanayo yahoranaga ikifuzo cyo kugaburirwa na **nyirakuru**. Nuko ajya kumusura iwe hakurya ya Satinsyi. Agezezo aravunyisha ariko ntiyumvwa.

Kwa nyirakuru bari bahuze basya amasaka ku nsyo. Yumvwanayo abonye ko atumvwa yinjira mu gikari. Nyirakuru amubonye amwicaza ku musambi mwiza yiboheye. Yamuzaniye imyumbati n'**inkongoro** yuzuye amata. Imyumbati yari yatetswe mu nkono yabumbwe na Mpwituzi.

Yumvwanayo ashimishwa n'ibiryo byo kwa nyirakuru.

- a) Nyirakuru wa Yumvwanayo yari atuye he?
- b) Kuki Yumvwanayo yavunyishije ntiyumvwe?
- c) Ni ibihe bikoresho banyweramo cyangwa bashyiramo amata?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



mvw mvw mvw mvw mvw



Mvw Mvw Mvw Mvw Mvw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



arumvwa - bazumvwe - barumvwa

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.




Radiyo yumvwa n'abantu benshi.

10. Soma ijambo uryandike mu mukono, maze uce akarongo ku gihekane **mvw**.

- a) arumvwa
- b) azumvwe
- c) Yumvwanayo

Igihekane byw/Byw

1. Erekana amashusho arimo ijwi byw.



2. Erekana igihekane byw/Byw.



byw

Byw

3. Soma imigemo ikurikira.



bywa

bywe

4. Soma amagambo akurikira.



ntibagasibywe

guhebywa

gusibywa

gusebywa

kuyobywa

bakarabywa

akarabywe

gutubywa

5. Soma interuro zikurikira.



a) Nyiratebywa yishimira gukarabywa na nyina.

b) Abagenzi bamwe bayobywa bakanatebywa no kutamenya gusoma.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Si byiza gukwiza ibihuha



Byarahwihwiswaga mu baturanyi ko Nsyori atazi gukana. Nimugoroba Nsyori atumira abaturanyi ngo atazakomeza gusebywa.

Nsyori wari umukannyi aterura ikiganiro. Atangira avuga ko atacyumvwa kubera gusebywa na bo. Umugore we Nyiratebywa aramwunganira avuga ibyo basebywa. Abasaba kutazayobywa n'abahomvomva ko Nsyori atazi gukana. Nyiratebywa abereka inkanda Nsyori yakanye basanga ari nziza.

Bishimira ubwiza bwazo bavuga ko ibyo basebywa bitazongera kumvwa. Kuva ubwo Nyiratebywa na Nsyori ntibongera gusebywa ukundi.

- Kubera iki Nsyori yatumiye abaturanyi?
- Ni gute Nsyori n'umugore we bemeje abaturanyi ko ibyahwihwiswaga atari ukuri?
- Vuga imyambaro gakondo Abanyarwanda bikoreraga.

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



byu byu byu byu byu byu



Byu Byu Byu Byu Byu

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Ntibasebywa - barayobya - asibya

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.




Abanyeshuri ntibagasibye ishuri.

10. Tondeka neza imigemo wahawe, ukore amagambo uyandike unozu umukono.

- a) gu - bywa- se
- b) bywa - ra - ba- ka - ra
- c) ba- te-bywa- za

Imyitozo

1. Erekana amashusho arimo amajwi mvw/byw.



2. Soma imigemo ikurikira.



bywa

mvwa

mvwe

bywe

3. Soma amagambo akurikira.



bakarabywa

kumvwa

kuyobywa

yumvwe

gusebywa

bizumvwe

uyobywe

twumvwe

4. Soma interuro zikurikira.



a) Ntibasebywa yumvwa na bese.

b) Abana benshi bayobywa n'uburangare.



5. Soma umuvugo ukurikira.

Ubuwumvu ni bwiza



Ubuwumvu ni bwiza
Ni umwuga gakondo
Utanga ifaranga
Ukavura ubutindi.

Umugabo Sempyoko
Yari akennye cyane
Agahora akopwa byose
Ntiyumvwe mu bandi.

Yatekereje rwose
Uburyo ayobywa cyane
No kutikoza umwuga
Watunze ababyeyi.

Yagufatiye urugendo
Imbwa akunda cyane
Mpwerume barajyana
Yagika imizinga.

Yahakuye imizinga
Aba abonye ifaranga
Anashinga uruganda
Rutunganya ubuki.

Agura insyo zirindwi
Zituruka i mahanga
Basheshaho imyaka
Ubwo agwiza umutungo.

Bavandimwe mwese
Dukunde ubuwumvu
Buvubura ifaranga
Bukavura ubutindi.

- a) Kuki ubuwumvu ari bwiza?
- b) Amafaranga Sempyoko yabonye yayakoresheje iki?
- c) Ubuki bumara iki?

6. Soma kandi wandike mu mukono wigana ibihokane bikurikira.



Mvw Byw Mvw Byw Mvw



mvw byw mvw byw mvw

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



bazumvwa - Ntibasebywa - arahomvumvwe - gusebywa

8. Tondeka neza imigemo wahawe ukore amagambo yumvikana uyandike unozu umukono.

a) zu - mvwe - u

b) ka - ba - bywe - ra


c) bywa-ka-a-ra-ra

9. Shaka mu kinyatuzu amagambo arimo ibihokane mvw na byw, maze uyandike mu mukono.

ndo	ga	ho	ku	mvwa	tza
gu	ka	ra	bywa	ru	wu
ba	zu	mvwe	po	za	ngo
Nti	bu	mvwa	a	si	bywe
mvwi	fi	o	gu	si	bywa
ryo	a	ra	se	bywa	gu

Isuzuma risoza umutwe wa mbere

1. Huza igihokane n'ishusho irimo ijwi bijyanye.

	mpy	
	pw	
	mpw	
	nsy	
	mvw	
	byw	

2. Soma imigemo ikurikira kandi uyandike mu mukono.

	mpy	mpyo	mpya	mpye	mpyi
	pw	pwa	pwe		
	mpw	mpwi	mpwa	mpwe	
	nsy	nsyi	nsyo	nsya	nsyu
	mvw	mvwa	mvwe		
	byw	bywa	bywe		

3. Soma amagambo akurikira.

	Mpyorero	akwepwa	impwerume	Satinsyi
	yumvwa	kudasibywa	impyisi	mumpwiturire

4. Soma interuro zikurikira.

-  a) Impwerume ya Sempyisi iramoka ntiyumvwe.
 b) Kangabo wakopwe igare yansyonyoye.



5. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Impwerume yaramuvudukanye



Umunsi umwe, Mpyorero bamutumye kuri Satinsyi guhaha. Ahura n'abahigi bafite imyambi, imiheto n'amacumu. Bari **bashoreye** imbwa z'impwerume, iy'inkazi iramuvudukana.

Mpyorero yahise ahunga ahura n'imodoka akwepwa na yo. Yarimo ibitabo byacapwe kugira ngo bizakopwe abasomyi. Mpyorero yakomeje gutabaza yumvwa na Basebywanabo amukiza impwerume.

Kubera ubwoba, Mpyorero yatinye gukomeza urugendo. Basebywanabo **aramuhumuriza** amusaba kudasibywa isoko n'ubwoba afite. Mpyorero yumva inama nziza agiriwe ajya guhaha.

- a) Ni ibihe bikoresho abahigi bari bafite?
- b) Ni nde wakijije Mpyorero impwerume?
- c) Uramutse uhuye n'imbwa mu nzira wabigenza ute?

6. Huza ukoresheje akambi ibikoresho n'ababikoreshaga mu myuga gakondo.

Ibikoresho

- 1) Umuheto
- 2) Isuka
- 3) Umuzinga
- 4) Inyundo
- 5) Impu
- 6) Ibumba

Ababikoreshaga

- a) Umukannyi
- b) Umucuzi
- c) Umubumbyi
- d) Umuhinzi
- e) Umuvumvu
- f) Umuhigi

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



mpyipyinyura - bizacapwa - arampwiturye

ntunsyonyore - arumvwa - gutelwira

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro zikurikira.



Impwera yumvwa na bagenzi be.

9. Uzurisha ibihakane mpy, pw, mpw, nsy, mvw, byw ukore ijamba uryandike unoza umukono.


- | | |
|----------------|--------------|
| a) i____iko | d) i____o |
| b) bizaca____a | e) bu____e |
| c) i____erume | f) Kuyo____a |

10. Tondeka amagambo neza ukore interuro yumvikana, maze uyandike mu mukono.

- a) buhora - ntiyumvwe - Mpwerazikamwa - aravuga
- b) gusya - insyo - zo - Ntibasebywa - amasaka - yakopwe

Igihekane ncy/Ncy

1. Erekana amashusho arimo ijwi ncy.



2. Erekana igihekane ncy/Ncy.



ncy

Ncy

3. Soma imigemo ikurikira.



ncya

ncyu

ncyo

4. Soma amagambo akurikira.



Ncyuyinyana

urancyocyora

incyamuro

arancyurira

incyuro

muncyamurire

ncyura

Ncyuyishyo

5. Soma interuro zikurikira.



a) Ncyuyimihigo yancyuriye ncyuye intama.

b) Uncyamurire Ncyuyishyo antize incyamuro.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Twirinde marariya



Ncyuyinyana yahoraga asibywa ishuri n’uburwayi bwa marariya. Naho Nyina yiberaga mu **ncyuro** n’itunganya mu baturanyi. Ntiyafataga isuka n’umuhoro ngo akureho ibihuru bikikije urugo. Ibyo bihuru byari byarabaye indiri y’imibu itera marariya.

Umunsi umwe, Ncyuyinyana yaramukanye umuriro mwinshi **anatengurwa**. Nyina ahamagara umujyanama w’ubuzima, ahageze aha Ncyuyinyana umuti. Yabigishije kurara mu nzitiramibu anabibutsa gukora isuku y’urugo.

Uwo mujyanama w’ubuzima yumvwaga na benshi mu mudugudu. Hashize igihe gito, Ncyuyinyana arakira yongera kujya kwiga.

- a) Ni iki cyatumaga Ncyuyinyana asiba ishuri?
- b) Ni akahe kamaro ko kurara mu nzitiramibu?
- c) Urumva byaragenze bite Ncyuyinyana asubiye ku ishuri?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihokane gikurikira.



ncy ncy ncy ncy ncy ncy



Ncy Ncy Ncy Ncy Ncy Ncy

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Incyamuro - yancyuriye - incyuro

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Ncyuyishyo yanga incyuro

10. Tondeka aya magambo ukore interuro ziboneye, uzandike mu mukono.



a) Ndababara - yancyuriye - Ncyuyishyo

b) gitondo - mu - yancyamuye - Ncyuyinyana

c) yaguze - Ncyuyimihigo - isoko - mu - incyamuro

Igihekane shyw/Shyw

1. Erekana amashusho arimo ijwi shyw.



2. Erekana igihekane shyw/Shyw.



shyw

Shyw

3. Soma imigemo ikurikira.



shywa

shywe

4. Soma amagambo akurikira.



Semashywa

umwishywa

urarushywa

yoshywe

kurushywa

guhashywa

bishyushywe

kureshywa

5. Soma interuro zikurikira.



a) Semashywa ararushywa no gukura imyishywa ku rugo.

b) Ibi bishyimbo bishyushywe bitaragaga.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Turyame mu nzitiramibu



Mu gihe k'ibiruhuko Semashywa yasuye kwa sekuru Ncyuyimihigo. Nijoro agiye kuryama abura inzitiramibu atangira incyuro atyo. Yacyuriraga **mwishywa** we Ncyuyishyo kuko atayiryamagamo. Kwari ukugira ngo atazoshywa cyangwa akabeshywa ko idafite akamaro.

Mwishywa we amubwira ko sekuru nta cyo abiziho. Bukeye Semashywa yihutira kubwira sekuru akamaro k'inzitiramibu. Amusobanurira ko imibu itera marariya ihashywa n'inzitiramibu.

Sekuru yumvise **impanuro** z'umwuzukuru, ajya kubashakira inzitiramibu. Uwo munsu bese baryamye banezerewe cyane, by'akarusho Semashywa.

- a) Kubera iki Semashywa aho kuryama yatangiye incyuro?
- b) Ni iki Semashywa yihutiye kubwira sekuru?
- c) Ni izihe nama wagira abakoresha nabi inzitiramibu?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



shyu shyu shyu shyu shyu



Ishyu Ishyu Ishyu Ishyu Ishyu

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



imyishywa - kurushywa - kubyibushywa

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Lemashywa abyibushywa no

kutarushywa n'imirimo ivunanye.

10. Tondeka imigemo wahawe ukore amagambo yumvikana, uyandike mu mukono, unace akarongo ku gihekane shyw.




a) ra - shywa - ru - ba

b) ma - Se - shywa

c) shywe - bi - za - ryo

Imyitozo

1. Erekana amashusho arimo amajwi **ncy/shyw**.



2. Soma kandi wandike imigemo ikurikira.



ncyu

shywe

ncyu

ncyu

shywa

3. Soma amagambo akurikira kandi uyandike.



kurushywa

Ncyuyishyo

kureshywa

bancyamurire

kubishywa

incyamuro

incyuro

koshywa

4. Soma interuro zikurikira kandi uzandike.



a) Ncyuyimihigo areshywa na mwishywa we.

b) Twirinde koshywa no guhora mu ncyuro.



5. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Duhashye marariya



Igishanga cyo kwa Ncyuyinyana cyatashywe n'imibu ijubya abagituriye. Imibu yabyibushywaga no kuruma abantu bakarwara marariya.

Umunsi umwe, Ncyuyimihigo yahamagaye abaturage ngo **abungure inama**. Yashakaga gucyaha aboshywaga bakanabeshywa ko imibu idatera marariya.

Yabashishikariye gufata **incyamuro** bagasiba ibidendezi. Yanabasabye gutema ibihuru byarimo imyishywa no gukinga amadirishya nimugoroba. Biyemeje kujya barara mu nzitiramibu buri gihe.

Ncyuyimihigo yabasabye gukebura abataje nta gukoresha incyuro. Abaturage bakurikije izo nama maze marariya **irahashywa**.

- Imibu yabyibushywaga n'iki?
- Kubera iki Ncyuyimihigo yahamagaye abaturage?
- Ni ibiki bishobora kuba indiri y'imibu itera marariya?

6. Soma kandi wandike mu mukono wigana ibihokane bikurikira.



Ncy Ihw Ncy Ihw Ncy



ncy shyw ncy shyw ncy

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



kurushywa - Ncyujishye - kureshywa - incyamuro

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Ncyujimihigo na mwishywa

we ntiboshywa n'incyuro.

9. Uzurisha kimwe mu bihekane ncy / shyw ukore ijambo ryumvikana, maze uryandike mu mukono.



a) barabyibu____a

b) ntuka____urire

c) i____amuro

d) ntibazaru____e

Igihekane nshw/Nshw

1. Erekana amashusho arimo ijwi nshw.



2. Erekana igihekane nshw/Nshw.



nshw

Nshw

3. Soma imigemo ikurikira.



nshwa

nshwe

nshwi

4. Soma amagambo akurikira.



nshwana

nshwishuriza

inshwegegeri

yanshwaratuye

uranshwiragiza

yanshwaniye

kunshwishuriza

inshwima

5. Soma interuro zikurikira.



a) Nabujije injangwe kurya inshwegegeri
iranshwaratura.

b) Namubujije kunshwanira no kunshwiragiza
aranshwishuriza.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Umubu Ruhashywa



Umubu witwaga Ruhashywa wari warigabije igishanga cyange. Wari waranshwiragije ugahora **wigamba** kubyibushywa no kuruma abantu. Nababazwaga no kubona igishanga cyange cyaratashywe na wo.

Umunsi umwe, nshwekurana na mwishywa wange tuwugabaho igitero. Arankundira ntiyanshwanira tujyana kuwuhiga aho wabanaga n'abana bawo. Tuwugezeho, nywubaza impamvu uhora wigamba kubyibushywa no kuturuma.

Uranshwishuriza maze ndarakara nshwekura inyuma yawo uransiga. Mwishywa wange amfasha gutema ikigunda wari waragize **indiri**. Kuva ubwo, uwo mubu Ruhashywa ntiwongeye kunshwiragiza ukundi.

- a) Ni iki cyatumye abantu bajya guhiga umubu?
- b) Umubu wahashyijwe ute?
- c) Ni ubuhe buryo bwakoreshwa mu guhashya imibu itera marariya?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



nshw nshw nshw nshw nshw



Nshw Nshw Nshw Nshw Nshw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



inshwegegeri - inshwima - winshwaratura

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Injangwe yanshwaraturye iranshwiragiza

10. Tahura mu gakuru “Umubu Ruhashywa” amagambo nibura atatu afite igihekane **nshw**, maze uyandike mu mukono.



a) _____

b) _____

c) _____

Igihekane myw/Myw

1. Erekana amashusho arimo ijwi **myw**.



2. Erekana igihekane myw/Myw.



myw

Myw

3. Soma imigemo ikurikira.



mywa

mywe

4. Soma amagambo akurikira.



guhamywa

kuramywa

iramywe

guhummywa

5. Soma interuro zikurikira.



a) Marita asomywa umuti ngo adahummywa n'indwara.

b) Ibyo biseke birummywe n'umuntu ubizi.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Bakize icyorezo



Mu Murenge wa Cyumywa abana bambaraga inshwabari ntibanisukure. Kubera iyo mpamvu, abana bokamwe n'icyorezo k'indwara.

Bumywaga amazi mu mubiri, bakanahumywa n'icyo cyorezo. Buri mubyeyi yihutiraga kujyana umwana kwa muganga. Abafite ubwisungane mu kwivuza basomywaga ku muti bagakira. Abatabufite bivuzaga bibagoye kandi bibahenze cyane. Muganga yagiraga ababyeyi inama ababuza kwambika abana inshwabari.

I Cyumywa ababyeyi bakurikije inama bagiriwe na muganga. Ubu bihamywa ko icyorezo kitakiharangwa, abana babayeho neza.

- a) Ni bande bokamwe n'icyorezo k'indwara?
- b) Abadafite ubwisungane mu kwivuza bivuzaga bate?
- c) Ni akahe kamaro k'ubwisungane mu kwivuza?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



myw myw myw myw myw



Myw Myw Myw Myw Myw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



kuramywa - gukamywa - guhumywa

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Abarwayi baramywa no kwitabwaho.

10. Tondeka imigemo wahawe ukore ijambo uryandike mu mukono, unace akarongo ku gihekane **myw**.



a) ba - hu - mywa - za

b) ra - za- mywa- I

c) mywa- ra - so - a

Imyitozo

1. Erekana amashusho arimo amajwi nshw/myw.



2. Soma imigemo ikurikira.



shwa

nshwe

mywe

nshwi

mywa

3. Soma amagambo akurikira.



nshwima

kirumywe

yanshwaratuye

guhamywa

yanshwiragije

kuremywa

inshwegegeri

ahumywa

4. Soma interuro zikurikira.



a) Nshwekuye ngiye kureba iriba rikamywa n'izuba.

b) Namubwiye ko yahumywa n'indwara aranshwanira.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Twitabire ubwishingizi mu kwivuza



Nitwa Nshwima, niga mu mwaka wa gatatu. Umunsi umwe navaga kwiga, mpura n'inturo **iranshwaratura** bikabije. Iyo nturo yananshwanyaguriye ibitabo, **iranshwiragiza** mpita nshwekura ndayihunga. Mpura na Ncyuramihigo musaba ibyatsi byo kwiynomora aranshwishuriza.

Yanyohereje kwa muganga kuko igisebe cyumywa n'umuti waho. Banshyiriye umuti mu gacupa baragafunga kararumywa neza. Ngeze mu rugo nsomywa kuri wa muti nahawe ndoroherwa.

Ababyeyi bange bababajwe no kubatangisha amafaranga menshi. Mbabwira ko bihamywa ko ubwisungane mu kwivuza bukwiye. Kuva ubwo bahita babwitabira ntibongera guhombywa no kutabugira.

- Kwa muganga bafashije bate Nshwima?
- Ni iyihe mpamvu yatumye ababyeyi batanga amafaranga menshi?
- Wakwitwara ute kugira ngo udakomeretswa n'innyamaswa?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana ibihokane bikurikira.



Nshw Myw Nshw Myw Nshw



nshw myw nshw myw nshw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



inshwima - kuremywa - inshwegegeri - ahumywa

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Abarwaye inshwima bahumywa amaso

n'ababwirira ko barozwe

10. Uzurisha kimwe mu bihekane nshw/myw ukore ijambo ryumvikana, maze uryandike mu mukono.



a) arara_____a


b) ara_____iragiza

c) Ntibizu_____e

d) _____ekure

Igihekane nshyw/Nshyw

1. Erekena amashusho arimo ijwi nshyw.



2. Erekena igihekane nshyw/Nshyw.



nshyw

Nshyw

3. Soma imigemo ikurikira.



nshywa

4. Soma amagambo akurikira.



Muteranshywa

Nyiranshywa

inshywa

Mutumwanshywa

Senshywa

Mukanshywa

Mukuranshywa

Kanyenshywa

5. Soma interuro zikurikira.



a) Mukanshywa akunda gukura inshywa mu bicuma.

b) Kanyenshywa yitiranya inshywa n'inzuzi z'ibihaza.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Yahawe imiti



Senshywa yari yararembeye mu rugo kubera marariya. Nyina yahugiraga mu kuvana inshywa mu **ducuma**, ntamwiteho. Akenshi iminwa ye yumywaga no kubura icyo anywa.

Umunsi umwe, Senshywa yifuje kurya **inshwegegeri** abura uzimuzanira. Nimugoroba umujyanama w'ubuzima anyuze iwabo asanga Senshywa yararembye. Amukozeho yumva arahinda umuriro yihutira kumuzanira imiti. Amaze kuyimuha, anamusabira ku Mana iramywa ngo imukize.

Hanyuma ahamagara nyina amusaba kwita kuri Senshywa. Nuko atangira kumwitaho, akira bidatinze.

- a) Ni iyihe ndwara yari yararembeye Senshywa?
- b) Ni gute umujyanama w'ubuzima yamenye ko Senshywa ari guhinda umuriro?
- c) Kuki ari ngombwa kujya kwa muganga ugifatwa n'indwara?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



nshyw nshyw nshyw nshyw



Nshyw Nshyw Nshyw Nshyw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Lenshywa - inshywa - Nyiranshywa

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Lenshywa yakuye inshywa mu
gicuma cya Nyiranshywa.

10. Tahura mu gakuru amagambo byibura atatu yakoreshejwe arimo igihekane **nshyw**, uyandike mu mukono.




a) _____

b) _____

c) _____

Igihekane mbyw/Mbyw

1. Erekana amashusho arimo ijwi **mbyw**.



2. Erekana igihekane **mbyw/Mbyw**.



mbyw

Mbyw

3. Soma imigemo ikurikira.



mbywa

mbywe

4. Soma amagambo akurikira.



Guhombywa

kurembywa

ntirumbywe

ntibazahombywe

ntasumbywe

arembywa

adasumbywa

gusumbywa

5. Soma interuro zikurikira.



a) Yararwaye ahombywa no kurembywa n'uburwayi.

b) Ntituzangane tutazahombywa na byo.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Senshywa na Nyiranshywa



Umugabo witwaga Senshywa yari yarashakanye na Nyiranshywa. Bahoraga barembywa na marariya bigatuma bahombywa no kwivuzza.

Ibyo byatumaga imyaka yabo irumbywa no kudafumbirirwa igihe. Bityo bakababazwa no gusumbywa umusaruro n'abaturanyi babo. Bagiyeye kugisha inama **umujyanama w'ubuzima** uko bakwirinda uburwayi. Bageze iwe basanga arakura **inshywa** mu bicuma bye. Bamutekerereje ibyabo byose abasaba kwirinda kurembywa na marariya. Yabasabye kurara mu nzitiramibu no kwikiza ibigunda n'ibidendezi.

Barabyubahirije ntibongera kurembywa no guhombywa n'uburwayi bwa marariya.



- Ni iki cyatumaga Senshywa na Nyiranshywa bahora barembye?
- Ni gute inama z'umujyanama w'ubuzima zabagiriye akamaro?
- Ni akahe kamaro k'umujyanama w'ubuzima?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



mbyu mbyu mbyu mbyu mbyu



Mbyu Mbyu Mbyu Mbyu Mbyu

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Kurembywa - guhombywa - ntagasumbywe

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Ahombywa no guhora arembywa n'uburwayi.

10. Tondeka imigemo wahawe ukore ijambo ryumvikana,
uryandike mu mukono, unace akarongo ku gihekane mbyw.




a) da - mbywa - ho - ku

b) mbywa - ho - gu

c) nti - mbywe - za - re - mu

Imyitozo

1. Erekana amashusho arimo ijwi nshyw/mbyw.



2. Soma imigemo ikurikira.



mbywe

nshywa

mbywa

3. Soma amagambo akurikira.



Kanyenshywa

ntarembywe

inshywa

guhombywa

Muteranshywa

arembywa

Senshywa

gusumbywa

4. Soma interuro zikurikira.



a) Inshywa zaguye mu jisho rya Mutumwashywa arembywa na zo.

b) Senshywa ahombywa no gukopa abatamwishyura.



5. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Yariye ibitaribwa



Nyiranshywa yakundaga gufasha nyina kuvomerera **inzuzi** z'ibicuma. Nyina yamubwiraga ko iyo zitavomerewe zishobora kumywa n'izuba. Ibyo bigatuma bazitaho cyane ngo **zitarumbywa** no kubura amazi.

Nyiranshywa yanafashaga nyina gukura inshywa mu bicuma. Hari igihe yiranguje igicuma, inshywa zimuhagama mu muhogo. Nyina agerageje kuzimukuramo biramunanira maze arembywa na zo. Bukeye amujyana kwa muganga, amugejejeyo abaganga bamwitaho.

Bakoze uko bashoboye inshywa zamuhagamye mu muhogo bazikuramo. Nyina arabashimira, bamusaba gutoza abana ko batagomba kurya ibitaribwa.

- Ni iki cyahagamye Nyiranshywa mu muhogo?
- Ni iyihe nama abaganga bagiriye nyina wa Nyiranshywa?
- Ni ibiki abana bakunze gutamira bishobora kubahagama bikangiza ubuzima bwabo?

6. Soma kandi wandike mu mukono wigana ibihokane bikurikira.



Nshyw Mbyw Nshyw Mbyw Nshyw



nshyw mbyw nshyw mbyw nshyw

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Inshywa - Mukuranshya - ntagahombywe

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Ienshya ahora arembya n'uburwayi.

9. Shaka muri iki kinyatuzi amagambo arimo ibihokane nshyw na mbyw, uyandike mu mukono, uce n'akarongo kuri ibyo bihokane.



t	i	n	s	h	y	w	a
o	p	b	i	s	z	e	H
a	h	o	m	b	y	w	a
c	g	d	k	l	n	a	v
s	e	n	s	h	y	w	a
P	d	f	e	n	u	c	t
r	i	k	r	e	j	h	z
u	r	e	m	b	y	w	a

Isuzuma risoza umutwe wa kabiri

1. Huza igihekanane n'ishusho irimo ijwi bijyanye.



ncy



shyw



nshw



myw



nshyw



mbyw

2. Soma imigemo ikurikira.



ncy	ncyo	ncyu	
shyw	shywa	shywe	
nshw	nshwi	nshwa	nshwe
myw	mywa	mywe	
nshyw	nshywa		
mbyw	mbywa	mbywe	

3. Soma amagambo akurikira.



yancyuriye	azahashywa	yanshwaratuye	gukamywa
Nyiranshywa	iraramywa	umuncyamurire	inshwima

4. Soma interuro zikurikira.



a) Ncyuyimihigo arembywa n'indwara ya marariya.

b) Senshywa yanshwekuje anyereka imyishywa yumywa n'izuba.



5. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Namugiriye inama



Habayeho umugore witwaga Nyiranshywa wahoraga arembywa na marariya. Umunsi umwe, nagiye kumusura mugira inama, arankundira ntiyanshwanira. Yanteze amatwi musobanurira uburyo yakwirinda guhora arembywa n'uburwayi.

Namubwiye ko nimugoroba ari ngombwa gufunga amadirishya akarumywa. Namusabye kandi gufata incyamuro agasiba **ibizenga** mu rugo. Bityo akirinda kurumwa n'imibu itera marariya.

Namusabye kujya **iyambaza** kenshi mwishywa wange w'umujyanama w'ubuzima. Nanamubwiye kuncyamurira bagenzi be babeshywa byinshi kuri marariya. Yarankundiye arabyubahiriza ubu mu mudugudu wabo ntawukirembywa n'uburwayi.

- a) Ni nde wahoraga arembywa na marariya?
- b) Ni iki kigaragaza ko inama Nyiranshywa yagiriwe yazubahirije?
- c) Ni akahe kamaro ko kubaho mu buzima buzira indwara?



6. Soma interuro zikurikira maze uhuze buri nteruro n'ishusho bijyanye, uhuza umubare n'inyuguti.

a)



1) Iyo nturo yamwibye ifi nuko umurobyi asigara yumiwe.

b)



2) Yashyize ifi yarobye mu gatebo, ya nturo igira amerwe.

c)



3) Umurobyi yarobaga yicaye hafi y'agahuru kabagamo inturo.

a	b	c

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



wincyurira - koshywa - inshwima - kuramywa

inshywa - guhombywa - incyuro - kurumbywa

8. Soma wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Ncyujinyana yabonye inshwima

zinshwitirira inka yarembywaga n'ibirondwe.

9. Uzurisha kimwe muri ibi bihekane wahawe, ukore ijambo ryumvikana, uryandike mu mukono. ncy, shyw, nshw, myw, nshyw, mbyw.



a) kure____a

b) umwi____a

c) guso____a


d) ya____aniye

e) i____a

f) i____amuro

Igihekane mfw/Mfw

1. Erekana amashusho arimo ijwi **mfw**.



2. Erekana igihekane **mfw/Mfw**.



mfw

Mfw

3. Soma umugemo ukurikira.



mfw

4. Soma amagambo akurikira.



imfwati

Semfwati

Mfwati

Nyirimfwati

5. Soma interuro zikurikira.



a) Semfwati yatiye imfwati ku muturanyi.

b) Nyiramfwati abika neza imfwati ye.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Ntazongera gusuzugura



Semfwati mukuru wa Mfwati yakundaga gusuzugura ababyeyi. Mu gihe k'ibiruhuko ababyeyi bababuzaga kuzererera mu mihana. Umunsi umwe, Semfwati na Mfwati babirengaho.

Bageze munsi y'urugo rwa Senshywa babona igiti cy'umwembe. Semfwati abwira Mfwati ngo bacyurire maze aramwangira. Semfwati yuriye igiti ishami riravunika yitura hejuru y'imfwati.

Iyo mfwati yamuciye igisebe arembywa na cyo. Mfwati yihutiye kubibwira se na nyina Nyiramfwati baza bashwekura. Nuko bajyana Semfwati kwa muganga bahombywa n'amakosa ye.

Semfwati abonye igihombo ateje ababyeyi yiyemeza kutazongera kugasuzugura.

- Ni gihe ki Mfwati na Semfwati babuzwaga kuzererera?
- Semfwati yahombeje ababyeyi be ate?
- Ni ibihe bintu biranga umwana wumvira?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



mfu mfu mfu mfu mfu mfu



Mfu Mfu Mfu Mfu Mfu

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



imfwati - Semfwati - Mfwati

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.




Semfwati na Nyiramfwati bafite imfwati.

10. Shaka amagambo nibura abiri mu mwandiko arimo
igihekane **mfw**, uyandike mu ikaye yawe.

Igihekane mvy/Mvy

1. Erekana amashusho arimo ijwi **mvy**.



2. Erekana igihekane mvy/Mvy.



mvy

Mvy

3. Soma imigemo ikurikira.



mvya

mvye

mvyi

4. Soma kandi wandike amagambo akurikira.



mwahomvomvye

twahomvomvye

ndahomvomvye

bahomvomvye

umuhomvomvyi

yarahomvomvye

arahomvomvya

ntibahomvomvye

5. Soma interuro zikurikira.



a) Semfwati arahomvomvya murumuna we.

b) Ntibazabahomvomvye kuko muhomvomvye byambabaza.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Akarima k'igikoni



Umunsi umwe, nge na Semfwati twari twicaranye tunganira. Mama yadusabye kubagara **akarima k'igikoni** kugira ngo katazarumba. Semfwati yarahomvomvye nuko atangira kwijujutira ibyo badusabye gukora. Mama yabajije Semfwati impamvu ahomvomva biramuyobera maze aramucyaha.

Semfwati yaratakambye avuga ko nubwo yahomvomvye turi bukabagare. Twahise dufata imfwati maze twerekeza ku karima k'igikoni. Twakabagaye neza maze nshimishwa n'uko Semfwati atahomvomvye nanone. Turangije mama yaradushimiye atubwira ko twubahirije inshingano yaduhaye.

Semfwati anezezwa n'uko twakoreye hamwe yihana kuzongera **guhomvomva**. Kuva ubwo sinongeye kumwumva yahomvomvye igihe baduhaye inshingano.



- a) Kuki semfwati yahomvomvye?
- b) Ni uwuhe murimo abana bavugwa mu gakuru bafashije ababyeyi?
- c) Ni iyihe mirimo abana bashobora gukora?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



mvya mvya mvya mvya mvya mvya



Mvya Mvya Mvya Mvya Mvya

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



mwahomvomeye - twahomvomeye - arampomvomeya

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Gapfizi yarahomvomeye anahomvomeya abandi.

10. Tondeka imigemo ukore ijambo ryumvikana, uryandike mu mukono, uce akarongo ku gihekane **mvya**.



- a) mvya - ho - mvo - gu
- b) ra - mvye- ho - ya- mvo
- c) mvye - nda - mvo - ho
- d) za - mu - mvo - ntu- ho - mvye

Igihekane mvyw/Mvyw

1. Erekena amashusho arimo ijwi mvyw.



2. Erekena igihekane mvyw/Mvyw.



mvyw

Mvyw

3. Soma imigemo ikurikira.



mvywa

mvywe

4. Soma amagambo akurikira.



guhomvomvywa

mpomvomvywa

ndahomvomvywa

arahomvomvywa

ntuzahomvomvywe

urahomvomvywa

ntahomvomvywa

5. Soma interuro zikurikira.



a) Ntugahomvomvywe n'amafuti ya bagenzi bawe.

b) Mpomvomvywa no kubona yiyandarika.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Ibiyobyabwenge



Hari abanyeshuri ku kigo cya Mutuzo banywaga **ibiyobyabwenge**. Abo banyeshuri bagahora bahomvomvywa na byo. Umugoroba umwe Nyiramfwati ajya kubareba bahomvomva.

Ababwira ko bahomvombye cyane bakabuza amahoro abahisi n'abagenzi. Ababaza ikibahomvomvya bakomeza kuvuga amagambo aterekeranye kubera ubusinzi. Uwari ugifite **agatege** avuga ko bahomvomvywaga n'itabi banyoye. Ababwira ko bidakwiye guhora bahomvomvywa n'ibiyobyabwenge banywa.

Abasobanurira ko ibiyobyabwenge bituma bata umutwe ntibatekereze neza. Anababwira ko ibyo biyobyabwenge bibahomvomvya bituma batiga neza. Bumvise inama ze barabireka, ubu ntibagihomvomvywa na byo.

- a) Abanyeshuri bavugwa bigaga ku kihe kigo?
- b) Ni iki cyatumye abo banyeshuri bareka ibiyobyabwenge?
- d) Ni izihe ngaruka zo kunywa ibiyobyabwenge kubanyeshuri?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



mvyu mvyu mvyu mvyu



Mvyu Mvyu Mvyu Mvyu

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Guhomvomvywa - mpomvomvywa - ntuzahomvomvywe

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Abahomvomvywa n'ubusa bakwiye kubyirinda.


10. Garagaraza imigemo igize amagambo akurikira, uyandike mu mukono, unace akarongo ku gihekane mvyw.




- a) bahomvomvywaga
- b) ntuzahomvomvywe
- c) yarahomvomvywaga

Imyitozo

1. Huza igihekane n'ishusho irimo ijwi bijyanye.



Mfw



Mvy



mvyw



2. Soma imigemo ikurikira.



Mfw

mfwa

Mvy

mvya

mvyे

mvyi

mvyw

mvywe

mvywa

3. Soma amagambo akurikira.



imfwati

twahomvomvye

Semfwati

mpomvomvywa

mwahomvomvye

uhomvomvywa

Mfwati

arahomvomvye

4. Soma interuro zikurikira.




a) Semfwati yahomvomvye kandi ntahomvomvywa n'ubusa.

b) Nyiramfwati yahomvomvejwe no kwibwa imfwati.



5. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Yisubiyeho



Nyiraneza yari yarigize **indakoreka** agahora asuzugura se Semfwati. Semfwati yamubuzaga kugira urugomo ariko akanga kumwumvira. Umunsi umwe, yanasuzuguye umuturanyi wabo Bumvwanase wabatizaga imfwati. Bumvwanase amucyashye, Nyiraneza atangira guhomvomvywa n'amafuti ye.

Bumvwanase amubwira ko kutubaha ababyeyi ari ikizira kikaziririzwa. Nyiraneza yumva ko Bumvwanase ababajwe cyane n'ihomvomva rye. Semfwati na we arumirwa kuko Nyiraneza **ashyogoranya** n'umuturanyi. Agira agahinda kenshi kubera imico idahwitse y'umwana we.

Nyiraneza abonye ko se ababaye yiyemeza kutazongera gusuzugura.

- Ni iki Nyiraneza yahoraga abuzwa na se?
- Ni ikihe kemezo Nyiraneza yafashe abonye se ababaye?
- Nyuma yo gusoma uyu mwandiko, uratekereza ko Nyiraneza azitwara ate?

6. Uzurisha ibihakane mfw, mvy na mvyw, ukore interuro yumvikana, uyandike mu mukono.



- Yahomvo_____e kubera amakosa ye.
- Se_____ati yaje iwacu gutira i_____ati.
- Beyata arahomvo_____a no kubura amahoro.
- Guhomvo_____a bagenzi bawe si byiza.

Igihekane pfw/Pfw

1. Erekena amashusho arimo ijwi pfw.



2. Erekena igihekane pfw/Pfw.



pfw

Pfw

3. Soma imigemo ikurikira.



pfwa

pfwe

4. Soma amagambo akurikira.



ntakapfakapfwa

bazakapfakapfwa

yakapfakapfwe

akapfakapfwa

azakapfakapfwa

barakapfakapfwe

ntibakapfakapfwa

izakapfakapfwa

5. Soma interuro zikurikira.



a) Muneza yakapfakapfwe n'indwara.

b) Ubwatsi bukapfakapfwa n'inka.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Yumvira umubyeyi we



Gahongayire yavuye ku ishuri ahomvomvywa n'imikino yabaye. Nuko asanga se ababajwe n'imbyeyi yari yakapfakapfwe n'indwara. Se yahise amutuma ku muvuzi w'amatungo.

Nk'uko byari bisanzwe, Gahongayire yumviye se ajya kumuhamagara. Se asigara anejwe n'uko Gahongayire amwumvira buri gihe. Yageze ku muvuzi w'amatungo amubwira ko imbyeyi yabo yakapfakapfwe. Umuvuzi w'amatungo araza asanga indwara yarayizonze cyane. Yashimiye Gahongayire umwete yagize ntatenguhe se akamugeraho adatinze.

Umuvuzi w'amatungo yaberetse ibyo bamufasha bayiha umuti vuba. Imbyeyi ntiyongeye gukapfakapfwa ukundi yahise ikira.

- a) Gahongayire yahomvomvywaga n'iki?
- b) Kubera iki umuvuzi w'amatungo yashimiye Gahongayire?
- c) Ni iki wakwigira kuri Gahongayire?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



pfw pfw pfw pfw pfw pfw



Pfw Pfw Pfw Pfw Pfw Pfw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



ntakapfakapfwa - bazakapfakapfwa - yakapfakapfwe

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Abantu bakapfakapfwa n'uburwayi.

10. Shaka mu mwandiko amagambo nibura abiri arimo
igihekane **pfw**, uyandike mu mukono.

Igihekane pfy/Pfy

1. Erekena amashusho arimo ijwi pfy.



2. Erekena igihekane pfy/Pfy.



pfy

Pfy

3. Soma imigemo ikurikira.



pfya

pfye

pfyi

4. Soma amagambo akurikira.



yakapfakapfye

irakapfakapfye

ntikapfakapfye

ntiyakapfakapfye

irazikapfakapfye

ntibukapfakapfye

birakapfakapfye

gukapfakapfya

inkapfakapfyi

5. Soma interuro zikurikira.



a) Inka zakapfakapfye icyarire.

b) Ingurube yakapfakapfye ibyatsi.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Inka ya Kamari



Kamari yari afite abana yakanguriraga kwita ku matungo. Yakundaga kubona inka yabo yakapfakapfye ubwatsi igahaga.

Yavuye ku isoko asanga inka ye yakapfakapfwe n'inzara. Abaza abana impamvu inka yakapfakapfwe n'inzara kandi bahari. Bamusabye imbabazi bamubwira ko batubahirije **inshingano** zabo. Se yabasobanuriye ko atari byiza **guteshuka** ku nshingano. Bafata ubwatsi babuha inka, kubera gusonza, inka yabukapfakapfye bwangu. Bayizaniye n'amazi iranywa irahembuka.

Kuva ubwo abo bana bakangukiye kuzuza inshingano zabo. Inka yabo na yo ntiyongeye gukapfakapfwa n'inzara ukundi.

- Igihe Kamari yasangaga inka ye yakapfakapfwe n'inzara yari avuye he?
- Kuki abana basabye se imbabazi?
- Ni izihe nshingano z'umwana mu rugo?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



pfy pfy pfy pfy pfy pfy



Pfy Pfy Pfy Pfy Pfy Pfy

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



akapfakapfye - irakapfakapfye - ntizikapfakapfya

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Ikimasa cyakapfakapfye ubwatsi.



10. Garagaraza imigemo igize amagambo akurikira,
uyandike mu mukono, unace akarongo ku gihekane **pfy**.



- a) yakapfakapfye
- b) ikapfakapfye
- c) ntibukapfakapfye

Igihekane vw/Vw

1. Erekena amashusho arimo ijwi **vw**.



2. Erekena igihekane **vw/Vw**.



vw

Vw

3. Soma imigemo ikurikira.



vwa

vwe

4. Soma amagambo akurikira.



guhovwa

bwahovwe

ntibwahovwe

ntizihovwamo

buhovwe

nibuhovwe

burahovwa

zihovwamo

5. Soma interuro zikurikira.



a) Indabo zikunda guhovwamo n'inzuki.

b) Indabo z'ibitumbwe ntizihovwamo.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Nyirampovwa n'umuhungu we



Nyirampovwa yasanze umuhungu we Mpovwe anywa ibiyobyabwenge. Mpovwe amubonye ahita abihisha mu byatsi hafi y'urugo. Nyina amubwira ko ibiyobyabwenge **byangiza** umubiri w'umuntu ubinywa.

Mpovwe ntiyumvise ibyo nyina yamubwiraga atangira kuvuga amahomvu. Ubwo Mpovwe yari yicaye ku byatsi inka zakapfakapfye. Mpovwe abonye nyina agiye, yongera kunywa bya biyobyabwenge. Yataye ubwenge ajya kuryama mu ndabo zahovwagaho n'inzuki. Yakubaganiye inzuki ziramudwinga maze ataha yabyimbye mu maso.

Nyina amubonye amukandisha amazi ashyushye Mpovwe ahita abyimbuka. Mpovwe yashimiye nyina amubwira ko atazongera **kwiya** ibiyobyabwenge.

- a) Ni hehe Mpovwe yahishe ibiyobyabwenge?
- b) Kuki nyina yamukandishije amazi ashyushye?
- c) Iyo Mpovwe nyina atamubona, uratekereza ko byari kumugendekera bite?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



vw vw vw vw vw vw



Vw Vw Vw Vw Vw Vw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.




Guhorwa - zahorwe - ntizahorwemo

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.




Indabo zahorwemo n'inzuki.

10. Uzurisha iyi migemo: **za**, **ma**, **zi**, **mo** ukore amagambo arimo igihekane **vw**, maze uyandike mu mukono.



Imyitozo

1. Huza igihekanane n'ishusho irimo ijwi bijyanye.



pfw



pfy



vw



2. Soma imigemo ikurikira.



pfw

pfwe

pfa

pfy

pfye

pfya

pfyi

vw

vwe

vwa

3. Soma amagambo akurikira.



Guhovwa

yakapfakapfwe

bwahovwe

azakapfakapfwa

yakapfakapye

ikapfakapfye

zihovwamo

azabakapfakapfya

4. Soma interuro zikurikira.



a) Inka yakapfakapfye ubwatsi.

b) Ubuki ntibuhovwa mu mabuye.



5. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Nayihaye amazi



Nimugoroba nageze imuhira nsanga inka yakapfakapfye ubwatsi. Yananiwe kubumara kubera ko twayimenyereje kubanza kuyiha amazi.

Nge naketse ko ahari ishobora kuba yakapfakapfwe n'indwara. Nihutiye kubwira data ko inka yakapfakapfwe ntiyarya ubwatsi. Data ansaba kuyiha urubingo mbanje kuyuhira. Inka si ukurya urubingo irasizora. Byanyeretse ko itari yakapfakapfwe n'indwara nk'uko natekerezaga mbere. Data yahise anshimira ampa ubuki buhovwa mu ndabo.

Bwarandyoheye niyemeza kuja mbungabunga indabo kuko zihovwamo ubuki.

- Baketse iki babonye inka yananiwe kurya ubwatsi?
- Ubuki bwavuzwe mu mwandiko buhovwa hehe?
- Ni iki kerekana ko umwana uvugwa mu mwandiko yafashaga ababyeyi imirimo?


6. Uzurisha ibihokane pfw, pfy na vw ukore interuro yumvikana, uyandike mu mukono.



- Nyogokuruza yakapfaka_____e n'uburwayi.
- Indabo ziho_____amo ubuki buryoshye.
- Imfizi yakapfaka_____e ubwatsi ntiyaburya.

Igihekane vy/Vy

1. Erekana amashusho arimo ijwi **vy**.



2. Erekana igihekane **vy/Vy**.



vy

Vy

3. Soma umugemo ukurikira.



vye

4. Soma amagambo akurikira.



rwahovye

zahovye

rurahovye

zirahovye

zihovyemo

ntizihovye

zarahovye

rwahovyemo

5. Soma interuro zikurikira.



a) Inzuki zahovye zikora ubuki.

b) Uruyuki rwahovye rutaha mu muringa.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Yaramutwaje



Mariza yasanze **nyirasenge** ku nzira yananiwe kugera iwe. Yiyemeza kumutwaza umuba w'inkwi wari wamuteye umunaniro.

Mu nzira bagenda, banyura ku nzuki zahovye mu ndabo. Nyirasenge amusaba kujya yita ku ndabo zihovwamo n'inzuki. Bidatinze bahuye n'umuvumvu aririmbira inzuki ze **amavumvu**. Abaganiriza ko iyo inzuki ze zahovye neza aziririmbira. Mariza na nyirasenge bamenya ko inzuki zahovye neza baziririmbira. Umuvumvu abasezeraho bakomeza kugenda bitegereza indabo zihovwamo n'inzuki.

Bakomeza urugendo Mariza amugereza inkwi mu rugo. Nuko nyirasenge amushimira uburere yatojwe bwo gufasha ababyeyi.

- a) Kuki Mariza yatwaje nyirasenge inkwi?
- b) Ni iki umuvumvu bahuye yaririmbiraga inzuki?
- c) Ni iki wakwigira kuri Mariza?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



vy vy vy vy vy vy



Vy Vy Vy Vy Vy Vy

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



rwahoruye - zahoruye - rurahoruye

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Inziki zahoruye mu bihwagari.

10. Uzurisha mu kinyatuzu imigemo ikurikira: **ra**, **za**, **ho**, **mo**, maze ukore ijamba ririmo igihekane **vy**, uryandike mu mukono.



			nti	
			ho	
nti	ru		vye	mo
	vye			

Igihekane ryw/Ryw

1. Erekana amashusho arimo ijwi **ryw**.



2. Erekana igihekane ryw/Ryw.



3. Soma imigemo ikurikira.



rywa

rywe

4. Soma amagambo akurikira.



kuryarywa

yaryarywe

ntimukaryarywe

azaryarywa

yararyarywe

ntakaryarywe

bararyarywa

iraryarywe

5. Soma interuro zikurikira.

a) Ntukaryarywe n'abajura.

b) Ntitugatume abandi baryarywa.



6. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Twararyarywe baratwiba



Umunsi umwe twasigaye ku rugo mama yagiye guhaha. Twaryarywe n'abajura duta urugo twigira kureba indabo zahovwagamo.

Twatinze tureba indabo zahovywemo n'inzuki tugarutse dusanga twaryarywe. Abajura baraducucuye batwiba byinshi, twicuza impamvu twaryarywe tukemera. Nimugoroba mama avuye guhaha atubaza impamvu twaryarywe bakatwiba. Tumusobanurira ko twabeshywe ko kureba inzuki zahovye bishimisha. Mama adusobanurira ko atari byiza kuryarywa tugata urugo. Yanatubwiye ko inzuki zahovye ubuki zashoboraga kutudwina.

Abajura twaryarywe na bo barafashwe bagarura ibyo batwibye. Kuva ubwo ntitwongeye kuryarywa ukundi ngo dute urugo.

- a) Abana baryarywe na ba nde?
- b) Nyina yabasobanuriye ko inzuki zabagira gute?
- c) Wakwirinda ute abagushuka?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



ryw ryw ryw ryw ryw ryw



Ryw Ryw Ryw Ryw Ryw Ryw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



kuryarywa - yaryarywe - ntimukaryarywe

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Kuryarywa bikoresha abantu amakosa.

10. Garagaraza imigemo igize amagambo akurikira,
uyandike mu mukono, unace akarongo ku gihekane **ryw**.



a) yaryarywe

b) bararyarywa

c) ntimuzaryarywe

Isuzuma risoza umutwe wa gatatu

1. Huza igihokane n'ishusho irimo ijwi bijyanye.



mfw



mvy



mvyw



pfw



pfy



vw

2. Soma imigemo ikurikira.



mfw

mfw

mfwe

mvy

mvy

mvy

mvyw

mvyw

mvywe

pfw

pfw

pfw

pfy

pfy

pfy

vw

vwa

vwe

3. Soma amagambo akurikira.



imfwati

yahomvomvy

arahomvomvywa

zahovye

irakapfakapfye

guhovwa

yakapfakapfwe

kuryarywa

4. Soma interuro zikurikira.



a) Yasitaye ku mfwati arakapfakapfwa.

b) Arahomvomvywa no kureba inka yakapfakapfye indabo zihovwamo.



5. Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo.

Mfwati yikozeho




Mfwati yakundaga **kuryarywa** bigatuma aya ibiribwa bidafite ubuziranenge. Nyina yamutozaga kujya yitondera ibiribwa byakwangiza ubuzima bwe.

Yaje kuryarywa aya avoka yatoraguye mu byatsi. Yatangiye guhomvomvywa n'ububabare, nyina ajya kureba ikimuhomvomvya. Yasanze yakapfakapfwe n'indwara yatewe no kurya ibidafite ubuziranenge. Amubaza impamvu, amububaza ko yaryarywe akarya avoka mbi. Nyina yahise amushakira umuti uvanze n'ubuki bwahovywe n'inzuki.

Bidatinze Mfwati **yarazanzamutse** atangazwa n'inzuki zihova ubuki bumukijije. Ntiyongeye kuryarywa ngo yongere aye ibiribwa byamwangiriza ubuzima.

- a) Ni iki nyina wa Mfwati yamutozaga?
- b) Kubera iki ibyo Mfwati yariye byamuteye indwara?
- c) Kuki tugomba kurya ibiribwa byujuje ubuziranenge?

6. Itegereze amashusho wahawe ukore inkuru wandika interuro imwe kuri buri shusho.



7. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Lemfwati - arahomvomye - barahomvomywa

irakapfakapfwa - yakapfakapfye - guhorwa

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Nyiramfwati yakapfakapfwe

ahomvomywa no kubona inzuki zahorwe.

9. Uzurisha ibihokane mfw, mvy, mvyw, pfw, pfy, vw ukore interuro yumvikana, uyandike unoza mu ikaye yawe.

- I____ati itera ingemwe z'ibiti neza.
- Yahomvo____e cyane sinamwumva.
- Yakoze amakosa ahomvo____a na yo.
- Inka yakapfaka____e ubwatsi.
- Indabo zikunda guho____amo ubuki.
- Yakapfaka____e n'uburwayi.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Tuzibungabungire ubuzima



U Rwanda ni igihugu gihereye muri Afurika yo hagati. Rufite imigezi, inzuzi, ibiyaga, amashyamba ndetse n'imisozi myinshi. Ubwinshi bw'imisozi y'u Rwanda, butuma barwita Igihugu k'Imisozi Igihumbi.

Mu mashyamba yarwo habamo inyamaswa zitandukanye z'indyanyama n'indyabyatsi. By'umwihariko kandi, hari inyamaswa ziba **mu byanya** byabugenewe. Kubera ubwiza bwazo, inyamaswa ni ibyiza bitatse u Rwanda. Abanyarwanda n'abanyamahanga bakunda kuzisura baturutse imihanda yose. Izikunda gusurwa cyane ni nk'ingagi, inkende, inzovu, imparage, imbogo n'izindi. Ba mukerarugendo basura inyamaswa bishyura amadovize atari make. Igihugu kikayifashisha cyubaka **ibikorwa remezo** nk'imihanda, amashuri, amavuriro, amashanyarazi n'ibindi.

Inyamaswa zidufitiye akamaro, kirazira **kuzishimuta** cyangwa kuzihungabanya. Twese dufite inshingano yo kuzirinda no **kuzibungabungira** ubuzima.

2. Inyunguramagambo



Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Ibikorwa remezo	a) kuzirinda
2) Kuzishimuta	b) ibikorwa rusange bifitiye abaturage akamaro
3) Mu byanya	c) kuzihiga mu buryo butemewe
4) Kuzibungabunga	d) Ahantu hagari hagenewe kuba inyamaswa

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Kubera iki u Rwanda barwita Igihugu k'Imisozi Igihumbi?
- b) Ni ibihe byiciro bashyizemo inyamaswa zo mu gasozi hakurikijwe ibyo zirya?
- c) Tanga ingero nibura eshatu z'inyamaswa zavuzwe zikunda gusurwa cyane.

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Wumva inyamaswa zo mu gasozi zimariye iki Igihugu cyacu?
- b) Ubonye umuntu uhungabanya ubuzima bw'inyamaswa wamugira iyihe nama ?
- c) Urumva abasura inyamaswa bagira uruhare mu iterambere ry'Igihugu bate ?

UTWATUZO

Akabago .

1. Itegereze interuro zikurikira maze werekane akamenyetso katari inyuguti kakoreshejwe.



- a) Hari inyamaswa ziba mu byanya byabugenewe.
- b) Inyamaswa ni ibyiza bitatse u Rwanda.

Menye ko:

Utwatuzo ari ibimenyetso bikoreshwa hagati mu nteruro cyangwa bikayisoza.

- Aka kamenyetso kitwa **akabago**. Ni akatuzo gakoreshwa gasoza interuro ifite icyo ivuga. Ijambo rigakurikira rigomba gutangizwa inyuguti nkuru.

Urugero: Ni ngombwa gukurikira neza mu ishuri.

2. Imyitozo

- a) Koresha utubago muri aka gakuru ushyira inyuguti nkuru aho bikwiye.

Intare ni umwami w'ishyamba ni yo iyobora izindi nyamaswa ni indyanyama kuko itunzwe no kurya izindi nyamaswa

- b) Andika interuro ebyiri ukoresheho akabago.

KWANDIKA



Huza buri shusho n'interuro igaragaza ibitekerezo biyikubiyemo, uhuza inyuguti n'umubare bijyanye.

a)



1)

Ageze muri pariki abona isha n'imparage.

b)



2)

Mariza yajyanye na se mu modoka gusura Pariki y'Akagera.

c)



3)

Mariza arishima atangira kubyina.

a	b	c

UMWANDIKO

1. Gusoma



Soma umwandiko ukurikira.

Gugu n'inkende



Umunsi umwe, Gugu yari yicaye muni y'igiti acuranga gitari. Hashize akanya gato havumbuka inkende, **abadukana** ibuye atangira kuyirukankana. Yakomeje **kuyisagarira** ayitera amabuye inkende na yo ikomeza guhunga.

Akiyirukankana yumva ijwi rya se amubuza kuyitera amabuye. Nuko aramwumva arahagarara, maze inkende ihita isimbukira mu giti. Se yaramwegereye maze amubwira ko **kizira** gusagarira inyamaswa. Gugu yaratangaye amubaza impamvu akijije inyamaswa yo mu gasozi. Amusobanurira ko bazitaho kuko zifitiye igihugu akamaro. Yanamubwiye ko abazisura bishyura amafaranga ateza igihugu imbere. Se yamwibukije ko akoresha mu kugeza ku baturage ibikorwa by'**amajyambere**.

Gugu ashimira cyane se umusobanuriye akamaro k'inyamaswa. Aahirira kutazongera gusagarira inkende ndetse n'izindi nyamaswa.

2. Inyunguramagambo

 Huza aya magambo n'igisobanuro cyayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Amajyambere	a) Kuyibuza amahoro
2) Abaduka	b) Bibujijwe
3) Kuyisagarira	c) Ahaguruka bwangu.
4) Kizira	d) Iterambere

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Gugu yakoraga iki munsu y'igiti?
- b) Gugu yabigenje ate abonye inkende?
- c) Gugu yirukankana inkende yumvise ijwi rya nde?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Amafaranga abasura pariki bishyura wumva amarira iki abaturage?
- b) Uratekereza ko Gugu yari atangajwe n'iki?
- c) Ni kuki tugomba kubungabunga ubuzima bw'inyamaswa?

UTWATUZO

Akabazo ?

1. Itegereze interuro zikurikira, maze werekane utwatuzo twakoreshejwemo, ugerageze kudutandukanya.



- a) Gugu yari yicaye muni y'igiti acuranga gitari.
- b) Gugu yabigenje ate abonye inkende?
- c) Kuki tugomba kwita ku nyamaswa?

Menye ko:

? Aka kamenyetso kitwa **akabazo**. Ni akatuzo gakoreshwa iyo babaza ikibazo. Ijambo rigakurikira rigomba gutangizwa inyuguti nkuru.

2. Imyitozo

A) Shyira utwatuzo dukwiye ku nteruro zikurikira



- a) Ukunda izihe nyamaswa zo muri pariki
- b) Imvubu ziba mu mazi no ku butaka
- c) Amafi n'ingona biba he
- d) Kuki tugomba kwamagana ba rushimusi

B) Kora interuro ebyiri ukoresheho akabazo “?”

KWANDIKA



Andika interuro eshatu zijyanye n'ayo mashusho.




UMWANDIKO

1. Gusoma



Soma umwandiko ukurikira.

Amatsiko ya Kanyana



Kanyana yagiraga **amatsiko** cyane akanibaza ibibazo byinshi. Yibazaga niba inyamaswa zo mu gasozi zifite akamaro. Umunsi umwe, yegereye se Kamanzi atangira kumubaza akamaro k'inyamaswa.

Yamusobanuriye ko inyamaswa zo mu gasozi zifitiye igihugu akamaro. Amubwira ko ba **mukerarugendo** bazisura binjiriza igihugu **amadovize**. Kiyifashisha mu kubaka ibikorwa remezo nk'imiyoboro y'amazi, ibiraro, amavuriro n'ibindi. Yanamusobanuriye ko inyamaswa zishobora kuribwa n'abantu. Muri zo harimo imbogo, isha, impongo, ingeragere n'izindi. Anamubwira ko impu zazo zikorwamo inkweto n'imitako inyuranye. Yamusobanuriye ko inzovu zigira amahembe akorwamo **imitako** ihenze.

Yamusobanuriye ko nubwo zimwe ziribwa, mu Rwanda ntibyemewe kuzihiga. Kanyana amaze kubyumva aramushimira, yiyemeza gushishikariza abandi kuzibungabunga.

2. Inyunguramagambo

 **Uzuza izi nteruro ukoresheje aya magambo:**
amadovize, imitako, mukerarugendo, amatsiko.

- a) _____ yasuye Pariki y'Ibirunga.
- b) Amahembe y'inzovu bayakoramo _____ .
- c) Inyamaswa zinjiriza igihugu _____ menshi.
- d) Abanyamahanga baba bafite _____ yo kubona ingagi.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni iki Kanyana yibazaga?
- b) Ni nde wamaze Kanyana amatsiko?
- c) Inyamaswa zo mu gasozi zifite akahe kamaro?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ni iki kigaragaza ko Kanyana yagiraga amatsiko cyane?
- b) Vuga nibura izindi nyamaswa ebyiri zo mu gasozi zitavuzwe mu mwandiko.
- c) Ni ubuhe buryo wakoresha ngo ubungabunge inyamaswa zo mu gasozi?

UTWATUZO

 **Shyira utwatuze dukwiye mu nteruro zikurikira.**

- a) Kuki twiga idakenere kwisumbukuruza iyo irisha hejuru mu biti
- b) Ingwe ni indyanyama kuko irya izindi nyamaswa
- c) Ese wowe wari wabona intare Nge narayibonye
- c) Ni gute twabungabunga inyamaswa zo mu gasozi


KWANDIKA

 1. Uzurisha kimwe muri ibi bihekane: **mpy, pw, mpw, nsy, maze** ukore ijambo uryandike.

- a) i___iko
- b) byaca___e
- c) i___e___e
- d) i___o

 2. Huza buri shusho n'interuro igaragaza ibitekerezo biyikubiyemo uhuza inyuguti n'umubare bijyanye.

a)



1)

Ahitamo kukijugunya kure.


b)



2)

Ahita yirukira mu nzu.


c)



3)

Ubwo yahise yumva imbwa imoka iza imusanga.

d)



4)

Muneza yaryaga igisheke yumva kitaryoshye.

a	b	c	d

UMWANDIKO

1. Gusoma



Soma umwandiko ukurikira

Urusaku rw'inyamaswa



Imana yaremye ibiremwa bitandukanye, ibiha ubushobozi bunyuranye. Umuntu yamuhaye ubushobozi bwo kugaragaza ibitekerezo bye avuga. Ese inyamaswa zo zaba zigaragaza zite **imbamutima** zazo? Iyo zihunga zihohotewe zigashaka gutabaza zaba zisakuza zite?

Uko inyamaswa zitandukanye ni na ko zidahuza urusaku. Intare iyo zarakaye cyangwa zishaka guhamagara ibyana byazo ziratontoma. Impyisi zirahuma, **inturo** zikanyawuza naho ingwe zo zigahara. **Imbwebwe** n'imbwa iyo zitaka zirabwejagura cyangwa zikamoka. Impongo zirakorora, imbogo zikabira ariko zaba zifite **umujinya** zigapfuna. Inyoni iyo zitabaza cyangwa zihamagara ibyana byazo ziraririmba. Inzoka zaba inini n'into ziravugiriza naho imisambi yo igahiga.

Muri make inyamaswa ntizivuga ahubwo zigira urusaku rwazo rwihariye.

2. Inyunguramagambo



Huza aya magambo n'igisobanuro cyayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Inturo	a) Uko umuntu yiyumva mu mutima
2) Imbamutima	b) Imbwa y'ishyamba
3) Imbwebwe	c) Injangwe yo mu gasozi
4) Umujinya	d) Uburakari

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni iki umuntu atandukaniyeho n'inyamaswa?
- b) Ni izihe nyamaswa nibura eshatu zivugwa mu mwandiko?
- c) Ni uruhe rusaku rw'inyamaswa zikurikira: ingwe, intare, imbwa.

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Vuga nibura izindi nyamaswa eshatu zo mu gasozi zitavuzwe mu mwandiko.
- b) Utekereza ko inyamaswa zisakuza iyo byazigendekeye bite?
- c) Vuga nibura urusaku rw'amatungo atatu yo mu rugo waba uzi.

UTWATUZO

Akitso ,

1. Itegereze interuro zikurikira, werekane utwatuzo twakoreshejwemo maze utugereranye.



- a) Impyisi zirahuma, inturo zikanyawuza, inyoni ziraririmba, ingwe zigahara.
- b) Izikunda gusurwa ni nk'ingagi, inkende, inzovu, imparage, imbogo n'izindi.

Menye ko:

, Aka kamenyetso kitwa **akitso**. Ni akatuzo gakoreshwa hagati mu nteruro. Gakoreshwa iyo interuro yabaye ndende bagira ngo baruhuke gato mbere yo gukomeza. Gakoreshwa kandi iyo barondora ibivugwa.


2. Imyitozo

Shyira utwatuzo mu nteruro zikurikira.

-  a) Mu nyamaswa zo mu gasozi habamo intare inzovu ingwe n'izindi
- b) Impyisi ntivuga irahuma
- c) Ingwe intare isha n'impongo na zo ni indyabyatsi
- d) Ingagi zinjiza amadovize zite

KWANDIKA

 Huza buri shusho n'interuro igaragaza ibitekerezo biyikubiyemo, uhuza inyuguti n'umubare bijyanye.

- | | |
|--|-------------------------------------|
| a)  | 1) Abonamo imparage zirimo gukina. |
| b)  | 2) Ariyamirira kubera ubwiza bwazo. |
| c)  | 3) Gahongayire yarebye tereviziyo. |

a	b	c


UMWANDIKO

1. Gusoma



Soma umwandiko ukurikira

Zafatanyije gufata umujura



Impyisi yakundaga kwiba ibiryo imbwa yabaga yasigiye ibibwana byayo. Imbwa ibonye ibibwana byayo bikomeje kunanuka yibaza ikibitera. **Ibibwana** biyibwira ko hari igisimba kiza kurya ibiryo byabyo. Imbwa yigira inama yo kujya kuregera intare.

Nuko itangira gushaka abazayiherekeza gutanga ikirego. Irabanza ihamagara imbeba irajwigira yemera kuyiherekeza. Hanyuma ihamagara imbwebwe na yo irabwejagura yemera ko bijyana. Zaragiye zigezeye imbwa iramoka isobanura akababaro kayo. Intare yumvise akababaro k'imbwa iratontoma inyamaswa ziza ziruka. Iziha **inshingano** yo gufata umujura. Imbogo yarabiye, **impongo** irakorora, ingwe irahara, zose ziyemeza gufatanya.

Iryo joro **zizarira** urugo rw'imbwa zifata impyisi igarutse kwiba. Isaba imbabazi ivuga ko itazongera, zose ziyemeza kuyibabarira.

2. Inyunguramagambo

 Huza aya magambo n'igisobanuro cyayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Zirarira	a) Ibyana by'imbwa
2) Inshingano	b) Ni imwe mu nyamaswa zifite amahembe
3) Impongo	c) Ibyo umuntu asabwa gukora
4) Ibibwana	d) Zirara zirinze

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Impyisi yakundaga kwiba iki?
- b) Imbwa imaze kumenya ko hari igisimba kirya ibiryo by'ibibwana byayo yakoze iki?
- c) Ni izihe nyamaswa imbwa yahamagaje ngo ziyiherekeze?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ko imbwa yagiye kuregera intare, wowe ubuze igikoresho cyawe ku ishuri wabigenza ute?
- b) Mugenzi wawe agize ikibazo akagutabaza wabigenza ute?
- c) Ni irihe somo twakura muri uyu mwandiko?

UTWATUZO

Agatangaro !

1. Itegereze interuro zikurikira maze werekane utwatuzo tuzisoza, uvuge uko izo nteruro zivugitse.



- a) Yooo! Iyi ni impyisi pe!
- b) Mbega umwana mwiza weee!

Menye ko:

- ! Aka kamenyetso kitwa **agatangaro**. Ni akatuzo gasoza interuro ivuga ibitangaje. Gashyirwa n'inyuma y'amagambo agaragaza imbamutima. Ijambo rigakurikiye rigomba gutangizwa inyuguti nkuru.

2. Imyitozo

 A) Shyira utwatuzo mu nteruro zikurikira.

- a) Akanyamasyo karasodoka pe
- b) Yooo Mbega inyamaswa iteye ubwuzu
- c) Ese waba warigeze kubona inkende
- d) Inkende n'ibitera na byo ni inguge

B) Himba interuro ebyiri ukoresheho agatangaro ku buryo bukwiye.

KWANDIKA

 Andika interuro eshatu uhereye ku byo ubona ku mashusho wahawe.



UMWANDIKO

1. Gusoma



Soma umwandiko ukurikira.

Twese tubigire intego



Mu Rwanda hagaragaramo inyamaswa zitandukanye ziba mu gasozi. Waba waribajije aho ziba, icyo zirya n'uko zisakuza?

Inyamaswa ziba mu mashyamba cyangwa mu byanya byabugenewe. **Icyanya** cy'Akagera gihereye mu Burasirazuba bw'u Rwanda. Habamo inyamaswa **zibereye ijisho** ku buryo uzireba **yiriza umunsi**. Harimo izitunzwe no kurya izindi, izindi zigatungwa no kurisha.

Ku bijyanye n'**urusaku** rwazo, buri nyamaswa igira umwihariko wayo. Twavuga nk'intare itontoma cyane ukagira ngo ijuru riraguye pe! Ingwe irahara, impyisi igahuma naho imbwebwe ikamoka nk'imbwa nezaneza! Abantu benshi banatangarira impongo ishobora gukorora nk'umuntu!

Ntitwabura kwibutsa ko inyamaswa zo mu gasozi zidufitiye akamaro. Kuzirinda no kuzibungabunga, twese tugomba kubigira **intego**.

2. Inyunguramagambo



Uzuza izi nteruro ukoresheje amagambo akurikira:
zibereye, intego, icyanya, yiriza umunsi, urusaku.

- a) _____ cya Nyungwe kibamo inguge.
- b) Dufite _____ yo gutsinda amasomo yose.
- c) Yagiye gusura ingagi _____ azireba.
- d) Twiga ni inyamaswa _____ ijisho.
- e) Intare igira _____ rukaze.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Mu gakuru bavuze ko ari ibihe bibazo umuntu ashobora kwibaza ku nyamaswa?
- b) Icyanya cy'Akagera giherereye hehe mu Rwanda?
- c) Vuga urusaku rw'inyamaswa zikurikira: intare, impyisi n'impongo.

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Uretse inyamaswa zavuzwe mu mwandiko, tanga izindi ngero eshatu z'inyamaswa zo mu gasozi wishakiye.
- b) Inyamaswa zo mu gasozi zimariye iki Igihugu cyacu?
- c) Washishikariza ute bagenzi bawe kurinda inyamaswa zo mu gasozi?

UTWATUZO

 Shyira utwatuho dukwiye mu nteruro zikurikira.

- a) Mbega inyamaswa zizi kwiruka
- b) Impara imparage isha n'inzovu ni inyamaswa zishimishije pe
- c) Yooo Mbese burya imbwa imbwebwe n'umuhari biramoka
- d) Intare ingwe n'urusamagwe birya inyama

KWANDIKA

 1. Tondeka imigemo ikurikira ukore ijamba maze uryandike.

- a) mpwe - i - me - ru
- b) si - mpyi - i
- c) ko - ha - pwe - ro
- d) nyo - nsyo - ba - ye

 2. Andika interuro eshatu uhareye ku byo ubona ku mashusho akurikira.



UMWANDIKO

1. Gusoma



Soma umwandiko ukurikira

Yashize amatsiko



Namahoro yari yarishwe n'amatsiko yibaza intaho z'inyamaswa. Ibyo **byiyumviro** yabiterwaga n'uko abantu bataha mu mazu. Umunsi umwe, yigira inama yo kubibaza umubyeyi we Migambi.

Nuko se amusezeranya kuzajya kumwereka zimwe mu ntaho z'inyamaswa. Ntibyatinze amujyana gusura Pariki y'Akagera ibamo ikiyaga **karemano** kitwa Ihema. Ushinzwe kuyobora abantu muri pariki yarabafashije agenda abasobanurira. Yababwiye ko inyamaswa zitaha mu mashyamba no mu bihuru. Yabaretse **amasenga** n'**imikoki** miremire bitahwamo n'impyi n'imbwebwe. Yanabasobanuriye ko imbeba n'inzoka byo byibera mu myobo. Ntiyibagiwe kubabwira ko inyoni muri rusange zitaha mu byari.

Bakomeje gutembera bageze ku kiyaga kitwa Ihema, ababwira ko habamo imvubu, ingona n'amafi menshi. Batashye Namahoro yishimye cyane n'amatsiko yari amaranye igihe yashize.

2. Inyunguramagambo

 Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro aya akurikira:

amasenga, ibyiyumviro, karemano, imikoki

- a) Buri muntu agira ibyo atekereza bye.
- b) Umwarimu wacu yatubwiye ko Muhazi ari ikiyaga kitakozwe n'abantu.
- c) Abaturage bakoze umuganda basiba ahantu hacukutse kubera isuri.
- d) Mu mashyamba habamo imyobo impyisi zitahamo.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.

- a) Namahoro yari afite amatsiko yo kumenya iki?
- b) Migambi yajyanye Namahoro hehe?
- c) Bageze muri pariki ni nde wabafashije?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Ko agakuru karangiye batubwira ko Namahoro yishimye urumva yarashimishijwe n'iki?
- b) Urugendo Namahoro na Migambi bakoze ruhuriye he n'urwo ba mukerarugendo bakora?
- c) Ujyanye na mugenzi wawe muri Pariki agashaka gushyira ukuboko mu mwobo wamugira iyihe nama?

INGINGO Z'INGENZI Z'UMWANDIKO



1. Soma agakuru gakurikira maze uhitemo ingingo y'ingenzi igakubiyemo.

Inyoni ni inshuti z'abahinzi. Inyoni zirya udusimba. Zifasha abahinzi zirya udusimba twangiza imyaka yabo. Inyoni zinafasha gukwirakwiza imbuto z'ibiti. Inyoni zifasha mu kugira amashyamba menshi.

a) Akamaro k'abahinzi

b) Akamaro k'inyoni

Menye ko:

Ingingo z'ingenzi ari ibitekerezo bikuru umwandiko wubakiyeho.

2. Umwitozo

Soma aka gakuru usubize ikibazo kiri hasi yako.

Umwana Karisa yahoraga yigunze. Ababyeyi be bari baranze kumujoyana ku ishuri. Bamusigaga mu rugo wenyine, batamusigiye ibiryo inzara ikamwica. Iyo abandi bana bavaga ku ishuri, banyuraga iwabo bikamutera agahinda.

Ikibazo: Hitamo ingingo y'ingenzi ikubiye muri aka gakuru muri izi ebyiri, hanyuma uyandike.

a) Karisa ntiyakinaga n'abandi bana.

b) Impamvu zateraga Karisa kwigunga.

KWANDIKA



Soma uyu mwandiko, wandike iherezo ryawo uhereye ku mashusho ari muni yawo.

Inkende yari itwaye igare ihura n'akanyamasyo.


Akanyamasyo kayisaba ko bijyana irakemerera.

Byigiye imbere bihura n'inzovu na yo isaba inkende ko iyitwara.

Kubera ubunini bwayo inkende iyemerera yijujuta. Hanyuma...



a



b


UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira

Menya ibyazo



Kumenya intaho, urusaku n'ibyana by'inyamaswa ni byiza cyane. Bifasha abantu gusobanukirwa imibereho yazo bityo bakazirindira ubuzima.

Mu Rwanda, inyamaswa zibera muri za **pariki** zitandukanye. Impyisi n'imbwebwe zitaha mu **masenga** zikabwaguriramo ibibwana. Iyo zumvikanisha amajwi yazo imbwebwe zirabwejagura cyangwa zikamoka, impyisi zigahuma. Imbogo zibera mu ishyamba, zirabira, zikima, zikabyara inyana. Impongo zo zirakorora, zikaba mu bihuru, zikanabyara utwana.

Inzoka ziba mu myobo, ziravugiriza, zigatera amagi avamo ibyana. Inyoni n'ibisiga byibera mu **byari** akenshi ntibisiga imishwi yabyo. Amajwi yabyo aratandukanye. Inuma ziraguguza, imisambi igahiga, inyombya ikayomba. Imbeba na zo zirajwigira, zikagira ibyana byinshi **mu miheno**.

Ntibikwiye kwangiza intaho z'inyamaswa cyangwa kugirira nabi ibyana byazo.

2. Inyunguramagambo



Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro aya akurikira:

pariki, imishwi, mu byari, mu miheno

- a) Kamanzi yambwiye ko akunda kujya gusura ahantu inyamaswa ziba.
- b) Imbeba zikunda kwiba ibijumba zikabijyana aho ziba.
- c) Inkoko yahamagaye abana bayo.
- d) Ejo nabonye inyoni zisohoka aho zitaha.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.

- a) Kumenya intaho, urusaku n'ibyana by'inyamaswa bidufasha iki?
- b) Ni izihe nyamaswa nibura eshatu zavuzwe mu mwandiko?
- c) Vuga urusaku rw'inyamaswa zikurikira: **imbwebwe n'imbeba**.

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Ubonye umwobo mu gihuru watekereza ko hatahamo izihe nyamaswa?
- b) Vuga andi moko atatu y'inyoni atavuzwe mu mwandiko.
- c) Vuga ibintu bitatu by'ingenzi uyu mwandiko wibanzeho.

UTWATUZO



Andika interuro ukoreshemo uko bikwiye utwatuzo dukurikira.

- 1) Akabago .
- 2) Akabazo ?
- 3) Akitso ,
- 4) Agatangaro !

KWANDIKA



Andika unoza umukono ingingo y'ingenzi ivugwa mu mwandiko "Menya ibyazo".


UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira

Inyamaswa mu rubanza



Kera inyamaswa zo mu gasozi **zarikoze** zijya ku Mana. Ziyitekerereza ko zimwe zibura ubuzima kubera guhigwa n'inyamaswa z'**inkazi**. Imana yumvise akababaro kazo iziha ububasha bwo **kwirwanaho**.

Iha impongo ubushobozi bwo kwiruka no gukorora itabaza. Iha imbogo ubushobozi bwo kwabira n'ubwo kumva impyisi ihuma. Imisambi yayihaye guhiga naho imbeba iziha ubushobozi bwo kujwigira. Intare yayihaye gutontoma, ingwe iyiha guhara, inyamaswa zazumva zigahunga. Imana kandi yahaye inyamaswa zo mu gasozi intaho zitandukanye. Itegeka impyisi kwitarura izindi ikibera mu isenga n'ibibwana byazo.

Imbogo izitegeka kuba mu mukenke hamwe n'inyana zazo. Imbeba n'ibyana byazo ibitegeka kuba mu **miheno**. Nguko uko inyamaswa zimwe zaretse kubana n'inyamaswa z'inkazi.

2. Inyunguramagambo

 Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro aya akurikira.

zarikoze, inkazi, kwirwanaho, mu muheno

- a) Impyisi zikunda kwitabara iyo zitewe.
- b) Nabonye imbeba yiruka igana aho iba.
- c) Inka za Murenzi zishyize hamwe zijya kona imyaka y'abaturage.
- d) Intare ni inyamaswa y'inyamahane.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.

- a) Ni izihe nyamaswa eshatu zavuzwe mu mwandiko?
- b) Inyamaswa zaregwaga ni izihe?
- c) Izo nyamaswa zaregwaga iki?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.


- a) Amatungo yo mu rugo atandukaniye he n'inyamaswa zo mu gasozi mu kubona ibizitunga?
- b) Vuga nibura amatungo atatu yo mu rugo n'aho aba.
- c) Vuga ingingo ebyiri z'ingenzi zivugwa mu mwandiko.

KWANDIKA

 1. Shyira utwatuzo mu gakuru gakurikira maze ukandike unoza umukono.

Kamari ari kumwe n'ababyeyi be muri Pariki Yooo
Arashimishije pe Ari kwitegereza isha impararage
n'inzovu agahita abyina Ese buriya ashimishijwe n'iki Buriya
ashimishijwe n'ubwiza bwazo

-  2. Uzuza agakuru ugeze ku mirongo itanu, uhayeze ku ishusho kandi ukomereje ku nteruro ya mbere wahawe.



Inkende ku ishuri

Umunsi umwe, abana babonye inkende iri mu giti ku ishuri.

.....

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira

Tumenye inyamaswa zo mu gasozi



Inyamaswa zo mu gasozi ni nyinshi kandi ziratandukanye. Muri zo twavuga intare, ingwe, impyisi, imbogo, impongo n'izindi. Zimwe ni **indyanyama** zitunzwe no guhiga, izindi ni indyabyatsi.

Mu ndyanyama twavugamo intare, ingwe, imbwebwe, impyisi n'izindi. Izo nyamaswa n'ibyana byazo zitungwa no kurya izindi. Impongo n'utwana twazo ni **indyabyatsi** ntizirya inyama.

Imbogo n'inyana zazo kimwe n'imparage n'ibyana byazo zirisha ibyatsi. Imisambi n'inyoni byo byibera mu byari hamwe n'udushwi twabyo. Ibyana by'imbeba biba mu miheno iby'inzoka bikaba mu myobo. Impyisi n'ibibwana byazo bitungwa akenshi n'ibyasigajwe n'intare n'ingwe. **Isatura** ni indyabyatsi zishobora **kubwagura** ibibwana birenze bitanu.

Muri make, inyamaswa zo mu gasozi zitandukanira kuri byinshi.

2. Inyunguramagambo

Uzuza izi nteruro ukoresheje aya magambo: **Isatura, kubwagura, indyabyatsi, indyanyama**

- a) Kabatesi yamenye ko imparage ari inyamaswa y'.....
- b) Muri Pariki y'Akagera habamo.....
- c) Umwarimu yatwigishije ko impyisi ari inyamaswa y'.....
- d) Ingurube nyinshi zikundaibibwana byinshi.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni izihe nyamaswa z'indyanyama zavuzwe mu mwandiko?
- b) Ni izihe nyamaswa z'indyabyatsi zavuzwe mu mwandiko?
- c) Ibyana by'inyamaswa zikurikira byitwa bite?
 - Imparage
 - Imbwa
 - Imisambi

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ku bwawe wumva ari ukubera iki inyamaswa z'indyanyama zitabana n'indyabyatsi?
- b) Vuga izindi nyamaswa zo mu gasozi z'indyabyatsi zitavuzwe mu mwandiko.
- c) Vuga ibintu bibiri by'ingenzi uyu mwandiko wibanzeho.

Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo (A)

1. Itegereze interuro zikurikira maze utahure aho zitandukaniye.

- a) Ejo hashize ndabona impara n'imparage muri Pariki y'Akagera.
- b) Ejo hashize nabonye impara n'imparage muri Pariki y'Akagera.

Menye ko:

Interuro ya mbere ari **interuro nyobyamvugo** kubera ko ivuga ibyabaye nk'ibirimo kuba ubu. Naho iya kabiri yo ikaba interuro mbonezamvugo.

2. Mu nteruro zikurikira tandukanya interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo.

- a) Uyu muni mu gitondo Kamari abonye intare mu ishyamba.
- b) Uyu muni mu gitondo Kamari yabonye intare mu ishyamba.
- c) Kera nakundaga gukina umupira w'amaguru.
- d) Kera nkunda gukina umupira w'amaguru.

KWANDIKA



Soma agakuru gato maze usubize ikibazo kigakurikira

Inzovu, imbogo, impara, ingagi n'imparage zari zifite inyota.

Zabonaga akariba k'amazi kure, ziruka zijya kuyanywa.

Impara yarirutse izitangayo, ibonye ari make ntiyanywa itegereza izindi.

Zakomeje kuza ariko zitegereza inzovu kuko yazaga buhoro.

Inzovu yahageze irushye cyane, zirayibwira ngo ibanze inywe.

Inzovu ishyira umutonzi muri ka kariba. Hanyuma.....



Mu nteruro zikurikira, hitamo interuro igaragaza iherezo ry'agakuru, kandi uyandike unoza umukono.

- 1) Izindi nyamaswa zabonye amazi ahagije yo kunywa.
- 2) Inzovu yanyweye amazi yose, izindi zibura ayo kunywa.
- 3) Nyuma y'uko inzovu inywa amazi, izindi zabonye amazi zogamo.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira

Isha n'umuhari



Kera habayeho isha n'umuhari bigasangira **akabisi n'agahiye**. Umunsi umwe, byicarana n'ibyana byabyo mu **mukenke** biraganira.

Nuko umuhari ubwira isha ko ihora yambaye ubusa. Isha na yo iwubwira ko ifite ikirizo kibi. Umuhari wararakaye wirukankana isha umoka ariko isha irawusiga. Wihutiye kubwira imbwebwe yonsaga ibibwana byayo ko isha yawuhemukiye. Imbwebwe iwugira inama yo kwiyunga n'isha bikabana mu mahoro. Umuhari warakomeje uganyira impongo yarishaga n'akana kayo mu **gihuru**. Impongo irakorora na yo iwubwira nk'ibyo imbwebwe yawubwiye. Umuhari watekereje ku magambo wabwiwe, wiyemeza **kuziyunga** n'isha. Bwarakeye umuhari ujya gushaka isha, bisabana imbabazi biriyunga.

Kuva uwo munsu byabaye inshuti bibera urugero izindi nyamaswa.

2. Inyunguramagambo

 Hitamo ijambo riboneye maze wuzuze interuro:

akabisi n'agahiye, kwiyinga, bihuru, umukenke.

- a) Abantu bafitanye ibibazo bagomba.....
- b) Imbwa yo mu gasozi yibera mu.....
- c) Indyabyatsi zikunda kurisha.....
- d) Abantu bakundana basangira

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.

- a) Umuhari n'isha byaganiriraga hehe?
- b) Ni iki cyatumye umuhari wirukankana isha?
- c) Ni izihe nyamaswa zagiriye inama umuhari?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Ni iki washima imbwebwe?
- b) Ni iki wanenga umuhari?
- c) Uramutse urimo kuganira na mugenzi wawe akakubwira amagambo ntuyishimire wabigenza ute?

Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo (B)

1. Itegereze interuro zikurikira maze utahure aho zitandukaniye.

- a) Mu cyumweru gitaha nagiyeye kureba Pariki y'Ibirunga.
- b) Mu cyumweru gitaha nzajya kureba Pariki y'Ibirunga.

Menye ko:

Interuro ya mbere ari **interuro nyobyamvugo** kuko ibizaba kera irabivugaga nk'aho byarangijye kuba.

Iya kabiri ni **interuro mbonezamvugo**, kuko ivugaga ibintu mu gihe cyabyo.

2. Imyitozo

Kosora izi nteruro aho ari ngombwa.

- a) Umwaka utaha ndasura ibyanya bibamo inyamaswa.
- b) Umwaka utaha nzasura ibyanya bibamo inyamaswa.
- c) Umwaka utaha nzacirira imbwa nyite Bobi.
- d) Umwaka utaha naciririye imbwa nyite Bobi.

KWANDIKA



Mu nteruro imwe, andika irindi herezo ry'aka gakuru.

Impyisi yashakaga kwiba ibibwana by'imbwebwe.

Yinjira mu isenga aho biri irabyitegereza.

Imbwebwe iyisangamo iramoka.

Impyisi yiruka ihuma.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira

Na zo zigira ibyana



Ku isi dutuye, **ibinyabuzima** muri rusange bigira uko byororoka. Ku bantu n'inyamaswa habaho kuvuka, gukura no gusaza. Nk'uko bimenyerewe, umuntu abyara umwana umwe cyangwa **impanga**.

Inyamaswa na zo zishobora kubyara icyana kimwe cyangwa byinshi. Mu nyamaswa harimo izibyara, izibwagura n'izitera amagi. Inyamaswa z'**inyamabere** zororoka zibyaye, izindi zikabwagura. Izibyara nk'intare, inzovu, imbogo, isha, imparage, imvubu, zigira ibyana. Naho izibwagura nk'imwebwe, impyisi, inturo, isatura n'imihari, zigira ibibwana. Hari n'izororoka zibanje gutera amagi nk'inzoka, utunyamasyo, ingona n'izindi. Ibiguruka na byo bitera amagi ibyana byabyo bikitwa imishwi.

Muri rusange inyamaswa nyinshi **zigaragariza** urukundo ibyana byazo.

2. Inyunguramagambo

Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro aya akurikira:

ibinyabuzima, impanga, inyamabere, ibibwana, imishwi

- a) Inkoko yacu yaturaze utwana.
- b) Kureba abana bavukiye umunsi umwe biranshimisha.
- c) Inyamaswa zifite amabere zidufitiye akamaro.
- d) Nkunda kureba ibintu byose bigira ubuzima.
- e) Umuhari wagiye guhigira ibyana byawo.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni ibiki byavuzwe mu mwandiko biranga ibinyabuzima?
- b) Vuga uburyo butatu bwavuzwe inyamaswa zororokamo.
- c) Vuga uko bita ibyana by'inyamaswa zikurikira: inzovu, umuhari, inkware.

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Inyamaswa zitera amagi zitandukaniye he n'inyamaswa zonsa.
- b) Muri rusange uyu mwandiko ugusigiye ubuhe bumenyi?
- c) Vuga ibintu bitatu by'ingenzi uyu mwandiko wibanzeho.

Interuro nyobyamvugo n'interuro mbonezamvugo

1. Subiza ukoresheje **yego** cyangwa **oya**.

- a) Uyu munsi nimugoroba nagiye kureba ingagi. Iyi ni **interuro mbonezamvugo**.
- b) Ejo hashize nzabona impara n'imparage muri Pariki y'Akagera. Iyi ni **interuro nyobyamvugo**.
- c) Kera iwacu tuzasura Pariki ya Nyungwe turebe inguge. Iyi ni **interuro mbonezamvugo**.

2) Mu nteruro zikurikira shakamo interuro nyobyamvugo uzikosore.

- a) Ejo hashize inkoko yacu izaturaga mishwi.
- b) Umwaka utaha nzajya gusura urwibutso rwa Gisozi.
- c) Mvuka nzaba mfite ibiro bitatu.
- d) Mvuka nari mfite ibiro bitatu.

KWANDIKA

1. Huza ibice by'amagambo maze ukore ijambo uryandike.



A	B
1) bampya	a) pwe
2) impwe	b) nsyi
3) byaca	c) rume
4) Sati	d) tuye

2. Mu nteruro imwe, andika irindi herezo ry'aka gakuru.



Agakwavu kari gashonje.

Mu nzira kahuye n'umwana urimo kurya umuneke.

Agakwavu gasaba uwo mwana umuneke.

Umwana aha ako gakwavu umuneke.

Agakwavu karawakira kawurya kishimye cyane.


UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Yakijije ibyana byayo



Kera intare, inturo n'impfisi byabanaga mu ishyamba **kimeza**. Izo nyamaswa zasangiraga byose. Inturo ikarera ibyana by'intare hamwe n'ibibwana byayo. Intare yajya guhiga, ibyana byayo bigasigara bikina n'ibibwana by'inturo.

Bukeye **amapfa** aratera, intare yazana **umuhigo** igasangira n'inturo ariko bikima impfisi. Ibyo byarakaje impfisi icura umugambi wo gushimuta ibyana by'intare. Yaraje ikanga inturo, inturo iriruka maze itwara ibyana by'intare. Intare icyuye umuhigo, ibura ibyana byayo iratontoma. Inturo iranyawuza, ibwira intare ko byashimuswe n'impfisi. Intare yahise izura **umugara** ijya kubohozza ibyana byayo.

Igeze mu isenga ry'impfisi, ihasanga ibyana byayo. Irayitontomera, impfisi iradagadwa, ica bugufi isaba imbabazi. Intare irayibabarira inayemerera ko bizajya bisangira umuhigo.

2. Inyunguramagambo



Uzuza izi nteruro ukoresheje aya magambo:

umugara, kimeza, amapfa, iradagadwa

- a) Nabonye mu gitabo ishusho y'intare ifite.....
- b) Izuba ryinshi ritera.....
- c) Amashyamba ni intaho y'inyamaswa.
- d) Imparage iyo ibonye intare.....

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni izihe nyamaswa zavuzwe mu mwandiko?
- b) Kubera iki impyisi yagiye gushimuta ibyana by'intare?
- c) Impyisi imaze gutwara ibyana by'intare yabijyanye hehe?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ni ubuhe butwari intare yagaragaje?
- b) Ni kuki inyamaswa z'indyabatsi zitinya indyanyama?
- c) Kurikiranya ibikorwa bitanu by'ingenzi bivugwa muri uyu mwandiko.

Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo (C)



1. Itegereze interuro zikurikira, maze utahure aho interuro ebyiri za mbere zitandukaniye n'ebyiri za nyuma.

- a) Intare n'ingwe irahiga izindi nyamaswa.
- b) Abantu umwe bakunda gusura pariki.
- c) Intare n'ingwe zihiga izindi nyamaswa.
- d) Abantu bamwe bakunda gusura pariki.

Menye ko:

Interuro ebyiri za mbere ari **nyobyamvugo** kuko imwe iravuga ibintu byinshi nk'aho ari kimwe. Indi ikavuga ikintu kimwe nk'aho ari byinshi. Ebyiri za nyuma ni **mbonezamvugo**, kuko zivuga ibintu neza.

2. Mu nteruro zikurikira shakamo interuro mbonezamvugo uzandike.

- a) Abahigi umwe bashimuta inyamaswa.
- b) Inzovu zirya ibyatsi.
- c) Intare n'ingwe ihiga impara n'imparage.
- d) Abahigi bamwe bashimuta inkende mu ishyamba.

KWANDIKA

Soma aka gakuru gato maze usubize ikibazo kigakurikira.

Bakame yari irimo kurya umwembe.

Inzovu iyibonye irayisaba.

Bakame iyiha ku mwembe. Hanyuma...



Hitamo interuro igaragaza iherezo ry'aka gakuru maze uyandike.

- a) Bakame irawuyima
- b) Inzovu irawakira.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira

Zidufitiye akamaro



Inyamaswa zo mu gasozi zifitiye Igihugu cyacu akamaro. Ba mukerarugendo bazisura bishyura amadovize akoreshwa mu **iterambere** ry'Igihugu. Izo nyamaswa bazisanga muri za pariki zitandukanye z'u Rwanda.

Pariki y'**Ibirunga** ibamo ingagi, ni inyamaswa zisurwa cyane. Abazisura babanza kwishyura amafaranga kugira ngo bazirebe. Buri muni abantu batandukanye, Abanyarwanda n'abanyamahanga baza kuzisura. Pariki y'Akagera na yo ibamo inyamaswa nyinshi zisurwa na ba mukerarugendo. Pariki ya Nyungwe yo ibamo amoko menshi y'**inguge** n'inyoni. Muri izo nguge twavugaga mo nk'**ibiyondi**, inkomo, impundu, inkende n'ibishabaga. Abazisura bashimishwa n'izo nguge n'amajwi atandukanye y'inyoni.

Abasura izo nyamaswa zose bifuzaga guhora bagaruka kuzisura. Ni byiza kuzitaho, tukazibungabungira ubuzima kubera akamaro zidufitiye.

2. Inyunguramagambo

 Uzuza izi nteruro ukoresheje aya magambo:

inguge, iterambere, ibyondi, ibirunga

- a) Nagiye gusura Pariki ya Nyungwe mbona
- b) Kugira ngo ugere kuugomba gukora cyane.
- c)ni imisozi miremire cyane.
- d)ni inyamaswa zenda gusa n'abantu.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni bande basura inyamaswa zo muri pariki ?
- b) Abasura inyamaswa bishyura iki?
- c) Ni izihe nyamaswa ziba muri Pariki ya Nyungwe?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ni ibihe bikorwa by'iterambere ubona aho utuye?
- b) Kubera iki abaturage bagomba kubungabunga ibikorwa by'iterambere?
- c) Kuki tugomba gusura pariki zacu?

KWANDIKA

1) Tondeka neza aya magambo ukore interuro maze uyandike.

-  a) na - cyacapwe - iki - Sempyisi - gitabo.
b) Mpwerazikamwa - ni - za - insyo - nziza.

2) Soma inkuru ikurikira maze uvuge ingingo y'ingenzi ivugwamo uyandike.

Ingagi ni inyamaswa ziri gukendera ku isi.
Ingagi nke zisigaye zimwe ziboneka mu Rwanda.
U Rwanda ruzirinda abahigi na ba rushimusi.
Baba bashaka kuzigirira nabi ngo bazirye banagurishe impu zazo.
Kwica ingagi ni icyaha gihanirwa.


UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira

Isega n'imbwa



Kera habayeho **isega** inanutse cyane yiberaga mu ishyamba. Umunsi umwe, yagerageje kwinjira mu rugo rw'imbwa. Imbwa iyibonye irayimokera cyane iyibuza kwegera urugo rwayo.

Isega irahuma maze iyibaza impamvu ibyibushye yo ikaba inanutse. Imbwa iyisubiza ko ibyibushye kubera ko irya neza. Iyisaba **kutijujutira** kunanuka kuko hari n'izindi nyamaswa zinanutse. Yayihaye urugero rw'isha, utuyongwe, inkende n'imihari uko bingana. Isega iyisubiza ko itarazibona kuko aho ziba haba ingwe. Iyibwira ko iyo ingwe ihara biyitera ubwoba **igahinda umushyitsi**. Imbwa ikomeza kuyitegereza ibonye ko **yahorose**, yumva impuhwe ziraje.

Nuko iyisaba ko yaguma aho, bikibanira, bikajya bisangira. Isega irayemerera iguma aho, nyuma y'igihe gito itangira kubyibuha.

2. Inyunguramagambo



Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro aya akurikira:

Isega, kutijujutira, yarahorose, ihinda umushyitsi

- a) Isega iratitira iyo ifite ubwoba.
- b) Ni byiza kutinubira ibyo abarimu badusaba gukora.
- c) Nahuye n'imbwa yo mu ishyamba ndayihisha.
- d) Imbwa yabonye isega yarananutse cyane iyigirira impuhwe.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Isega yari ifite ikihe kibazo?
- b) Isega yabaga he?
- c) Kubera iki imbwa yari ibyibushye?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ese koko inyamaswa zose zinanutse zibonye ibyo kurya byiza zabyibuha?
- b) Uyu mwandiko ukwigishije iki?
- c) Ubona ari ba nde bakwiriye gufashwa?

INTERURO

Kosora interuro zikurikira uzigire interuro mbonezamvugo.

- a) Inkende n'inguge iba mu biti.
- b) Ba mukerarugendo agiye gusura ingagi.
- c) Inyamaswa enye yononnye ibihingwa.

KWANDIKA



Soma inkuru wahawe maze uhitemo ingingo y'ingenzi ikubiyemo uyandike.

Mu Rwanda hari pariki zibungabungwa. Izo ni Pariki y'Akagera, Pariki ya Nyungwe na Pariki y'Ibirunga. Nyungwe ni pariki ibamo amoko menshi y'inguge. Ingagi ziba muri Pariki y'Ibirunga.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Dusobanukirwe n'inyamaswa



Uko inyamaswa zidahuje amazina ni na ko zidahuje intaho. Hari inyamaswa ziba mu myobo no mu masenga. Hari iziba mu bihuru, ibyari n'imiheno. Amazi na yo ni intaho y'inyamaswa zimwe na zimwe.

Inguge, ingagi, inkende n'impundu zitaha mu biti. Ingona, imvubu, **inzibyi** n'utunyamasyo tumwe biba mu mazi. Impyisi, imihari n'imwebwe byo byibera mu masenga. Impara, imparage n'isha biba mu mashyamba cyangwa mu mukenke. Ibiguruka bitaha mu byari, mu biti cyangwa mu bishanga. Indyanyama nk'intare, ingwe n'impisi zitungwa n'indyabyatsi nk'imbogo, impara n'amasatura. Iyo ingwe ihiga **iromboka**, ntihare ngo zitayumva **zigakwira imishwari**. Intare na yo ni uko, iyo ihiga ntitontoma.

Indyabyatsi zose zihorana **amakenga** kubera indyanyama zizihiga.

2. Inyunguramagambo



Uzuza izi nteruro ukoresheje aya magambo:

aromboka, inzibyi, zikwira imishwaro, amakenga

- a) Impara iyo zikanze intare.....
- b) Imyitwarire mibi ya Karire iteye ababyeyi be.....
- c) Umujura.....kugira ngo batamwumva.
- d)zibera mu mazi.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni izihe nyamaswa ziba mu mazi zavuzwe mu mwandiko?
- b) Inguge zitaha hehe?
- c) Kuki ingwe n'intare iyo zihiga zigenda zomboka?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Kuki impara, imparage n'isha bibana?
- b) Vuga izindi nyamaswa ebyiri waba uzi z'indyabyatsi zitavuzwe mu mwandiko.
- c) Ni gute twabungabunga inyamaswa?

Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo (D)



1. Itegereze interuro zikurikira maze utahure aho interuro ebyiri za mbere zitandukaniye n'ebiri za nyuma.

- a) Intare aya inyama.
- b) Isatura ni ingurube wo mu ishyamba.
- c) Intare zira inyama.
- d) Isatura ni ingurube yo mu ishyamba.

Menye ko:

Interuro ebyiri za mbere ni interuro nyobyamvugo kubera ko inyamaswa ziri kuvugwa nk'aho ari abantu. Interuro ebyiri za nyuma ni interuro mbonezamvugo.

2. Mu nteruro zikurikira shakamo interuro nyobyamvugo unazikosore.

- a) Inyamanza ari mu giti.
- b) Umuntu arabungabunga ibidukikije.
- c) Ikigori areze neza.
- d) Ibishyimbo bireze neza.

KWANDIKA



Soma aka gakuru usubize ikibazo kiri hasi yako, wandike igisubizo.

Umurobyi yagiye kuroba mu kiyaga.

Nta fi yigeze abona kugeza nyuma ya saa sita.

Butangiye kwira aroba ifi imwe arishima.

Mu gihe yashakaga kuroba indi, injangwe iraza.

Yamutwaye ya fi iriruka, asigara yumiwe.

Ikibazo: Iyo umurobyi aza kuba yazanye imbwa ye byari kugenda gute?

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Impyisi mu rwina rwa Bakame



Kera impyisi yakundaga kwiba imineke mu nsina z'abaturanyi. Umunsi umwe, Bakame iyisanga **ibundaraye** ku **rwina** rwayo iratabaza. Impyisi aho guhunga igahuma inarya imineke.

Bakame ikomeza gukoma akamo, inyamaswa zose zirahurura. Impongo isiga akana kayo mu gihuru yiruka ijya gutabara. Imbwebwe isiga ibibwana mu isenga isohoka ibwejagura iratabara. Umusambi wari ubundikiye udushwi twawo udusiga mu cyari uratabara. Inyoni zari mu biti ziguruka zijwigira zerekeza kwa Bakame. Intare aho yari iratontoma ibwira inyamaswa kuyizanira umujura. Zihageze zisanga impyisi iri ku rwina rw'imineke ihuma.

Nuko zirayifata ziyishyira intare ariko igenda itakamba isaba imbabazi. Ikomeje **kubogoza**, zirayibabarira ariko ziyica **ikiru**, ziyisaba kutazongera ukundi.

2. Inyunguramagambo



Uzuza interuro wahawe ukoresheje aya amagambo:

rwina, ibundaraye, kubogoza, ikiru

- a) Nabonye imbwa.....ku nkoko.
- b) Yarakosheje bamuca.....
- c) Imineke itaze mu.....iraryoha.
- d) Inzuki zamudwinze none ari.....

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Kera impyisi yakundaga kwiba iki?
- b) Kuki Bakame yakomye akamo?
- c) Bakame imaze gukoma akamo inyamaswa zabigenje zite?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Gusaba imbabazi uwo wakoshereje bimaze iki?
- b) Guca ikiru umuntu wakosheje bimariye iki nyiri ukugitanga?
- c) Gusabana imbabazi bihuriye he no kwimakaza umuco w'amahoro?

Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo

Mu nteruro zikurikira shakamo interuro mbonezamvugo.

- a) Igiti aragaragara kiraboneka.
- b) Ukwezi kuragaragara ndakubona.
- c) Intare aragaragara ndamubona.
- d) Inyamaswa ziragaragara ndazibona.
- e) Icyuma kiragaragara ndakibona.

KWANDIKA

 **Soma aka gakuru usubize ikibazo kiri hasi yako.**

Umurisa yagiye ku ishuri anyura hafi y'umugezi.

Arebye muri uwo mugezi abonamo ururabo rureremba ku mazi.

Yunamye agira ngo arukuremo, aranyerera ikanzu ye ijyaho ibyondo.

Yishimiye ko arukuyemo ariko ntiyajya kwiga kubera kwandura.

Ikibazo:

Andika uko byari kugenda iyo Umurisa aza gukuramo ururabo akoresheje igitabo.


UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Ibikururanda



Ku isi haba inyamaswa zitandukanye. Hari izigendesha amaguru ane, ibiguruka n'ibikururanda. Izo nyamaswa, ziba mu byari, mu myobo, mu mazi, mu mashyamba n'ahandi. Muri izo zose **ibikururanda** bigira umwihariko.

Ibikururanda byinshi bitungwa n'udusimba, **bikororoka** biteye amagi. Ibyana byabyo byikura mu magi, bigakura **byirwanaho**. Bimwe bifite amaguru ibindi nta yo bifite. icyo byose bihuriyeho ni uko bigenda bikurura inda. Ibikururanda biba mu mabuye, mu myobo, mu mazi, n'ahandi. Mu bikururanda dusangamo ibinini n'ibito. Twavuga nk'ingona, inzoka, imiserebanya, **ibyugu**, iminyorogoto n'ibindi.

Ibikururanda bidufitiye akamaro kanini. Hari ibirya imibu n'amasazi yanduza abantu indwara. Hari ibikunze gusurwa na ba mukerarugendo bakatuzanira amadovize. Turinde ibikururanda nk'izindi nyamaswa kubera akamaro kanini bidufitiye.

2. Inyunguramagambo



Uzuza izi nteruro ukoresheje aya magambo:

ibikururanda, bikororoka, byirwanaho, ibyugu

- a) Inzoka n'imiserebanya bibarirwa mu.....
- b)ni inyamaswa zijya gusa n'imiserebanya.
- c) Ibikururanda.....bihunga bikoresheje inda.
- d) Bimwe mu bikururanda bitera amagi maze ibyana byabyo.....

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ibikururanda bikunda kuba hehe?
- b) Ibyana by'ibikururanda bivuka bite?
- c) Ibikururanda byinshi bitungwa n'iki?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ni iyihe mpamvu tugomba kurinda ibikururanda nk'izindi nyamaswa?
- b) Ibikururanda n'ibiguruka bitandukaniye he?
- c) Ni ibihe bikururanda biboneka aho mutuye?

INTERURO

Ni izihe nteruro mbonezamvugo muri izi zikurikira?

- a) Ibidukikije bigomba kubungwabungwa.
- b) Amashyamba na we ni ibidukikije.
- c) Igiti agororwa kikiri muto.
- d) Tuge turya ibiryo bifite ubuziranenge.

KWANDIKA



Soma aka gakuru usubize ikibazo kiri hasi yako.

Hari umugezi wambukiranywaga n'ikiraro cyoroshye cyane.
Inzovu yari ituye hakuno y'umugezi, akanyamasyo gatuye hakurya.
Inzovu yatumiye akanyamasyo ngo kaze bisangire amafunguro.
Akanyamasyo karambutse gasangira n'inzovu, gataha kishimye.

Ikibazo: Andika uko byari kugenda iyo akanyamasyo kaba ari ko katumiye inzovu.

Umwitozo

Uzuza utwatuzo dukwiye mu nteruro zikurikira maze uzisome wubahiriza uko twakoreshejwe.

Mama weee Burya rwose abishyize hamwe ntakibananira pe
Ese abantu bose bazi ko ari ngombwa kurwanya ubunebwe
Ni abantu bangahe batari bamenya ko kubahiriza igihe ari
ngombwa Twese turwanyije ubunebwe tukanubahiriza igihe
twatera imbere kakahava pe

Isuzuma risoza umutwe wa kane

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Inzoka kwa Semanywa



Semanywa yumvise urusaku rw'ikintu kivugiriza mu nzu arikanga. Arebye aho urwo rusaku ruturuka, abona ni inzoka ndende pe! Agira ubwoba, atekereza ko yaturutse mu mwobo wari hafi aho.

Yaketse ko yaba ari ikiryambeba cyangwa inshira abona si zo. Yibajije niba ari umukenganya, abona si wo kuko uba mu biti. Yatekereje ko ari impiri abona si yo kuko yo iba ngufi. Yaketse ko ari iziba mu mazi nk'uko amafi n'imitubu bibamo biramuyobera.

Umuturanyi we Mukantwari yahise ahasesekara, amumara ubwoba. Abwira Semanywa ko ari insharwatsi kubera ibara ry'icyatsi n'urwasaya rwayo.

Ntibayisagarira. Barayihinda, isohoka mu nzu irengera mu gihuru irigendera. Bakomeje kuganira ku moko y'inzoka nk'insana, uruziramire, imbarabara n'izindi. Semanywa asobanukirwa atyo, ashimira Mukantwari wamuhumurije kandi akamusobanurira amoko y'inzoka.

2. Inyunguramagambo

 Uzuza izi nteruro ukoresheje aya magambo:

imitubu, umuturanyi, barayihinda, wamuhumuriye

- a) Nabonye_____hafi y'amazi.
- b) _____ wacu afite abana twigana.
- c) Abana babonye inzoka _____.
- d) Uwo mwana_____biramunezeza.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni iki cyateye Semanywa kwikanga?
- b) Ni nde wasobanuriye Semanywa amoko y'inzoka?
- c) Inzoka yakanze Semanywa isohotse mu nzu yagiye hehe?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ni izihe nyamaswa uzi ziba mu mazi?
- b) Ni iki washima Mukantwari na Semanywa ku bijyanye no kubungabunga ibidukikije?
- c) Twakora iki kugira ngo ibikoko bitaza mu nzu?

UTWATUZO

1. Ukoresheje akambi, huza akatuzo n’uko kitwa.



?	Agatangaro
,	Akitso
!	Akabazo

2. Shyira utwatuze dukwiye mu nteruro zikurikira.



- Ingagi impundu ibitera n’inkende birakorana bihanahana ibitekerezo binyuranye
- Yooo mbega inyamaswa ibereye amaso
- Ese wowe wari wajya gusura ingagi inkende n’ibitera
- Impongo ingona imvubu ibitera n’isatura ni zimwe mu nyamaswa ziba muri Pariki y’Akagera.

3. Andika interuro ukoreshemu uko bikwiye utwatuze dukurikira.



- Akabazo
- Agatangaro

KWANDIKA



1. Ukoresheje akambi huza izina ry’inyamaswa, ibyana byazo, n’urusaku rwazo ubyandike.

Inyamaswa	Icyana	Urusaku
Impyisi	inyana	irivuga
Intare	icyana	urahiga
Imbogo	icyana	irahuma
Umusambi	umushwi	iratontoma



2. Andika mu mukono ingingo y’ingenzi ivugwa mu mwandiko “Inzoka kwa Semanywa”.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Impamvu inguge zitavuga



Inguge zibajije impamvu zitavuga nk’abantu kandi zenda kumera nka bo. Nuko ingagi itumiza inama y’inguge zose, zibyunguranaho ibitekerezo. Zanzura ko zigomba kujya **gutakambira** Imana, zikayisaba kuvuga nk’abantu.

Zigeze imbere y’Imana ziyibwira ikifuzo cyazo maze Imana iracyumva. Iziha ubushobozi bwo kuvuga, ariko ko zigomba kubaha umuntu. Mu nzira zitaha, inkende zihura n’umukobwa wikoreye imineke. Zigira **amerwe** ziramutega agwa hasi zirya ya mineke. Umukobwa atabaza Imana **adidimanga** ngo ibisimba bivuga biramwishe. Imana byose yarabirebaga yongera gutumiza inguge zose mu nama. Izibwira ko izatse ubushobozi bwo kuvuga nk’abantu kubera ko inkende zitubahirije amasezerano.

Nuko zitaha **zimyiza imoso**. Kuva ubwo inguge zose ntizongera kuvuga nk’abantu ukundi.

2. Inyunguramagambo



Uzuza izi nteruro ukoresheje aya magambo:

gutakambira, amerwe, adidimanga, zimyiza imoso

- a) Iyo umuntu afite ubwoba avuga.....
- b) Yabuze amafaranga yo kwivuza ahitamo.....
umuturanyi ngo amugurize.
- c) Imbwa zahize urukwavu rurazisiga zitaha.....
- d) Impyisi yabonye intama igira.....ishaka kuyirya.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni ikihe kibazo inguge zari zifite?
- b) Inguge zigiriye iyihe nama?
- c) Imana yahannyeye ite inguge zimaze guhemukira umukobwa?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Utekereza ko inguge zitwaye zite imbere y'inkende
yatumye zakwa ubushobozi bwo kuvuga?
- b) Ni ibihe byiza byo kubahiriza amasezerano?
- c) Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?

INTERURO

Kosora interuro zikurikira uzigire interuro mbonezamvugo.

- a) Ingwe ashobora kubyara ibyana babiri.
- b) Inkokokazi gitera amagi zikayararira zikayaturaga hakavamo udushwi.
- c) Ejo hazaza nagiye mu mahugurwa yo kudukangurira kwizigamira ngo twiteze imbere.
- d) Abantu yose bakwiye kubungabunga ibidukikije.

KWANDIKA

 **1. Huza inyamaswa n'intaho yayo maze ubyandike.**

Inyamaswa

- 1) Inuma
- 2) Imvubu
- 3) Impyisi
- 4) Inzovu
- 5) Inzoka

Intaho

- a) mu mazi
- b) mu mwobo
- c) mu isenga
- d) mu ishyamba
- e) mu cyari

 **2. Ongerera usome umwandiko “Impamvu inguge zitavuga”, hanyuma wandike irindi herezo ryawo.**

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Kamariza na bagenzi be



Kera Kamariza, Murebwayire na Ncyuyimihigo bajyanaga ku iriba ntibasigane. Umunsi umwe, Kamariza yapfunyitse **impamba** ayimaho bagenzi be. Baramwinginga cyane ngo abaheho **arabashwishuriza**, maze baramurakarira.

Bamaze kuvoma bikorera utubindi twabo nuko bashyira nzira barataha. Mu nzira, Kamariza akoze ku ijosi yumva yataye akanigi ke. Abwira bagenzi be ngo bamuherekeze bage kugashaka, na bo baramwangira. Murebwayire na Ncyuyimihigo **baramucyurira** ngo ntibamufasha kandi ari igisambo. Kamariza yibutse ko yabimye, agira **intimba** arabinginga, abasaba imbabazi. Murebwayire na Ncyuyimihigo baramubabarira kuko yazibasabye abikuye ku mutima. Bamaze kwiungira baramuherekeza nuko bajya gushaka ka kanigi ke.

Bamaze kukabona, Kamariza arishima cyane, abashimira ubufasha bamuhaye. Kuva ubwo, Kamariza ntiyongera gukora icyamuteranya na bagenzi be.

2. Inyunguramagambo

Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) impamba	a) baranshunaguje
2) arabashwishuriza	b) agahinda
3) intimba	c) arabangira
4) barancyuriye	d) ibyo kurya

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni bande bavugwa mu mwandiko?
- b) Ni iki cyatumye bagenzi ba Kamariza banga kumuherekeza ngo bage gushaka akanigi ke?
- c) Kubera iki Kamariza yagize intimba?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Uramutse ukoshereje mugenzi wawe wakora iki?
- b) Ikibazo Kamariza na bagenzi be bari bafitanye cyakemutse gite?
- c) Ni iki wakwigira kuri Kamariza na bagenzi be?

KUBARA INKURU

Soma agakuru gakurikira utahure uko katangiye, uko kakomeje n'uko karangiye.

Umunsi umwe, Mugeni na Kankindi batoye akanigi. Batangira kugakurura buri wese akita ake. Akanigi gacikamo kabiri. Amasaro yako aranyanyagira. Babona ko bapfaga ubusa. Basabana imbabazi barababarirana.

Menye ko:

Ubara inkuru agira uko ayitangira, uko ayikomeza n'uko ayisoza. Inkuru iba igizwe n'intangiriro, igihimba (ipfundo) n'umusozi (iherezo).

KWANDIKA

-  1. Ukurikije urugero wahawe huza ibice by'amagambo maze ukore ijambo uryandike unoza umukono.

A	B	C (Ijambo)
Incyu yanshwa yara umwi byara yaka	capwe pfakapfye ratuye ryarywe shywa muro	byaracapwe

-  2. Tondeka neza izi nteruro wandike agakuru unoza umukono.

Akanigi gacikamo kabiri.
Amasaro yako aranyanyagira.
Babona ko bapfaga ubusa.
Batangira kugakurura buri wese akita ake.
Basabana imbabazi barababarirana.
Mugeni na Kankindi batoye akanigi.


UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Warupyisi na Bakame



Kera Bakame yakundaga **kuryarya** Warupyisi, ibyo amusezeranyije byose ntabikore. Umunsi umwe, abwira Warupyisi ngo azaze iwe basangire ikimasa.

Bukeye Warupyisi aritegura abwira umugore we n’abana ngo bajyane kwa Bakame. Nuko baragenda bageze kwa Bakame **baravunyisha babura n’inyoni itamba**. Babonye ntawubikirije, bafata umwanzuro wo gusubira mu rugo.

Hashize iminsi, hagwa imvura idasanzwe yangiza inzu ya Bakame. Inkuru ibabaje igera kuri Warupyisi ko imvura yasenye Bakame. Warupyisi yirengagiza uburyarya bwa Bakame maze ajya kumuha **umuganda**. Yajyanye na bagenzi be nuko basanira Bakame inzu arishima.

Bamaze kuyimusanira, Bakame yegera Warupyisi araturika ararira bose baratangara. Bakame ahita asaba Warupyisi imbabazi, amubwira ko atazongera kumuryarya. Warupyisi aramubabarira amubwira ko inabi ititurwa indi.

2. Inyunguramagambo

Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo:

Ijambo	Igisobanuro
1) kuryarya	a) basaba ikaze
2) baravunyisha	b) kubeshya
3) babura n'inyoni itamba	c) kumufasha
4) kumuha umuganda	d) babura n'umwe

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.

- a) Ni iki Bakame yabeshye Warupyisi?
- b) Ni ikihe kibazo cyavutse kwa Bakame?
- c) Ni ikihe kintu kiza Warupyisi yakoreye Bakame?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Utekereza ko ari iki cyatumye Bakame asaba Warupyisi imbabazi?
- b) Ni iyihe nama ukuye muri uyu mwandiko ?
- c) Vuga nibura ingingo ebyiri z'ingenzi uyu mwandiko wibanzeho?

KWANDIKA

 Soma aka gakuru maze uhuze buri nteruro n'igice k'inkuru ibarizwamo

Intangiriro	Gapira yakinnye umupira na Gasore.
Igihimba	Barimo gukina, Gapira yasyonyoye Gasore.
Umusozo	Gapira amusaba imbabazi . Gasore aramubabarira bakomeza gukina.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Bakame na Ruhaya



Kera Bakame na Ruhaya bari **inshuti magara** basangira byose. Umunsi umwe, bigira inama yo guhinga ngo biteze imbere. Bagirana **amasezerano** yo gufatanya no gukorera hamwe muri byose.

Bahinze umurima mugari bateramo imbuto z'amatunda. Barazibagara, bashyiramo ifumbire, barazisasira zikura zimeze neza. Basezerana ko igihe cyo gusarura nikigera bazajya bajyana gusarura. Nta wari wemerewe gusarura ayo matunda wenyine undi adahari.

Igihe cyo gusarura kigeze, Bakame **agira ishyushyu** ajya gusarura wenyine. Ruhaya agiye gusura Bakame asangayo igitebo cy'amatunda ahishije neza. Ruhaya **akubitwa n'inkuba**, nuko abaza Bakame impamvu yamuhemukiye atyo. Bakame abura aho akwirwa aramanjirwa yinginga Ruhaya barayagabana.

2. Inyunguramagambo

Uzuza interuro ukoresheje amagambo akurikira.

Inshuti magara, agira ishyushyu, amasezerano, akubitwa n'inkuba

- a) Gapusi ryo gushaka kurya abandi bataraza.
- b) Bamubwiye ko yatsinzwe
- c) Abagiranyebarayubahiriza.
- d) ntizijya zihemukirana.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.

- a) Ni bande bavugwa mu mwandiko?
- b) Ni iki Bakame na Ruhaya biyemeje gukora?
- c) Ni nde utarubahirije amasezerano?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ni iki unenga Bakame ?
- b) Ni izihe ngingo zigaragaza imibanire myiza ziri mu mwandiko ?
- c) Shaka ubundi buryo ikibazo cya Ruhaya na Bakame cyari gukemukamo ?

KWANDIKA

1. Huza ibice by’amagambo maze ukore ijambo uryandike.

A	B	Ijambo
araka ku i yabe	mvwa ncyuro shywe rabywa	

2. Soma aka gakuru maze uhuze buri nteruro n’igice k’inkuru ibarizwamo

Intangiriro Igihimba Umusozo	Umunsi umwe, Mutesi yakinaga agatenesi ka Mahoro. Nuko agateye kagwa mu mwobo gaheramo. Mutesi aramwegera amusaba imbabazi. Mahoro aramubabarira bakomeza kubana neza.
------------------------------------	---

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Umukecuru n'agasamunyiga



Kera habayeho agasamunyiga k'agahemu kiberaga mu ishyamba rya Muyunzwe. Kari **karajujubije** abagenzi bacaga muri iryo shyamba kabambura utwabo. Abagenzi bari **barabuze amahwemo**.

Umunsi umwe, ka gasamunyiga karabyutse maze kajya gutega abagenzi. Karagenda kikinga inyuma y'igihuru aho kari gasanzwe gategera abagenzi. Ako kanya, hatunguka umukecuru Nyiramana wikoreye agatebo kuzuye imineke. Ka gasamunyiga kamubonye yikoreye agatebo k'imineke gatangira kwisetsa cyane.

Muri ako kanya umukecuru **ashya ubwoba** yibaza uko agacika. Mu gihe akibaza uko abigenza, hirya gato hatunguka umuhari. Umuhari witegereje uko agasamunyiga **katitije** umukecuru, urakavudukana amaguru kayabangira ingata. Biba iby'ubusa umuhari uragafata ukagarura imbere ya wa mukecuru. Karapfukama gasaba imbabazi ko katazongera kwambura abantu, karekera aho kujya gasagarira abagenzi.

2. Inyunguramagambo

Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) kujujubya	a) gutinya
2) kubura amahwemo	b) gutera ubwoba
3) gutitiza	c) kudatuza
4) gushya ubwoba	d) kubuza amahoro

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.

- a) Agasamunyiga kabaga he?
- b) Kari karajubije abagenzi gate ?
- c) Ni iki cyakijije umukecuru?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Kuki agasamunyiga kisubiyeho ntikongere gusagarira abagenzi ?
- b) Uhuye n'umuntu akagusagarira wabigenza ute?
- c) Utekereza ko uriya mukecuru yakoreye iki umuhari?

INYUGUTI NKURU

1. Soma interuro zikurikira, witegereze ahantu hakoreshejwe inyuguti nkuru, uvuge itandukaniro ryaho.
 - a) Agasamunyiga kabaga mu ishyamba rya Muyunzwe.
 - b) Ako kanya hatunguka umukecuru Nyiramana yikoreye igitebo.

Menye ko:

Inyuguti nkuru itangira interuro, ikanatangira amazina bwite y'abantu n'ay'ahantu.

Ingero: Yooo! Agasamunyiga katitije Nyiramana.
Bari batuye i Kigali

2. Umwitozo

Kosora agakuru gakurikira ushyira inyuguti nkuru aho zigomba kujya.

umunsi umwe, ncyuyishyo yavaga i gahini kwiga. ageze mu nzira ahura n'intama ya benegusenga. dore ngo aragira ubwoba! si ukwiruka afumyamo! ese yaba yaraketse ko ari imbwa? ako kanya semfwati aba arahageze amubwira ko intama itaryana.

KWANDIKA

Tondeka neza izi nteruro ukuremo agakuru kaboneye ukandike.

Kamanzi asaba Kamari imbabazi aramubabarira.

Bareka gukina agapira batangira gushwana.

Kamari na kamanzi bakinaga agapira.

Umwarimu wabo ababonye arabakiza.

Kamanzi akinira nabi Kamari biramubabaza.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Ntama na Nyambo



Umunsi umwe, Nyambo yari yicaranye na Ntama muni y'igiti, baganiraga bahuje urugwiro. Buri wese yari yishimiye undi, bamwenyura cyane. Biza kugera aho Nyambo abwira Ntama ko afite uduhembe duto. Ntama amusubiza yitonze ko kugira amahembe maremare atari bwo butwari.

Nuko batangira **gucyocyorana** cyane ibyari ibyishimo bihinduka **intonganya** karahava. Hashize akanya, Nyambo akaraga ihembe cyane ngo aritere Ntama. Ihembe ntiryamufata, ryishinga mu butaka Nyambo ananirwa kurivanamo. Nyambo atangira gutakambira Ntama cyane amusaba ko yamufasha kurivanamo. Ntama **yirengagiza** ko batonganaga amufasha kurivana mu butaka bwangu.

Ihembe rivuyemo, Nyambo **aca bugufi** yegera Ntama amusaba imbabazi. Basanga bapfaga ubusa Ntama aramubabarira. Kuva ubwo Ntama na Nyambo ntibarongera gutongana babana neza.

2. Inyunguramagambo

Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) gucyocyorana	a) ariyoroshya
2) gutakambira umuntu	b) amagambo mabi arimo uburakari
3) aca bugufi	c) kubwirana amagambo asesereza
4) intonganya	d) kwinginga umuntu

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.


- a) Ntama na Nyambo bari bicaye he?
- b) Ni iki Ntama yabwiye Nyambo kikamurakaza?
- c) Ihembe rya Nyambo rimaze kwishinga mu butaka, Ntama yakoze iki?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Ukeka ko intonganya hagati ya Nyambo na Ntama zatewe n'iki?
- b) Utekereza ko ari iki cyatumye Nyambo asaba Ntama imbabazi?
- c) Mugenzi wawe ahuye n'ibyago wamumarira iki?

KWANDIKA

-  1. Ukurikije urugero wahawe, shaka mu kinyatuzu amagambo ashingiye ku muco w'amahoro ajyanye n'aya mashusho, maze uyandike.



g	u	t	w	a	z	a	s	n
u	b	m	k	n	b	b	m	o
h	c	t	h	s	z	m	b	y
o	g	u	s	u	r	a	n	a
b	b	b	n	b	n	n	b	i
e	n	b	b	h	m	j	a	m
r	c	r	n	m	y	h	u	b
a	s	c	v	b	f	r	s	a
n	d	s	z	e	f	k	p	b
a	r	f	y	d	r	e	s	a
s	d	w	r	d	r	c	n	z
g	u	s	u	h	u	z	a	i

2. Soma aka gakuru maze usubize ikibazo gikurikiraho.

Kanyana ni inshuti ya Gasaro.

Ntibajya basigana ku ishuri.

Bakunda kwigira hamwe.

Ikibazo: Ushingiye ku gakuru umaze gusoma, ihimbire akawe kagizwe n'interuro eshatu ku ngingo yo kwimakaza imibanire myiza n'abandi.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Kampire na bagenzi be



Kera habayeho umwana witwaga Kampire, agakunda gushyamirana cyane n'abandi. Igihe kimwe, arimo gukina n'abanyeshuri bagenzi be, Manzi amusitaraho.

Kampire ahita atonganya Manzi maze amubwira ko abikoze **nkana**. Ariko Manzi akomeza kumusaba kureka intonganya kuko yamusitayeho atabishaka. Kampire yanze kumubabarira akomeza kumutonganya ndetse ashaka kumukubita.

Abandi banyeshuri babibonye, bahagarika imikino yabo, baza kubakiranura. Babwira Kampire ko **gushyamirana** ari intandaro y'**amakimbirane** mu bantu. Banamubwira ko guhora atonganya abandi atari umuco ugomba kumuranga. Muri ako kanya, umwarimu yumva basakuza, aza kureba ikibaye. Ahageze ababaza impamvu basakuza cyane, abanyeshuri bamusobanurira uko byagenze.

Nuko umwarimu wabo **arabunga** anababwira ko bagomba kwirinda ubushyamirane. Kampire yumva impanuro, ababarira Manzi aniyemeza kutazongera gushyamirana n'abandi.

2. Inyunguramagambo

Uzuza interuro zatanzwe ukoresheje amagambo akurikira.

nkana, ntitugashyamirane, impanuro, amakimbirane

- a) Tuge twirinda gukosereza bagenzi bacu
- b) byatuma tutabana mu mahoro.
- c) Yumvise z'umubyeyi.
- d) Muneza na Kabirigi bagiranye baza kwiyinga.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.

- a) Ni nde wavuzwe mu mwandiko wakundaga gushyamirana n'abandi?
- b) Kampire atonganya Manzi byari bigenze bite?
- c) Umwarimu amaze kunga Kampire na Manzi yababwiye iki?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Iyo aza kuba wowe Manzi yasitayeho atabishaka, wari gukora iki?
- b) Ni iki washima Kampire?
- c) Nyuma yo gusoma uyu mwandiko urumva igihe ukina n'abandi uzajya wirinda iki?

INYUGUTI NKURU

Kosora interuro zikurikira ukoresha uko bikwiye inyuguti nkuru.

- a) uyu muni yohani yansabye imbabazi ndazimuha.
- b) yebaba wee! ngeze i murambi pe!

KWANDIKA



1. Tondeka iyi migemo wandike ijambo.

Imigemo	ijambo
mva-ru-a	
ba-nti-ga-bywe-si	
bywa-ra-ka-ba-ra	
shya-gu- mi -na-ra	
nti-bywa-ba-se	



2. Soma aka gakuru maze usubize ikibazo gikurikira.

Inzu ya Bakame yasenywe n'isuri.

Umuhari uyiha umuganda wo kuyisana.

Bakame yongera kubona aho iba ishimira umuhari.

Ikibazo:

Ushingiye ku gakuru umaze gusoma, ihimbire akawe kagizwe n'interuro eshatu ku ngingo yo kwimakaza imibanire myiza.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Imbata n'inkokokazi



Kera imbata n'inkokokazi byabanaga neza mu mahoro. Umubano wabyo wari intangarugero ku yandi matungo yose byabanaga.

Umunsi umwe, imbata yagiye koga mu ruzi maze **irarohama**. Andi matungo abibonye abimenyesha inkokokazi, ya nshuti magara y'imbata. Nuko inkokokazi ihita itangira gushakisha uko yarohora imbata. Yayirohoye yarembye, yanegekaye, yiyemeza **kuyiraririra** amagi hamwe n'ayayo. Imbata yari yarateye amagi atandatu, inkokokazi yarateye ane. Inkokokazi yabonaga bitazayorohera kuyararirira hamwe yose, ariko ntiyacika intege. Igihe kigeze **irayaturaga** maze udushwi twose iturerera hamwe. Yaradutoreraga, ikatubundikira, kugeza igihe imbata ikiriye.

Ya mishwi yose yarakuze igirana **igihango** cyo kutazigera ihemukirana. Ni yo mpamvu n'ubu inkokokazi ituraga amagi y'imbata ikanayirerera imishwi.

2. Inyunguramagambo

Amagambo aciyeho akarongo mu nteruro yasimbuze ayo bivuga kimwe muri aya magambo akurikira.

irarohama, kuyararira, irayaturaga, igihango

- a) Iyo inkware imaze gutera amagi yihutira kuyabundikira ngo azavemo udushwi.
- b) Inkoko yacu yarariye amagi ikuramo udushwi.
- c) Bagiranye amasezerano ko bagomba gukomeza kubana mu mahoro badahemukirana.
- d) Imbata yagiye koga mu kiyaga igwamo.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.

- a) Ni ayahe matungo yavuzwe mu mwandiko?
- b) Ni iki cyavuzwe mu mwandiko inkokokazi yihanganiye?
- c) Imishwi yose imaze gukura yagiranye ikihe gihango?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Ni iki washima inkokokazi?
- b) Kuki inkokokazi yiyemeje kurarira amagi y'imbata?
- c) Erekanako muri uyu mwandiko hagaragaramo umuco wo gutabarana.

KWANDIKA



1. Ukurikije urugero wahawe, curukura aya magambo maze wandike interuro ubonye mu mukono.

Urugero:

ni -wese -buri -ingirakamaro- Kubaha

Kubaha buri wese ni ingirakamaro

- a) twakoshereje -Ni-imbabazi-ngombwa-abo-gusaba.
- b) ni -Gusaba -kuzitanga- ingirakamaro -imbabazi -no.
- c) twirinda -Tuge- intonganya -gihe -buri.
- d) bigaragaza -myiza -Gusurana -imibanire.
- e) byiza -Ni- gutabarana.

2. Tondeka neza izi nteruro ukuremo agakuru kaboneye ukandike.

Asubiye ku ishuri agakina na bagenzi be.

Kamana ageze iwabo arakaboha.

Bose bamushimira ko ari umwana mwiza.

Basaba Kamana kukaboha kuko yari abizi.

Abanyeshuri babuze agapira ko gukina.


UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Magirirane na Mahoro



Magirirane yakundaga gukubaganira abandi bana mu ishuri. Bose **bamuhaga akato** ngo atabakubita. **Ntiyitaga** ku masomo kuko igihe kinini yiberaga mu mpaka za ngo turwane.

Umunsi umwe, umwarimu yamubajije ikibazo kiramunanira maze Mahoro aragisubiza. Nuko atangira kwibaza impamvu ahora atsindwa kandi abandi batsinda. Magirirane abaza Mahoro igituma we azi gusubiza neza. Mahoro amubwira ko adakubaganye, agakurikira umwarimu yigisha, yamenya gusubiza. Magirirane yumva inama za Mahoro yiyemeza **kuzubahiriza**. Kuva ubwo atangira kujya asubiza neza bituma aba umuhanga. Ndetse aza mu myanya ya mbere **abikesheje** izo nama.

Ku munsi w'amanota, Magirirane yasabye imbabazi bagenzi be yiyoroheje. Abasezeranya ko atazongera kubakubaganira, anashimira Mahoro inama nziza yamugiriye.

2. Inyunguramagambo

Amagambo aciyeho akarongo ari mu nteruro yasimbuzwe ayo bivugaga kimwe muri aya akurikira.

ntiyitaga ku, abikesheje, kubahiriza, Bamuhaga akato

- a) Baramuhezaga kubera ko bakekaga ko arwaye igituntu.
- b) Yabonye amanota meza kubera umuhate yagiraga.
- c) Kankindi yasuzuguraga inama za mwarimu.
- d) Ni byiza gukurikiza inama tugirwa mu ishuri.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.

- a) Kuki abandi bana bahaga Magirirane akato?
- b) Mahoro asubije neza ikibazo Magirirane yakoze iki?
- c) Mahoro yabigenje ate Magirirane amaze kumubaza?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Utekereza ko Magirirane yatsinze neza kubera iki?
- b) Ni iki cyatumye Magirirane asaba bagenzi be imbabazi?
- c) Ni irihe somo uyu mwandiko ugusigiye?

KWANDIKA

1. Ukurikije urugero wahawe huza amagambo ari mu tuzu ukore interuro uyandike.

A	B	C
Umunyeshuri	asabwa buri gihe agomba kubaha asabwa gukora w'umunebwe ufasha abandi ukurikira mu ishuri	aba umuhanga. imirimo yo mu rugo. aba ari umuhanga. kubaha. buri wese. aratsindwa.

Urugero: Umunyeshuri ufasha abandi aba ari umuhanga.



2. Soma aka gakuru maze usubize ikibazo gikurikira.

Rukundo yakinaga na Kamari.

Kamari amukinira nabi Rukundo arababara.

Kamari amusaba imbabazi Rukundo aramubabarira.

Ikibazo:

Ushingiye ku gakuru umaze gusoma, ihimbire akawe katarengeje interuro eshatu.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Intama n'ingurube



Kera ingurube n'intama byari bituranye, bisangira, **bigasukirana**, bikanatabarana. Bukeye ingurube yadukana ubusambo, ikajya yima intama, ikanayibira ubwatsi.

Intama ibibonye irayegera, iyigira inama yo kureka ingeso yadukanye. Ariko ingurube ikomeza **kwica amatwi**, isuzugura intama **yigira indakoreka**. Nyamara nyamwanga kumva ntiyanze no kubona, ingurube yaribye ntibyayihira. Yibaga ibijumba, yikanze nyiri umurima iriruka, igwa mu mwobo. Ingurube irabwejagura, intama yumvise urusaku iza kureba ikibaye. Ihageze isanga ingurube yaguye mu mwobo murerure yavunitse ukuguru.

Intama ibonye akababaro k'ingurube, iyigirira impuhwe, iyikuramo **irayisindagiza** birataha. Yayitagaho, ikayiganiriza neza, ikayishakira amazi ashyushye, ikayikarabya, ikanayikanda.

Ingurube imaze gukira yibuka uko yasuzuguye inama z'intama iricuza. Iyisaba imbabazi ikomeje, intama irayibabarira byongera kubana mu mahoro.

2. Inyunguramagambo

Uzurisha interuro zikurikira aya magambo:

akica amatwi, indakoreka, barasukirana, baramusindagiza

- a) Kamana na Rutebuka iyo bahishije ikigage.....
- b) Semiburo yigize ntawukimuvuga.
- c) Mukamusoni baramubwira nyamara azabona ingaruka.
- d) Umuntu warembye bakamugeza kwa muganga.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.

- a) Ni izihe nyamaswa zivugwa mu mwandiko?
- b) Ni izihe ngeso ingurube yadukanye itari isanganywe?
- c) Intama yakijije ite ingurube?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Ni ukubera iki intama yagiriye neza ingurube kandi yari imaze iminsi iyibwira ntiyumve ?
- b) Ni iki washima ingurube?
- c) Uyu mwandiko ukwigishije iki?

KWANDIKA

1. Ukurikije urugero wahawe, tondeka aya magambo maze ukore interuro uzandike.

Urugero:

muri - Gufashanya - bizaduteza - byose - imbere.
Gufashanya muri byose bizaduteza imbere

- a) yakundaga - Ingurube - kwendereza - ikanayirira-
intama - ibyatsi.
- b) Ingurube - gukira - imaze - yibuka - yasuzuguraga -
uko - intama - iricuza - maze.
- c) mu - yarayibabariye - Intama - bitangira - mahoro -
kubana.
- d) bagenzi - atari - bacu - kuko - byiza - Ntitukendereze.
- e) Ni - gutabara - ngombwa - mu - abari - makuba.



2. Uhereye ku nteruro zatanzwe, andika izindi nteruro eshatu, ukore agakuru kumvikana.

Maboneza yasitaye kuri Kariza.

Maboneza aramwegera amusaba imbabazi.


UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Kamikazi na Ngabo



Kamikazi na Ngabo bombi bigaga mu mwaka wa gatatu. Bahoraga **basagarirana**, bagahora mu ntonganya, bakagera n'ubwo bashaka kurwana. Rimwe Kamikazi yahishe ikayi ya Ngabo, ababyeyi baza kubimenya.

Ababyeyi babo barabahamagara bombi, barabicaza, babagira inama. **Barabahanura**, bababwira ko bagomba kubahana no kubana mu mahoro. Babasaba kwirinda **gushotorana**, gushyamirana no gutongana. Babagira inama yo gukorera hamwe no gufashanya muri byose. Babasobanurira ko n'igihe bakina bagomba kujya birinda gusagarirana. Bababwira kandi ko bagomba kwirinda **gucuranwa** igihe basangira. Babibutsa ko ari ngombwa gufashanya igihe basubiramo amasomo yabo. Kamikazi na Ngabo bakibyumva bombi bahita basabana imbabazi barababarirana.

Batangira gukorera hamwe no kubahana, ntibongera gutongana ukundi. Ubu ni abanyeshuri b'intangarugero, bashimwa na buri wese.

2. Inyunguramagambo

Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro aya akurikira.

Gushyamirana, ucuranwa, basagarira, yaramushotoye

- a) Yamwiyenjejeho amubwira nabi ariko bageze aho bariyunga.
- b) Ni ingeso mbi kurya ibiryo usahuranwa na bagenzi bawe.
- c) Si byiza kutumvikana na bagenzi bawe kuko bitera amakimbirane.
- d) Abana bendereza bagenzi babo bagomba kubireka.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.

- a) Ni bande bavugwa mu mwandiko ?
- b) Ni ikihe kibazo Kamikazi na Ngabo bari bafitanye?
- c) Ababyeyi bamaze kubagira inama Kamikazi na Ngabo bitwaye bate?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Ni ibiki bigaragaza umunyeshuri w'intangarugero?
- b) Ni iki ushima ababyeyi bavugwa mu mwandiko?
- c) Wakora iki kugira ngo ukize abantu bafitanye amakimbirane?

KWANDIKA

1. Ukurikije urugero wahawe huza amagambo ukore interuro uyandike.

A	B	C
Tugomba	batugira inama	n'abakuru
Umunyeshuri mwiza	gufashanya	mu masomo.
Abarimu bacu	afasha	bacu.
Mu rugo	kubaha abato	nziza.
Ntitugasagarire	dufasha	bagenzi be.
Tugomba	bagenzi	ababyeyi.

Urugero: Tugomba kubaha abato n'abakuru.

2. Tondeka neza izi nteruro ukuremo agakuru kaboneye.

Inka iyisaba imbabazi ivuga ko itazongera .

Ibigori byeze inka ikajya ijya kubyona.

Inzovu irayibabarira .

Inzovu iza kumenya ko inka iyonera ibigori.

Inzovu yahinze umurima w'ibigori.

Umunsi umwe iyisangamo yona.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Umuduri wa Kariza



Kera abaturage bo ku gasozi ka Rorero ntibabanaga neza. Abo baturage bahoraga mu ntonganya n'inzangano za buri muni. Nta muturanyi wasuraga undi cyangwa ngo amutabare agize ibyago. Umusaza Munderere yabibona bikamushavuzwa, atangira gushakisha icyo yabikoraho.

Umusaza **abanga umuduri** yigisha **imfura** ye Kariza kuwucuranga. Nyuma y'iminsi mike, Kariza atangira kujya acuranga indirimbo z'amahoro. Nimugoroba yahuzaga urungano rw'abana baturanye, **akabakirigitira umurya** bakanyurwa. Abana bose bagera iwabo bagasubiramo indirimbo z'amahoro Kariza yabaririmbiye.

Kuva ubwo, indirimbo za Kariza zikundwa cyane n'abantu b'ingeri zose. Abana baziririmbiraga iwabo, ku ishuri no mu bitaramo. Injyana n'ubutumwa by'indirimbo ze bikanezeza ababyumva.

Izo ndirimbo nziza z'amahoro **zakoze ku mitima** y'abaturage. Bose barahinduka babana neza, biberaho mu mahoro n'umunezero.

2. Inyunguramagambo

Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo unayuzurisha interuro zikurikiraho:

Ijambo	Igisobanuro
1) Zabakoze k'umutima	a) akabacurangira.
2) Umuduri	b) Umwana wavutse bwa mbere.
3) Imfura	c) Igikoresho cya muzika
4) Akabakirigitira umurya	d) zarabanejeje.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.

- a) Abaturage bavugwa mu mwandiko babaga ku wuhe musozi?
- b) Se wa Kariza yari ahangayikishijwe n'iki?
- c) Kariza yacurangiraga abandi bana indirimbo zerekeye iki?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Ni iki washima Kariza?
- b) Urumva kubana mu mahoro bizamarira iki abaturage bo ku musozi wa Rorero?
- c) Ubonye bagenzi bawe bari mu ntonganya wabagira iyihe nama?

KWANDIKA

1. Ukurikije urugero wahawe, huza amagambo ukore interuro uyandike.

A	B	C
Kariza	ni imfura ya	acuranga umuduri.
	yigishijwe umuduri.	indirimbo z'amahoro.
	yahinduye abaturanyi.	urugero.
	yaririmbaga.	amahoro.
	yabereye abandi	Munderere.
	yabigishije	n'umusaza.

Urugero: Kariza yabigishije indirimbo z'amahoro.



2. Soma agakuru gakurikira maze usubize ikibazo gikurikiraho.

Gwiza yari avuye ku ishuri ananiwe cyane.

Ahura na Gasore ari ku igare amusaba kumutwara.

Gasore aramwemerera amugeza mu rugo.

Gwiza aramushimira na we arataha.

Ikibazo: Ushingiye ku gakuru umaze gusoma, ihimbire akawe katarengeje interuro enye ku ngingo y'imibanire myiza n'abandi.


UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Isha n'inzovu



Umunsi umwe, inzovu yaratambutse ihutaza akana k'isha. Isha iyibajije impamvu yari **iyihakuye** iyishongoraho, isha iricecekera. Kuva ubwo ariko ntibyongera kurebana neza kandi byari inshuti.

Icyana k'inzovu cyaje gufatwa n' uburwayi bukomeye cyane. Isha yari **inzobere** mu kuvura ariko inzovu yo ntiyari izi imiti. Inzovu yagize **ipfunwe** yibaza ukuntu izahinguka imbere y'isha yarayishongoyeho. Igisha inama impara, iyibwira ko igomba kugira ubutwari igasaba imbabazi.

Hagati aho icyana k'inzovu kirushaho kuremba. Inzovu isaba impara ngo iyingingire isha iyivurire icyana. Isha ivura icyana k'inzovu ititaye ku kuntu yayishongoyeho.

Inzovu ibibonye ityo isaba isha imbabazi inarahira kutazongera **kwishongora**. Nuko isha n'inzovu byongera kubana mu mahoro.

2. Inyunguramagambo

Uzurisha interuro zikurikira aya amagambo:

ipfunwe, kwishongora, inzobere, iyihekuye

- a) Afite ryo gusaba imbabazi.
- b) Inzovu yakundaga kubera ubunini bwayo.
- c) Abanyeshuri biga neza baba
- d) Iriya mbyeyi imvura yari Imana ikinga akaboko.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.

- a) Isha imaze kubaza inzovu impamvu yari igiye kuyihekura inzovu yakoze iki?
- b) Ni ubuhe butwari inzovu yasabwe kugira?
- c) Ni ukubera iki inzovu yiyambaje impara?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Ni iki wakora mugenzi wawe aguhemukiye ntagusabe imbabazi?
- b) Urumva gusaba no gutanga imbabazi bimaze iki mu buzima ?
- c) Wagira iyihe nama bagenzi bawe bakoshereje abandi?

KWANDIKA

1. Ukurikije urugero wahawe huza amagambo ari mu tuzu ukore interuro uyandike

A	B	C
1) Kera inzovu n'isha	yari inzobere	mu kuvura
2) Isha	bituma	abo twakoshereje.
3) Ni ngombwa kugira	ubutwari tugasaba imbabazi	irababarirwa.
4) Inzovu	yasabye isha imbabazi	mu mahoro.
5) Gusaba imbabazi	byabanaga	abantu babana mu mahoro

Urugero: Isha yari inzobere mu kuvura.



2. Soma aka gakuru maze usubize ikibazo gikurikiraho.

Batamuriza yari arimo gusimbuka umugozi.

Muhoza amubonye amusaba ko bakina.

Batamuriza yanga ko bakina.

Ikibazo: Komeza ako gakuru ugahe iherezo rishimishije.

Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Umurage usumba iyindi



Umukecuru Nyiramana yari akuze cyane **imvi** zari zarabaye uruyenzi. Intege zimaze kumubana nke, atuma ku bana be bose baraza. Bageze iwe, ababwira ko yumva ananiwe cyane, yenda kwitahira. Yifuzaga kubasigira umurage uruta iyindi.

Umukecuru ntiyabatindira atangira kubatekerereza umurage yifuza kubasigira. Ababwira ko icyo abashakaho ari uko baba ababiby b'amahoro. Abasaba kubahana, gukundana, gufashanya no kwirinda **amakimbirane**. Aboneraho kubibutsa ko abantu ari **magirirane**. Abo bana bashimira umubyeyi wabo impanuro nziza abahaye.

Hashize iminsi umukecuru arapfa. Abana bakomera ku **murage** yabahaye baba intangarugero aho batuye. Umurage basigiwe bawusangiza abaturanyi bibafasha kwikemurira amakimbirane.

2. Inyunguramagambo

Simbuza amagambo aciyeho akarongo aya akurikira.

amakimbirane, bashyira hamwe, imvi, impanuro

- a) Nyiramana yari afite imisatsi y'umweru ku mutwe we.
- b) Umukecuru yongeye kubabwira ko abantu baba magirirane.
- c) Umukecuru yabasabye gukundana bakirinda ubushyamirane.
- d) Ababyeyi bakundaga guha abana babo inama.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.

- a) Umukecuru uvugwa mu mwandiko yitwa nde?
- b) Ni uwuhe murage umukecuru yahaye abana be?
- c) Umukecuru amaze gupfa abana bitwaye bate?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Ni iki washima abana ba Nyiramana?
- b) Ni iki twakwigira ku mukecuru Nyiramana?
- c) Ni gute abantu ari magirirane?

KWANDIKA

1. Huza ibice by’amagambo ukore amagambo uyandike mu mukono.

A	B	Ijambo
yanshwa	shyushyu	
arampyi	niye	
ama	nagaza	

2. Tondeka neza izi nteruro ukuremo agakuru kaboneye

Bukeye zijya gutumira ibikeri ngo bizasangire.
Ibikeri bizibwira ko bitashobora kugera mu biti.
Bigeze mu biti, birasabana birishima cyane.
Inyoni zari zifite umunsi mukuru.
Inyoni zibitiza amababa biragurukana.


UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Umusaza n'akanyoni



Kera habayeho umusaza wahoraga mu ntonganya zidashira. Yari **yarajujubije** abaturanyi be bagahora mu **bushyamirane**.

Umunsi umwe, akanyoni karaje gahagarara mu bikingi by'irembo rye. Karitonda kamubaza impamvu atumvikana n'abaturanyi be, abura icyo agasubiza. Kabonye **yinumiye** nta cyo agasubije, gakomeza kumuganiriza gatuje. Kamubwira ibyo kumvanye abaturanyi be bamugaya, **binubira** uburyo ababangamira. Kamugira inama yo kubana neza na bagenzi be mu mahoro. Kamubwira ko iyo abantu babana neza bafashanya kandi bagatabarana. Ibyo bigatuma biteza imbere aho guhora mu matiku n'inzangano.

Umusaza amaze kumva inama z'akanyoni, atekereza ku buzima abayeho. Arisuzuma asanga ari we ubayeho nabi kurusha abaturanyi be bose. Yiyemeza kwisubiraho, ntiyongera kubabangamira ukundi.

2. Inyunguramagambo

Uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo.

arinumira, binubira, yarabajubije, Ubushyamirane

- a)bubuza abantu amahoro.
- b) Abaturanyi be amatiku ye.
- c) Uwera bamubajije uwaciye amapera
- d) Bamugiriye inama yo gucisha make kubera ko yari

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.

- a) Ni ba nde bavugwa mu mwandiko ?
- b) Ni ikihe kibazo umusaza yateraga abaturanyi be?
- c) Ni iki cyagiriye umusaza inama ?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Wumva ari ukubera iki umusaza uvugwa mu mwandiko yari abayeho nabi?
- b) Ni akahe kamaro ko kumvikana no gufashanya?
- c) Ni iyihe nyigisho ukuye muri uyu mwandiko?

KWANDIKA



1. Ukurikije urugero wahawe huza amagambo ukore interuro uyandike.

A	B	C
1) Umusaza	yahoraga mu ntonganya	barafashanya.
2) Abantu	binubiraga uburyo	baramubabarira.
3) Akanyoni	yasabye abaturanyi imbabazi	kubabangamira ukundi.
4) Abaturanyi	ntiyongeye	gatuje.
5) Umusaza	kagiraga umusaza inama	n'abaturanyi be.
6) Umusaza	babana neza	umusaza ababangamira.

Urugero: Akanyoni kagiraga umusaza inama gatuje.



2. Soma aka gakuru maze usubize ikibazo gikurikiyeho.

Mariza yari yicaye muni y'igiti k'imyembe.

Umwembe uza kugwa hasi arawutora .

Ahamagara inshuti ye Mahoro barawusangira.

Ikibazo:

Ushingiye ku gakuru umaze gusoma, ihimbire akawe katarengeje interuro eshatu ku ngingo y'imibanire myiza.


UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Bana dukine



Kuva kera imikino n'imyidagaduro byari ingenzi mu buzima bw'abantu. Abana b'icyo gihe bitabiraga imikino inyuranye.

Imikino mvamahanga **itaramamara** mu Rwanda, abana bakinaga imikino **gakondo** ikabanezeza. Abahungu bakinaga umukino w'agati, gusimbuka urukiramende, igisoro, gutera **umuhunda**, kumasha n'iyindi. Abakobwa bo, akenshi basimbukaga umugozi, bagakina ubute, bagasamata, bakihishana n'ibindi.

Imikino n'imyidagaduro **gakondo**, yashoboraga guhuza abahungu n'abakobwa. Byatumaga abana bato bakura neza ingingo z'umubiri ntizihinamirane ahubwo **zikagororoka**. Bungukaga inshuti, bagakuza umubano, bagasabana kandi ikabarinda indwara zinyuranye. Imikino n'imyidagaduro **gakondo** yari ifite akamaro kanini tutarondora.

Hari imikino **gakondo** igikinwa n'ubu nko gusimbuka urukiramende no kwihishana. Ni byiza ko abana bayitabira kuko ari ingirakamaro ku buzima.

2. Inyunguramagambo

Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Yaramamaye	a) icyuma bakwikiramo uruti rw'icumu
2) Gakondo	b) Ibya kera
3) Kugororoka	c) Kurambuka
4) Umuhunda	d) Yamenyekanye cyane

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.

- a) Ni mu kihe gihe abana bakinaga imikino gakondo gusa?
- b) Vuga imikino gakondo nibura itatu yakinwaga n'abana yavuzwe mu mwandiko.
- c) Ni iyihe mikino gakondo yavuzwe mu mwandiko na n'ubu igikinwa n'abana?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Ni uwuhe mukino gakondo mu yavuzwe mu mwandiko ujya ukina?
- b) Uratekerezza ko gukina nyuma y'amasomo byakumarira iki nk'umunyeshuri ?
- c) Ni uruhe ruhare rw'imikino mu mibanire myiza y'abantu?

UTURINGUSHYO



Gusoma uturingushyo

1. Soma utu twandiko maze utahure uko duteye.

a) Imfura

Imfura ni iyo musangira ntigucure,
Mwajya inama ntikuvemo.
Waterwa ikakuburira
Wapfa ikakurerera.
Kuba ukize ntusuzugure ukennye
Wasonza ntiwibe.

b) Itabi

Itabi ry'i Nduga ni kaburabuza.
Uraritera rikaguteranya,
Waryivumburira utariteye,
Rikagutwara utuntu.

Menye ko:

Akaringushyo ari akandiko gafasha umunyeshuri kumenya gusoma no gufata mu mutwe .

2. Umwitozo



Soma aka karingushyo maze ugafate mu mutwe

Ibitotsi

Ibitotsi ni ibiragi, bigomba ibirago,
Usinzira utiziguye imuhira,
Uwazindutse akagusumbya akantu!
Ijoro ni intati, rikaba intambara,
Ryageza igihe k'igicuku rikagucuragiza,
Impyisi igatera, umurozi akaza!

KWANDIKA



Soma aka gakuru maze usubize ikibazo kiri hasi yako.

Ishuri ryateguye irushanwa ryo kwiruka.

Nyiramana aba uwa nyuma mu bandi.

Asaba Muhoza kumutoza kwiruka.

Arabimwemerera batangira gukora imyitozo.

Nyiramana amenya kwiruka ntiyongera kujya aba uwa nyuma.

Ikibazo: Andika irindi herezo rifitanye isano n'agakuru umaze gusoma.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Gashema arabahiga



Umunsi umwe, umwarimu yasabye Gashema gusimbuka urukiramende biramunanira, abanyeshuri **baramukwena**. Bukeye ajya gusura sekuru ku Musozi wa Rusozera ngo abimwigishe.

Gashema agezeyo, yasanze sekuru asekura amasaka y'amakoma maze aramusuhuza. Yabwiye sekuru ko umwarimu we yamubwiye gusimbuka urukiramende bikamunanira. Sekuru amufata ku rutugu aramubwira ati: “Utabizi yicwa no kutabimenya.” Arakomeza ati: “Ngiye gushinga uduti tubiri ntambikeho akandi nkwigishe kurusimbuka.”

Yabimutoje gitore **atamutoteza**, maze Gashema abimenya bwangu bitamugoye na gato. Amaze kubimenya asezerana kuri sekuru, aramushimira cyane amusezeranya kutazaba **ikigwari**. Akomeza kwitoza gusimbuka urukiramende akabikora neza cyane.

Ikigo cyabo cyaje gutegura irushanwa mu mukino wo gusimbuka urukiramende. Gashema **ahiga** bagenzi be bitangaza abanyeshuri bose biganaga mu ishuri. Kuva ubwo, Gashema abera abandi urugero mu gusimbuka urukiramende. Biramushimisha kuva ubwo, agahora azirikana impanuro za sekuru.

2. Inyunguramagambo

Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Gukwena	a) Umunebwe
2) Baramutotezaga	b) Guseka umuntu
3) Yarabahize	c) Bamuhozaga ku nkeke
4) Ikigwari	d) Yarabarushije

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Umwarimu yasabye Gashema gukora iki?
- b) Gashema ageze kwa sekuru yasanze akora iki?
- c) Sekuru yamutoje ate?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ni ukubera iki Gashema yahize abandi mu gusimbuka urukiramende?
- b) Wowe hari umukino ukunda gukina? Sobanura.
- c) Vuga ibintu bitatu by'ingenzi uyu mwandiko wibanzeho.

UTWATUZO

Utwuguruzo n’utwugarizo « » / “ ”

1. Itegereze interuro zikurikira maze werekane akamenyetso kakoreshejwemo, uvuge aho kakoreshejwe

Sekuru aramubwira ati: «Abatabizi bicwa no kutabimenya.»

Arakomeza ati: «Ngiye gushinga uduti tubiri ntambikeho akandi nkwigishe kurusimbuka.»

Menye ko:

« » / “ ” Utu tumenyetso twitwa **utwuguruzo n’utwugarizo**.

- Ni utwatuzo dukoreshwa basubiramo amagambo yavuzwe n’undi.
- Buri gihe tubanzirizwa n’utubago tubiri.
- Ijambo rya mbere mu nteruro iri hagati yatwo ritangirwa n’inyuguti nkuru.

Urugero: Umwarimu yarambajije ati: “Kuki wakerewe?”

2. Umwitozo

Shyira utwatuzo muri izi nteruro

- a) Yaramubajije ati: Ku ishuri mukina iyihe mikino
- b) Umwarimu wacu ati: Mwitoze mushyizeho umwete kugira ngo muzatsinde amarushanwa

KWANDIKA



Soma aka gakuru maze usubize ikibazo kiri hasi yako.

Kamana yifuzaga kumenya gusimbuka urukiramende.

Asaba se ko yabimwigisha aramwemerera.

Bukeye akajya amuhamagara akamwigisha uko barusimbuka.

Kamana arabimenya akajya arusimbuka neza.

Mu marushanwa akajya yitwara neza.

Ikibazo:

Ushingiye ku gakuru umaze gusoma, andika agakuru kawe
katarengeje interuro eshanu kavuga ku wundi mukino gakondo uzi.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Mahoro asigaye akora siporo



Kera Mahoro ntiyajyaga akora siporo n’imyidagaduro, ibyo bigatuma ahora yigunze. Aho amariye gusobanukirwa akamaro kayo, yihaye **gahunda** ihoraho yo kuyikora.

Buri muni mu gitondo yihutira kubyuka maze agakaraba mu maso. Agakurikizaho kuzenguruka inzu yo mu rugo inshuro icumi yiruka ataruhuka. Iyo amaze kwiruka ananura amaboko n’amaguru buhorobuhoro agenda agorora ingingo. Akaruhuka gato, agakaraba, akambara, agatunganya aho yaraye akajya ku ishuri.

Mahoro ntagikererwa kujya ku ishuri kuko yimenyereje kugenda yihuta cyane. Ubu ntakigira **impumu** nka mbere kubera imyitozo ngororangingo asigaye akora. Mu ishuri akurikira amasomo neza kuko aba **yaruhutse** mu mutwe.

Bagenzi be baramubajije bati: “Ko kera wahoraga wigunze byagenze bite?” Arabasubita ati: “Aho mariye kumenya akamaro ka siporo nahise mpinduka.” Yahise abashishikariza kwitabira imikino, barayitabira baza kuba **intyoza** muri siporo.

2. Inyunguramagambo

Uzurisha interuro zikurikira aya amagambo:

impumu, gahunda, yaruhutse, yigize intyoza

- a) Umunyeshuri yihaye _____ yo gusubiramo amasomo ye buri muni.
- b) Kankindi iyo yihuse cyane agira _____.
- c) Umurisa _____ agahora avuga ko ibyo yize abirusha bagenzi be bese.
- d) Uyu muni ntiyakoze kuko _____ .

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni iki cyatumaga Mahoro ahora yigunze ?
- b) Mahoro amaze gusobanukirwa akamaro ka siporo yihaye iyihe gahunda?
- c) Muri siporo ni iyihe myitozo Mahoro yakoraga?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Wumva akamaro ka siporo Mahoro yarakabwiwe na nde?
- b) Wakora iki kugira ngo abana muturanye cyangwa mwigana bitabire siporo?
- c) Vuga nibura indwara ebyiri zishobora guterwa no kudakora siporo?

UTWATUZO

Shyira utwatuzo dukwiye muri aka gakuru.

Umunyeshuri baramubajije bati ukina uwuhe mukino

Umunyeshuri arasubiza ati nta mukino n'umwe nkina

Baramubwira bati gukina ni ingirakamaro kuko bituma amagufwa akomera

Umunyeshuri yahise yitabira imikino ubu ni umukinnyi ukomeye

KWANDIKA



1. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo:
yanshwanyagurije, kurumywa, ahombywa, inshywa.

- a) Uyu mucuruzi _____ no gutanga amadeni.
- b) Iki gicuma kirimo _____ kigomba kozwa.
- c) Amahwa _____ ikanzu.
- d) Iki giseke kigomba _____ mbere yo kukikorera.



2. Soma aka gakuru maze usubize ikibazo kiri hasi yako.

Kariza yakundaga umukino wo gusimbuka umugozi.

Yashaka umugozi asimbuka akawubura.

Asaba nyina kuzawumugurira arabyemera.

Bukeye amujyana mu isoko arawumugurira.

Yarawumuhaye Kariza arishima cyane.

Kuva ubwo akajya awusimbuka yishimye.

Ikibazo:

Andika irindi herezo rifitanye isano n'agakuru umaze gusoma.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Umunsi udasanzwe



Hari hashize igihe abanyeshuri bitegura ibirori bisoza umwaka w'amashuri abanza. Bari baritoje imikino ngororamubiri bayikinira ababyeyi babo bari aho.

Abari baritoje **akarasisi** batambukaga imbere y'ababyeyi babo mu **njyana** imwe. Iyo bageraga imbere y'ababyeyi, barakebukaga bakabapepera ibyo bikabashimisha cyane. Abitoje gusimbuka urukiramende no kwiruka birengereye agaseke bararushanijwe maze **karahava**! Mu babyinaga, abakobwa barashayayaga naho abahungu bagahamiriza baca umugara.

Kamana na Kariza bo bitoje kurushanwa mu mucu nyarwanda basakuza. Mu gusakuza umwe agaterura, maze akabwira undi ati: "Sakwesakwe." Undi akamusubiza **bwangu** amureba mu maso ati: "Soma." Uwatangiye agakomeza asakuza, mugenzi we agahita yica igisakuzo bigakomeza bityobityo. Uwo cyananiraga akavuga ngo: "Ngicyo" ubwo mugenzi we akakica.

Uwo munsi wagenze neza, umuyobozi w'ishuri arabashimira, ababyeyi bataha banezerewe.

2. Inyunguramagambo

Kora interuro wifashishije amagambo akurikira: **bwangu, akarasisi, injyana, karahava.**

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni ibihe birori abanyeshuri bamaze iminsi bitegura?
- b) Ni gute abakoraga akarasisi batambukaga?
- c) Vuga nibura imikino gakondo uzi yavuzwe mu mwandiko.

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Iwanyu musakuza ryari?
- b) Wumva ibisakuzo bimaze iki?
- c) Ni iki gishimisha ababyeyi banyu iyo baje mu minsi mikuru ku ishuri?

IBISAKUZO

1. Ongera usome aka gace k'inkuru wize maze utahure uko umukino wo gusakuza ukorwa.

Kamana na Kariza bo bitoje kurushanwa mu by'umuco nyarwanda basakuzanya. Mu gusakuza umwe agaterura, maze akabwira undi ati: “Sakwesakwe!” Undi na we akamusubiza bwangu amureba mu maso ati: “Soma.” Uwatangiye agakomeza asakuza, mugenzi we agahita yica igisakuzo bigakomeza bityobityo. Uwo cyananiraga akavuga ngo: “Ngicyo” maze mugenzi we akakiyicira.

Menye ko:

- **Ibisakuzo** ari agakino ko gufindura ibivugwa.
- Ako gakino gakinwa n'abantu babiri, umwe aravuga ati: “Sakwesakwe.” Undi ati: “Soma.”

Urugero: Sakwesakwe - Soma

Sogokuru aryoha aboze: umuneke.

IMYITOZO

Itegereze aya mashusho maze uyahuze n'ibisakuzo bikurikira.



Igisakuzo	Igisubizo
a) Sogokuru aryoha aboze b) Ko undeba ndaguha c) Icwende ryange ribaye kure mba ngukoreyemo d) Tuvuyemo umwe ntitwarya e) Nshinze umwe ndasakara f) Inka yange nyikama igaramye	

KWANDIKA



Soma aka gakuru maze usubize ikibazo kiri hasi yako.

Gakunzi ntiyari azi gukina umukino wo kumasha.

Akajya ahora yifuza kumenya uko bawukina.

Asaba se kuwumwigisha arabyemera aramwigisha.

Gakuru arabimenya akajya akina umukino wo kumasha.

Mu marushanwa y'imikino gakondo akajya ahiga abandi.

Ikibazo:

Andika irindi herezo rifitanye isano n'agakuru umaze gusoma.


UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma agakuru gakurikira.

Yamenye kubuguza



Kera habayeho **umukambwe** Migambi agakunda **kubuguza** n’umuhungu we Minani. Igihe kimwe barabuguje, birangira umusaza Migambi atsinze umuhungu we. Minani yabajije se uwamwigishije kubuguza. Migambi yamubwiye ko ari Bakame w’i Bwishaza. Minani **arita mu gutwi**, ati: «Ubu nange nabasha kubuguza nka Bakame?» Se amubwira ko abishatse yanamurusha.

Minani yagiye kwa Bakame amarayo amezi atatu. Yagarutse iwabo yarabaye **ikirangirire** mu gisoro. Aza aherekejwe n’abaturanyi ba Bakame barimo intare umwami w’ishyamba.

Ageze iwabo yakinnye n’abasaza maze arabatsinda karahava! Yogezwaga n’inyamaswa abantu bakamuha amashyi n’impundu. Umukino urangiye, ifundi zamutereye ku bitugu, uduca turacuranga n’imisambi irashayaya.

Nyuma yahawe igikombe cyamugize icyamamare hose. Si nge wahera hahera umugani.

2. Inyunguramagambo

Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Umukambwe	a) Abyumva vuba
2) Kubuguza	b) Icyamamare
3) Arita mu gutwi	c) Umusaza
4) Ikirangirire	d) Gukina igisoro

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Migambi n'umwana we bakundaga gukora iki?
- b) Ni iki Minani yabajije se barimo kubuguza?
- c) Se yamusubije iki?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ushatse kumenya gukina umukino runaka wabigenza ute?
- b) Ubonye mugenzi wawe atazi gukina umukino wowe uwuzi wamufasha iki?
- c) Uyu mwandiko ugusigiye irihe somo?

UMUGANI MUREMURE

1. Ongerera usome izi nteruro zavuye mu mwandiko maze uvuge niba ibivugwamo bishoboka.

- a) Umusaza Migambi yakinaga igisoro n'urukwavu.
- b) Minani yigishijwe gukina umupira n'ingwe.

Menye ko:

Umugani muremure uba uvuga ibintu bitabayeho kandi bitanashoboka. Umugani utangizwa na kera habayeho ugasozwa na si nge wahera hahera...

Urugero:

Kuvuga **ibitarabayeho**:

- Kera inyamaswa zavugaga nk'abantu...

Intangiriro:

- Kera habayeho agakwavu kakundaga...

Umusozo:

- Si nge wahera hahera agakwavu...

2. Umwitozo

Cira bagenzi bawe umugani.

KWANDIKA

1. Ukurikije urugero wahawe, huza amagambo ari mu tuzu ukore interuro uyandike

A	B	C
Minani yitoje kubuguza		yari umunebwe mu ishuri.
Minani yamenye kubuguza		yabitojwe na se.
Umunyeshuri yaratsinzwe		yavunitse ikirenge.
Amagufwa ye ntiyari akomeye		atakoraga siporo.
Ntiyagiye gukina umupira		yashakaga kubimenya nka se.



2. Soma aka gakuru maze usubize ikibazo kiri hasi yako.

Sekamana yababazwaga n’uko atazi gukina igisoro.
Agahora yifuza kuzabimenya kandi cyane.
Ajya kureba sekuru ngo abimwigishe.
Asaba sekuru kubimwigisha arabimwemerera.
Sekamana arabimenya akajya agikina na sekuru.

Ikibazo:

Ushingiye ku gakuru umaze gusoma, himba akawe katarengaje interuro eshanu kavuga ku wundi mukino gakondo uzi.


UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Umukinnyi Gapusi



Njangwe yiberaga mu cyaro, abwagura Gapusi na Nturo. Batangiye guca akenge, bashimishwaga no gukina udukino gakondo nyina yabigishije.

Bagimbutse baratandukanye. Gapusi yagiye mu murwa, Nturo we asigara mu cyaro. Gapusi yageze **mu murwa** asanga hateye imbere kurusha mu cyaro.

Gapusi ageze mu mugi, yakumbuye udukino gakondo yakinaga na Nturo, bituma ajya gushaka abo bakina. Yasanze ba Gahuku bari baturanye aho mu mugi bakina imikino yazanywe n'abanyamahanga kubera iterambere. Muri yo harimo basiketi, voreboro, handiboro, tenisi, pingipongo, biyari n'iyindi. Bamwigishije imwe muri iyo mikino **mvamahanga** maze aba ikirangirire muri basiketi.

Ntibyatanzwe, Gapusi n'ikipe ye begukana **igikombe** cya zahabu aba n'umukinnyi mwiza muri basiketi. Ibyishimo byaramusaze, yiyemeza kutabyiharerana ajya kubisangiza umuvandimwe we Nturo. Bongeye guhura barasabana ndetse Gapusi yigisha Nturo gukina imikino mvamahanga.

2. Inyunguramagambo

Uzurisha interuro zikurikira aya magambo:

igikombe, mvamahanga, bagimbutse, Umurwa

- a) Abasore bamenya gukina neza iyo.....
- b) Mu marushanwa iyo ikipe irushije izindi bayiha.....
- c) Kigali ni Mukuru w'u Rwanda.
- d) Rugubi ni umwe mu mikino.....

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni bande bavugwa mu mwandiko?
- b) Gapusi na Nturo bamaze guca akenge bashimishwaga n'iki?
- c) Vuga ine mu mikino mvamahanga Gapusi yasanze mu murwa.

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Urumva ari iyihe mpamvu ituma mu murwa imikino mvamahanga ihagera mbere yo mu cyaro?
- b) Uramutse umenye gukina umukino mvamahanga wakora iki kugira ngo wamamare aho utuye?
- c) Ese imikino mvamahanga ishobora guhindura ubuzima bw'uyikina by'umwuga? Mukore ikiganiro musobanure ibisubizo byanyu.

IBISAKUZO

Sakwesakwe!

Soma.

- a) Nshinze umwe ndasakara.
- b) Tuvuyemo umwe ntitwarya.
- c) Nicaye iwacu nzenguruka isi yose.
- d) Sogokuru aryoha aboze.
- e) Nyiramakangaza ngo mutahe.
- f) Icwende ryange ribaye kure mba ngukoreyemo.

KWANDIKA

 **1. Huza ibice by'amagambo ukore amagambo uyandike mu mukono.**

- | | |
|----------|-----------|
| a) Kuzi | a) kure |
| b) i | b) mbywa |
| c) nshwe | c) mywa |
| d) gusu | d) nshywa |

 **2. Andika agakuru k'imirongo itanu kavuga kuri iyi ngingo ikurikira.**

“Umukino wo gusiganwa ku magare.”

(Uko bawukina, akamaro ka wo, umukinnyi ukunda mu mukino w'amagare)

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Ibe intego ya twese



Nararanye **inganzo**
Mbashakira ijambo
Muryumve riganze
Mu bana rirambe
Ritange umusanzu.

Iyo mpanze aya maso
Ndeba imikino yose
Iy'iwacu gakondo
Iyavuye imahanga
Nyitora nk'**ingenzi**.

Iduhanga ubugingo
Itugororera ingingo
Igacyaha ibirwara
Ikatwunga na bose
Umubano ukaramba.

Uyikunda by'umwuga
Imuhaza amanoti
Imitungo akagwiza
Ubukene bugahunga
Agahaza umuryango.

Ririmba siporo
Uyiratire abandi
Ubwo ikundwe ibavure
Ubusaza buhunge
Iryo toto rigwire.

Iturange idusabe
Idutere ibineza
Ituneze dutuze
Ituvure agahinda
Ibe ingenzi mu bana.

Ituvura **amavunane**
Ituvura umunabi
Idutera urukundo
Idutera kuramba
Iturinda gusaza.

Ni yo mpamvu ubu rero
Mbabwira mwe mwese
Ngo **mwunge mu ryange**
Siporo mubwirwa
Ibe intego ya twese.

Udatera agapira
Ngo anyonge akagare
Ngo aniruke rwose
Ubusaza buzaza
Butware burundu.

2. Inyunguramagambo

Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro amagambo akurikira.

k'ingenzi, inganzo, amavunane, mwunge mu ryange

- a) Kabatesi yakijijwe n'ubuhanzi yakomoye kuri sekuru.
- b) Wirinde gukora imirimo myinshi itagutera umunaniro ukananirwa kubyuka.
- c) Kwiga ni igikorwa kiza mu buzima
- d) Umwana ati: “Munshyigikire twamamaze ibyiza by'imikino.”

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni bande babwirwa by'umwihariko?
- b) Ni ayahe moko y'imikino yavuzwe kuba ingenzi?
- c) Vuga nibura imimaro ibiri y'imikino ivugwa mu mwandiko.

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Uwakugira umukinnyi w’umwuga wumva wamarira iki bagenzi bawe?
- b) Kuki wumva siporo wayigira intego?
- c) Nyuma yo gusoma uyu mwandiko, abadakora siporo wabagira iyihe nama?

UMUVUGO

Ongera usome aka gace k’umwandiko **“Ibe intego ya twese”** maze uvuge uko gasomeka.

Ririmba siporo
Uyiratire abandi
Ubwo ikundwe ibavure
Ubusaza buhunge
Iryo toto rigwire.

Menye ko:

Umuwugo ni umwandiko uryoheye amatwi. Imirongo yawo iba igizwe n’amagambo make kandi afite injyana.

Umwitozo:

Fata mu mutwe umuvugo **“Ibe intego ya twese”** uzawuvugire imbere ya bagenzi bawe.

KWANDIKA

1. Ukurikije urugero wahawe huza amagambo ari mu tuzu ukore interuro uyandike

A	B	C
1) Gakuru yitoje gukina umupira		tuzatware igikombe.
2) Gukina ni byiza		amagufwa yacu akomere
3) Umunyeshuri ukina aruhuka mu mutwe	kugira ngo	agatsinda amasomo ye neza.
4) Tuvomerere indabo	maze	tubungabunge ibidukikije.
5) Duharanire gutsinda		arabimenya

2. Tondeka neza izi nteruro zigize agakuru, usubize ikibazo kiri hasi.

Gasore aramwemerera atangira kurimwigisha.
Umunsi umwe, abona Gasore aritwaye aramuhagarika.
Mahoro ntiyari azi gutwara igare.
Amwereka uko bayobora neza amahembe.

Ikibazo:

Andika irindi herezo riboneye ry’agakuru umaze gutondeka interuro zako.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Inzovu yabaye iya nyuma



Kera inzovu yibwiraga ko ari yo **ihiga** izindi mu kwiruka. Umunsi umwe, izamura umutonzi wayo ibivuga cyane zose ziyumvira icyarimwe. Ibibiribiri bibiri biri mu murima wa Mubirigi bibyumvise **birakwenkwenuka** karahava.

Hashize akanya bivugira hamwe bita: “Yooo! Utazi ubwenge ashima ubwe.” Inzovu ibyumvise ishaka kubyirukankana, biraguruka bijya kubibwira intare umwami w’ishyamba. Bigeze ibwami bitekerereza umwami w’ishyamba uko inzovu ihora **iyemera**.

Nuko umwami w’ishyamba ategura irushanwa ryo gusiganwa mu kwiruka. Atumaho inyamaswa zose ngo zizaze kwitabira iryo rushanwa. Muri izo nyamaswa harimo ingeragere yari izi kwiruka ariko ikituriza. Intare izituma ubwoya bw’imbogo ishishe yarishaga imboga imbere y’ingoro y’umwami. Zihita zitangira gusiganwa, **ingeragere** iriruka cyane aba ari yo ibuzana. Inzovu yabaye iya nyuma, ntiyongera kwigamba ukundi ku zindi nyamaswa.

2. Inyunguramagambo

Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro aya akurikira.

birakwenkwenuka, ihiga, yiyemera, ingeragere

- a) Ingeragere irusha izindi mu kwiruka.
- b) Ibikeri byitegereje uko inzovu yiruka biraseka cyane.
- c) Bakame yahoraga yirata ku kanyamasyo ngo ikarusha kwiruka.
- d) Inyamaswa yiruka cyane ni yo yazanye ubwoya bw'imbuga.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni iyihe nyamaswa yiyemeraga?
- b) Ibibiribiri bibiri byari mu murima wa nde?
- c) Inyamaswa yahize izindi mu irushanwa ni iyihe?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ni iki wavuga ku miyoborere y'intare umwami w'ishyamba?
- b) Utekereza ko inzovu imaze gusigwa mu irushanwa yabigenje ite?
- c) Ubaye uwa nyuma mu irushanwa wabigenza ute?

AMAGORANE

Ongera usome wihuta iyi nteruro yavuye mu mwandiko, maze ugerageze gutahura ingorane uhura na zo mu mivugirwe yazo.

Ibibiribiri bibiri biri mu murima wa Mubirigi.

Menye ko:



Amagorane ari amajwi ajya gusa agenda agaruka ku buryo kuyanga wihuta bigorana.

Urugero:

Umusatsi usutse umusereko urushya isokoza.

Umwitozo:

Soma wihuta amagorane akurikira

Ta izo njoye uze urye izi nzuzi.	Isha y'umushi y'ishashi ishotse icitse ijosi.	Maze amata masa amaze amasaha.	Ibibiribiri bibiri biri mu murima wa Mubirigi.
			

6. Kwandika



Soma aka gakuru usubize ikibazo kiri hasi yako.

Gatama yifuzaga kuba umukinnyi wa ruhago.

Asaba se kumugurira umupira wo gukina.

Se arawumugurira akajya yitoza buri munsu.

Amenya gukina akajya atsindira ikigo ke ibitego byinshi.

Abanyeshuri bakajya bamwita umukinnyi ukomeye.

Ikibazo:

Ushingiye ku gakuru umaze gusoma, himba akawe nturenze interuro eshatu ku wundi mukino uzi.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Bakame n'abana



Habayeho abana bavaga inda imwe. Bagiraga ubunembwe, bajya **gutashya** bagatindayo. Ibyo byababazaga ababyeyi babo. Ntibahwemaga kubasaba kujya **batebuka**.

Umunsi umwe, baganiraga ku mpamvu bababazaga ababyeyi babo, Bakame irabumva. Irabegera ibabwira ko ifite umuti watuma batazongera gutinda mu nzira. Irababwira iti: “Mutinda mu nzira kubera ko **ingingo** zanyu zitagororotse.” Itangira kubereka uko bagorora ingingo basimbuka urukiramende, **bagenda makeri**, baniruka. Yabasobanuriye ko ibyo nibabikora kenshi bazagororoka ingingo bakajya bagenda bihuta.

Bakame irababaza iti: “Ko nge ntazi kuvuga vuba mwamarira iki?” Bayisaba gusubiramo ngo: “Ta izo njy uze urye izi inzuzi.” Bagiyeye bayisubirishamo n’andi magorane menshi nuko itangira kuvuga vuba ityo.

Abana bubahirije inama za Bakame maze ntibongera kwibabariza ababyeyi ukundi.

2. Inyunguramagambo

Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro amagambo akurikira.

batebuka, ingingo, bagenda makeri, gutashya

- a) Mukiza na Muhire nyina yabasabye ko bajya babanguka kugira ngo badakererwa ishuri.
- b) Siporo ni nziza kuko idufasha kugorora ibice bigize umubiri.
- c) Ejo nabonye abana bagenda basutamyeye basimbagurika.
- d) Kera abantu bakundaga gushaka inkwi mu ishyamba.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko.

- a) Ni bande bavugwa ko bajyaga gutashya bagatindayo?
- b) Ababyeyi babo babasabaga iki?
- c) Ni uwuhe muti bahawe ngo bage batebuka?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- a) Iyo uba umwe muri bariya bana wari gukorera iki Bakame?
- b) Urumva siporo ifite akahe kamaro?
- c) Kuki ari ngombwa kwitabira imikino n'imyidagaduro?

AMAGORANE



Andika igorane wafashe mu mutwe, nurangiza uribwire bagenzi bawe.

KWANDIKA



1. Tondeka amagambo neza ukore interuro yumvikana uyandike mu mukono.

- a) mpita - injangwe - mpunga - yanshwaratuye
- b) ashobora - Senshywa - n' - guhumywa - indwara
- c) siporo - kwigunga - barembywa - abadakora - no

2. Ukurikije urugero wahawe huza amagambo ari mu tuzu ukore interuro uyandike.

1. Twaratsinzwe	kubera ko maze kugira ngo	barataha.
2. Twaritoje cyane		turya indyo yuzuye.
3. Umuzamu yararangaye		tuzabatsinde.
4. Dufite ubuzima bwiza		bamutsinda igitego.
5. Barangije gukina		tutitoje neza.

Urugero: Twaratsinzwe kubera ko tutitoje neza.



3. Soma aka gakuru maze usubize ikibazo kiri hasi yako.

Umurenge watangaje ko uzakoresha irushanwa mu guhamiriza. Mucyo abyumvise asaba bagenzi be babanaga mu itorero kwitoza. Baramwemerera bakajya bitoza buri muni bashyizeho umwete.

Umunsi w'irushanwa ugeze bararyitabira bose. Bitwaye neza itorero ryabo riba ari ryo ryegukana igihembo.

Ikibazo:

Andika irindi herezo rifitanye isano n'agakuru umaze gusoma.

Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Tuyitabire ifite akamaro



Mu buzima bwacu tugira imikino n’imyidagaduro gakondo na mvamahanga itandukanye. Mu mikino gakondo habamo urukiramende, kwihishana, agati, ubute, igisoro n’iyindi. Hari n’imikino mvamahanga nko gusiganwa ku magare, amapikipiki, amamodoka n’iyindi.

Imikino ifasha umuntu mu buzima bwite no mu mibanire n’abandi. Uretse kuba ituma umubiri **ugororoka**, inacyaha indwara zimwe na zimwe. Muri izo ndwara twavugaga nk’umuvuduko w’amaraso, indwara y’umutima, diyabete n’izindi. Iyo umuntu yakoze imirimo ivunanye imufasha kuruhura ubwonko, agatekereza neza.

Imikino n’imyidagaduro kandi yagura ubusabane, ubucuti no gushyikirana mu mibanire y’abantu. Abantu bagiranye amakimbirane cyangwa intonganya, imikino ibabera ihuriro bakunga **ubumwe**. Abakinnyi b’umwuga bo banabona **amaronko**, bakaba **abaherwe** bo n’imiryango yabo.

Kubera kandi kwitabira amarushanwa atandukanye, inatuma bamenya ibihugu byinshi by’amahanga. Ni byiza ko twitabira imikino n’imyidagaduro itandukanye kubera akamaro idufitiye.

2. Inyunguramagambo

Uzurisha interuro zikurikira aya magambo.

amaronko, abaherwe, ugororoka, ubumwe

- a) Ni byiza gukora siporo kuko ituma umubiri neza.
- b) Kugira ni byiza mu buzima.
- c) Abacuruzi bose si
- d) Ntiwabona utakoze.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Imikino yavuzwe mu mwandiko ituma ingingo z'umubiri wacu zimera zite?
- b) Ni iki siporo ifasha umuntu wakoze imirimo ivunanye?
- c) Vuga indwara eshatu umuntu udakora siporo ashobora kurwara?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Uratekereza ko abakinnyi babigize umwuga baba abaherwe biturutse ku ki?
- b) Ku myaka yawe urumva kwitabira imikino byakumarira iki?
- c) Ubonye bagenzi bawe batera amahane mu mukino wabamarira iki?

UTWATUZO



Andika izi nteruro ushyiramo utwatuso n'inyuguti nkuru aho bikwiye.

- a) ku ishuri dukina umupira w'amaguru vorebora basiketi n'indi mikino
- b) natsinze igitego abantu baratangara bati: yooo mbega umwana uzi gukina
- c) umwarimu yarambajije ati: ufana iyihe kipe y'umupira w'amaguru
- d) kubuguza gukirana no gusimbuka urukiramende yari imwe mu mikino gakondo

IMIGANI

Uhereye ku migani wasomye cyangwa waciriwe n’abo mubana subiza ibibazo bikurikira:

- a) Umugani utangira ute?
- b) Usoza ute?
- c) Ibivugwamo biba bimeze bite?

UMUVUGO

Ukurikije imiterere y’umuvugo “Ibe intego ya twese”, usanga umuvugo urangwa n’iki?

KWANDIKA

-  **1) Andika agakuru gakurikira, ushyiremo utwatuzo n’inyuguti nkuru aho bikwiye**

umukecuru kabanyana yari intyoza mu kubyina
abuzukuru be bamusaba kubibigisha kuko babikundaga
yarabyemeye nimugoroba akajya abibigisha
hashize iminsi abana barabimenya neza
mu bitaramo bakajya batumirwa bagasusurutsa abashyitsi

-  **2) Andika irindi herezo rifitanye isano n’agakuru umaze gusoma.**

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Mucyo n'abuzukuru be



Kera habayeho umusaza witwaga Mucyo wari icyamamare mu gusama intobo. Amaze gusaza yigira inama ikomeye yo kubyigisha abuzukuru be batatu.

Umunsi umwe, arabahamagara bose kugira ngo abigishe umukino wo gusama intobo. Yarabanje abaha amagambo basubiramo kugira ngo arebe ufata vuba cyane. Yarababwiye ngo bavuge bati: “Isha y’umushi y’ishashi ishotse icitse ijosi.” Abahungu bombi bananiwe gusubiramo ayo magambo, mushiki wabo Kabatesi ayasubiramo adategwa. Sekuru abigisha no gusama intobo nanone Kabatesi arabarusha. Ntibyamutunguye kuko no mu kubigisha gusakuza yari yabahize.

Sekuru yamugiriye ikizere, amusaba kuzajya akoresha abandi imyitozo buri munsi. Yakomeje kubakoresha imyitozo, bagera igihe bamenya gusama intobo neza nka we. Mu gihugu hose Kabatesi na basaza be baramamaye mu gusama intobo.

2. Inyunguramagambo

Uzurisha interuro zikurikira aya magambo.

abuzukuru, gusama intobo, kwamamara, icyamamare

- a) Nyirarukundo ni mu mukino wo kwiruka.
- b) Segakunzi akunda gucirabe imigani.
- c) Iyo ushakamu mukino runaka uwitoza ukiri muto.
- d) Aba bana bari gukina umukino wo.....

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni ryari Mucyo yigishije abuzukuru be gusama intobo?
- b) Kubera iki Mucyo yahaye abuzukuru be amagambo basubiramo?
- c) Kuki basaza ba Kabatesi bamutangariraga?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ni akahe kamaro ko gukina imikino gakondo?
- b) Wumva wakora iki kugira ngo umenye gukina imikino gakondo?
- c) Uyu mwandiko ukwigishije iki mu buzima busanzwe?

IBISAKUZO, UTURINGUSHYO N’AMAGORANE

Huza ibiri mu ruhushya A n’ibiri muri B

A	B
a) Igisakuzo	1) Itabi ry’i Nduga ni kaburabuza. Uraritera rikaguteranya, Waryivumburira utariteye, Rikagutwara utuntu.
b) Akaringushyo	2) Zenguruka duhure: umukandara
c) Amagorane	3) Umusatsi usutse umusereko urushya isokoza.
	4) Nshukuye urwina sinatara: igihandure
	5) Ta izi njyo uze urye izi nzuzi.
	6) Ibitotsi ni ibiragi, bigomba ibirago, Usinzira utiziguye imuhira, Uwazindutse akagusumbya akantu!

KWANDIKA

1. Ukurikije urugero wahawe huza amagambo ari mu tuzu ukore interuro uyandike.

1) Nari kuzajya ntsinda ibitego byinshi	kubera ko	nza kuba umukinnyi w'umupira.
2) Twitoje neza	maze	tuzatsinde umukino.
3) Twatsinzwe umukino	kugira ngo	tutitoje igihe gihagije.
4) Tugomba gukorana umurava	ityo	tugere ku ntego yacu.

Urugero: Twitoje neza kugira ngo tuzatsinde umukino.

-  2. Andika agakuru k'imirongo itanu kavuga kuri iyi ngingo ikurikira.

“Umukino w’umupira w’amaguru”

(Humvikanemo uko bawukina, akamaro kawo, umukinnyi ukunda mu mukino w’umupira w’amaguru)

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Inzu z'utugurube dutatu



Habayeho utugurube dutatu twiberaga mu ishyamba, maze tugakundana cyane. Nyina yadutozaga kwitabira imirimo no kurwanya ubunabwoba, agato kakaba akanyamurava.

Umunsi umwe twaricaye, kamwe kati: “Mureke twubake inzu tuzituremo.” Ak’akanebwe kati: “Icyo gitekerezo ni kiza ahubwo ejo tuzarare tuzujye.” Kubera ubunabwoba kagiraga, bwakomeye kubaka inzu y’ibyatsi. Akandi karagaseka ngo kubatse inzu yoroshye maze ko kubaka iy’ibiti. Karumuna katwo ko kagiraga **umurava** maze kubaka inzu ikomeye y’amatafari.

Ntibyatanzwe ikirura kiradutera, gihera ku kagurube kubatse inzu y’ibyatsi. Cyarakomanze kanga kugikingurira, gihera gihera ka kazu **karatumuka**. Kahise gahungira kuri kagenzi kako kubatse inzu y’ibiti gatabaza cyane. Ikirura cyaragakurikiye gifite ameze, gisunikana imbaraga ya nzu y’ibiti iragwa. **Twararusimbutse** duhungira kwa karumuna katwo kubatse inzu y’amatafari. Ikirura kihageze nticyabasha kuyisanya, kiramwara kiragenda.

Utwo tugurube twashimiye karumuna katwo kadukirije **amagara**. Twiyemeza kureka ubunabwoba maze na two twiyubakira inzu zikomeye.

2. Inyunguramagambo

Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Karatumuka	a) Twararukize
2) Twararusimbutse	b) Ubushake bwinshi bwo kurya ikintu
3) Amerwe	c) Ubuzima
4) Amagara	d) Karaguruka

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Utugurube twavuzwe twabaga hehe?
- b) Inzu zubatswe n'utugurube zari zimeze zite?
- c) Akagurube kubatse inzu y'amatafari karangwaga n'iki?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ushingiye kuri uyu mwandiko, ni izihe ngaruka z'ubunebwe?
- b) Ubonye mugenzi wawe agaragaza ubunebwe mu kwiga wabigenza ute?
- c) Kubera iki abantu bagira ubunebwe badashobora gutera imbere ?

UTWATUZO



Soma interuro zikurikira wubahiriza utwatuzo twakoreshejwe.

- a) Umunsi umwe, nagiye gufasha nyogokuru imirimo.
- b) Data akunda guhinga ibishyimbo, ibirayi, ibijumba n'imboga.

Menye ko:

- (.) **Akitso** iyo kakoreshejwe mu nteruro, usoma akageraho akitsa ijwi akanya gato, akabara rimwe bucece, agakomeza gusoma.
- (.) **Akabago** iyo kakoreshejwe mu nteruro, usoma yitsa ijwi ryose akaruhuka umwanya munini, kuko aba asoje interuro, akabara gatatu bucece, mbere yo gutangira gusoma indi nteruro.

Imyitozo:

- 1. Uzuza utwatuzo dukwiye mu nteruro zikurikira maze uzisome wubahiriza uko twakoreshejwe.**

Umunsi umwe nagiye gusura Mariya ambwira inkuru nziza Yambwiye ko mu bikoresho nzajya njyana ku ishuri harimo ibitabo amakayi amakaramu n'amarati Bana rero mu kwigira tuge tugira umwete umurava n'ubutwari mu byo dukora

- 2. Kora interuro ebyiri ukoresheho neza akitso n'akabago.**

KWANDIKA



Soma aka gakuru maze usubize ikibazo kigakurikira

Izuba ryaracanye, mu ishyamba ibyatsi biruma.

Inyamaswa z'indyabyatsi zibura ibyo kurya.

Impara n'imparage zari zarazigamye ubwatsi bwazitunga nk'iminsi ibiri.

Imvubu yaje kuzisaba ubwatsi kuko yumvaga irembejwe n'inzara.

Ziyigirira impuhwe zirayireka irisha umunsi wose. Hanyuma...

Hitamo interuro yaba iherezo ry'iyi nkuru maze uyandike

- a) Impara n'imparage zibona ubwatsi bwinshi.
- b) Imvubu, impara n'imparage zisagurira n'izindi nyamaswa.
- c) Imvubu ihita ibumara impara n'imparage zirabubura.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Inama z'umubyeyi



Igihebwe gishize nabaye uwa nyuma mu ishuri kubera ubunabwe. Ngeze mu rugo **barancyaha** cyane bambwira ko ngomba gukorana umurava. Ndi ku ishuri, data yongeye kubinyibutsa maze anyandikira iyi **baruwa**.

KAMANA Yohani
Akarere ka Muhanga
Umurenge wa Shyogwe
Umudugudu wa Ruri

Muhanga, ku wa 23 Ukwakira 2018

Ku mwana wange nkunda Mariza,

Uraho ni amahoro? Mu rugo turaho barumuna bawe **baragukumbuye**. Nkwandikiye ngira ngo nkubitse inama nakugiriye ugiye gusubira ku ishuri. Uzirinde kugira ubunabwe mu ishuri, uge ukurikira umwarimu neza. Uzage ukora **imikoro** wahawe kandi uyikorere ku gihe. Ntugakererwe mu ishuri. Nububahiriza bizatuma utongera kuba uwa nyuma mu ishuri.

wirinda ubunabwe.

Ndangije nkufuriza kugira amahoro no kwiga neza

Yari umubyeyi wawe ugukunda cyane.

KAMANA Yohani

Nkimara kubisoma, narashishikaye nubahiriza inama zose yangiriye. Igihebwe cyarangiye mfite amanota meza ababyeyi bange baranshimira cyane.

2. Inyunguramagambo

Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro aya akurikira.

barancyaha, baragukumbuye, imikoro, ibaruwa

- a) Iyo nakoze amakosa ababyeyi bangira inama.
- b) Ababyeyi bange nabohereje urwandiko mbasuhuza.
- c) Imyitozo yo mu rugo baduha tuge tuyikorana umurava.
- d) Uzaze kudusura kuko mu rugo bifuza kukubona.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni nde wandikiwe ibaruwa?
- b) Ni nde wayimwandikiye?
- c) Muri rusange yamusabaga iki?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Urumva ibaruwa Mariza yandikiwe na se yaramugiriye akahe kamaro?
- b) Mugenzi wawe abaye uwa nyuma mu ishuri wamugira iyihe nama?
- c) Ushingiye ku bivugwa mu mwandiko, wumva kwandikira umuntu ibaruwa bifite akahe kamaro?

IBARUWA ISANZWE

Ongera usome ibaruwa iri mu mwandiko “**Inama z’umubyeyi**” maze utahure icyo ibaruwa ari cyo n’imiterere yayo.

Menye ko:

Ibaruwa ari urupapuro rwanditseho ubutumwa umuntu yohereza undi batari kumwe. Ibaruwa isanzwe igira:

- Aderesi y’uwandika
- Ahantu n’itariki yandikiweho
- Uwo yandikiye
- Ubutumwa butangwa
- -Amazina n’umukono by’uwandika

Umwitoto

- 1) Andika aderesi y’uwanditse ibaruwa iri mu mwandiko “**Inama z’umubyeyi**”.
- 2) Andika ahantu n’itariki ibaruwa iri mu mwandiko “**Inama z’umubyeyi**” yandikiwe.

KWANDIKA



Soma witonze iyi baruwa maze wuzuzemo ibibura
uyandike neza mu ikaye yawe.

MANZI Jonathan
Akagari ka Rubira
Umurenge wa Bwami
Akarere ka Micyo

Rubira, 10/03/2018

Kuri mukuru Sheja,

Nkwandikiye ngira ngo
nkumenyeshe ko nzizihiza umunsiw'amavuko.
Ubushize ubwo nawe wari wadutumiye mumukuru
w'..... yawe narishimye cyane. Wananyemereye ko
tuzajyana gusura ingagi mu.....

Nifuzaga rero ko twazajyana
gusura.....ku cyumweru gitaha. None nagira ngo
menye niba uzaba uhari kuri uwo munsi.

Yariwawe.

.....Jonathan

.....

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

Gasore na Mukamana



Gasore yigaga mu wa gatatu, akaba umwana w’umuhanga cyane. Yababazwaga na Mukamana wigaga adashyizeho **umwete**, bigatuma atsindwa.

Mu kiruhuko, Gasore yifuje kwandikira Mukamana ibaruwa. Yashakaga kumugira inama z’uko yareka **ubunebwe**. Gasore yari atariga kwandika ibaruwa bituma **iyambaza** mushiki we. Yamusabye ko yamwigisha uko bandika ibaruwa.

Mushiki we ati: “Urafata urupapuro, hejuru ibumoso wandikeho amazina yawe. Minsi urandikaho akarere, umurenge n’akagari dutuyemo, hejuru iburyo uhandike itariki. Uramanuka gato hagati mu rupapuro wandikeho izina rye. Minsi gato utangire umusuhuza, umugire inama nurangiza umusezereho. Nurangiza gusezera, urandika amazina yawe maze usinye.”

Gasore aramushimira maze **aranzika** yandikira Mukamana. Yamwandikiye ko agomba kureka gukererwa, kandi agakurikira mu ishuri. Akirinda ubunebwe agasobanuza bagenzi be aho atumvise.

Ibiruhuko birangiye, Mukamana yasubiye ku ishuri yubahiriza inama za Gasore. Bamuhaye indangamanota, asanga yabaye uwa mbere ahita ashimira Gasore.

2. Inyunguramagambo

Uzurisha interuro wahawe amagambo akurikira: umwete, umunebwe, yiyambaza, aranzika.

- a) Mugwera yashatse kumanura ipapayi.....urwego.
- b) Umunyeshuri utsindwa mu ishuri aba ari.....
- c) Kankwanzi yageze aho.....atangira kuririmba.
- d) Ni byiza kugira mu byo dukora byose.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Gasore yababazwaga n'iki?
- b) Ni iki kigaragaza ko Gasore yafataga vuba ibyo yigishijwe?
- c) Wumva ari ukubera iki Mukamana yashimiye Gasore?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ni iki washima mushiki wa Gasore?
- b) Ni iki washima Gasore?
- c) Ni iyihe nama ukuye mu mwandiko?

UTWATUZO

Uzuza utwatuzo dukwiye mu nteruro zikurikira maze uzisomere abandi wubahiriza uko twakoreshejwe.

Umunsi umwe nagiye gusura sogokuru Nasanze nta bunebwe agira abyuka kare akajya guhinga ibiti by'imbutu Mu mbuto ahinga harimo amapera amapapayi amacunga n'indimu Ese hari umuntu utazi akamaro k'imbutu Yooo abaye ahari yazagasobanuza bagenzi be pe

KWANDIKA

1. Tondeka imigemo ukore amagambo uyandike mu mukono.

- a) mfwa - Nyi - ti - ra.
- b) ho - Mwa - mvye - mvo.
- c) pfa - pfwe - ka - Ya -ka.
- d) ho - mvwa - mvo - Gu.



2. Soma iyi baruwa wandikiwe n'inshuti yawe uyisubize.

MUKUNZI Alexis
Umudugudu wa Kiza
Akagari ka Rwiririza

Kiza, ku wa 25 Nzeri 2018

Ku nshuti yange nkunda cyane,

Uraho urakomeye? Nge ndaho ni amahoro no mu rugo bese ni bazima nta kibazo. Nkwandikiye ngira ngo nkubaze amakuru yo ku ishuri. Amasomo aragenda nta kibazo? Ubu se ugeze mu mwaka wa kangahe? Mwigana n'abanyeshuri bangahe? Ndifuza kuzaza kugusura mu biruhuko, ariko wambwira niba uzaba uhari.

Yari inshuti yawe.

MUKUNZI Alexis


UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Inka na Nyarubwana



Kera habayeho Nyarubwana itarakundaga gukora nk'izindi nyamaswa. Yari **yarahorose** cyane kubera kubura ibyo irya. Inka yagerageje kuyigira inama yo gushaka ibiyitunga ntiyayumvira.

Umunsi umwe, yigira inama yo kujya gushaka icyo yarya. Nimugoroba ifata agafuka yerekeza mu murima w'intare ngo ice ibigori. Igezemo itangira kwitegereza ibyeze ikabica ibishyira mu gafuka. Ikirimo kubica yumva intare **iratontomye** ita agafuka hasi iriruka. **Yirutse amasigamana** maze ijya kwihisha mu kiraro k'inka. Inka iyibonye irabira cyane iyibaza impamvu ifite **igihunga** kinshi. Nyarubwana irayisubiza iti: "Naciye ibigori mu murima w'intare iranyirukankana."

Inka yongera kuyisaba kwitabira umurimo, Nyarubwana irayumvira. Mu gitondo kare, Nyarubwana itangira kujya izinduka kare ikajyana n'inka guhinga. Imyaka yejeje irayitunga, inasagurira amasoko. Kuva ubwo, Nyarubwana yitabira guhinga cyane. Icika ku bunebwe igira umwete nk'izindi nyamaswa ibaho neza.

2. Inyunguramagambo

Simbuza amagambo aciyeho akarongo andi yakoreshejwe mu mwandiko.

- a) Ingabire yarembejwe n’uburwayi none yarananutse.
- b) Nagiye mu ishyamba numva intare irasakuje.
- c) Nabonye inyamaswa mpita ngira igishyika.
- d) Ihene yirutse cyane yumvise impyisi ihuma.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Kuki Nyarubwana yari yarahorose?
- b) Inka yagiriye Nyarubwana iyihe nama?
- c) Ni iki cyatumye Nyarubwana yiruka ?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ni uwuhe murimo wifuza kuzakora mu buzima bwawe?
- b) Ni akahe kamaro ko gukorana umwete?
- c) Vuga ingingo eshatu z’ingenzi zigize umwandiko “Inka na Nyarubwana”?

UTWATUZO



Soma interuro zikurikira wubahiriza utwatuze twakoreshejwe.

- a) Umwarimu yavuze ati: «Muge muhorana umwete mu byo mukora byose.»
- b) Umunyarwanda yaravuze ngo : «Udakora ntakarye.»
- c) Umuririmbyi yararirimbye ati : «Umurunga w'iminsi ni umurimo.»

Menye ko:

“ ”

Utwuguruzo n'utwugarizo iyo twakoreshejwe mu nteruro dukikiza amagambo yavuzwe n'undi, usoma atugeraho akaruhuka gato, akabara rimwe bucece, agakomeza gusoma nk'utangiye interuro.

Imyitozo

1. Uzuzwa utwatuze dukwiye mu nteruro zikurikira, maze uzisome wubahiriza uko twakoreshejwe.

- a) Mpabuka yavuze ati Ushaka gukira age akora cyane
- b) Umwarimu yatubwiye ngo Muge mwirinda ubunabwira bana bange
- c) Kankindi ati Umubyizi ni uwa kare
- d) Uwamariya yaravuze ngo Abishyize hamwe ntakibananira

2. Uzuzwa utwatuze dukwiye mu gakuru gakurikira, maze ugasome wubahiriza uko twakoreshejwe.

Mu kiruhuko gishize umusaza Rwandekwe yatumye abazukuru be ngo bamusure Yari yabahaye igihe ntarengwa bagombaga kumugereraho Bamugezeho bakereye basanga imineke avoka n'amacunga yari yababikiye yabihaye abandi bana Bamubajije icyo yabatumirijeho arababwira ngo igihe cyahise ntikigaruka Umusaza yaratangaye ati Yooo burya ntimuzi agaciro k'igihe rwose

KWANDIKA

Himba agakuru k'imirongo itatu cyangwa ine ukandike mu mukono wubahiriza utwatuze.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Gasore na Kanyange



Umunsi umwe, nyina wa Gasore na Kanyange yabatumye **guhaha**. Mu nzira bagenda bagiranye iki kiganiro.

Gasore : Uzi ko **utunguka** ku ishuri wakerewe bikambabaza cyane.

Kanyange : Ehee! Bikubabariza iki se kandi atari wowe uba wakerewe?

Gasore : Birambabaza kuko umwarimu wacu yatubwiye kugerera ku ishuri igihe.

Kanyange : None se nareka kurangiza ibitotsi ngo ndazinduka njya ku ishuri?

Gasore : Umwarimu yatubwiye ko kubahiriza igihe ari byiza mu buzima.

Kanyange : Yego kubahiriza igihe ni byiza ariko no kuryama na byo ndabikunda.

Gasore : Kuryama ni byiza ariko tugomba kubahiriza igihe cyagenwe.

Kanyange : Igihe cyose nahagerera nakwiga nta kibazo.

Gasore : Oya Kanya! Gukererwa **byakudindiza** mu myigire yawe.

Kanyange : Uzi ko ari byo Gaso! Kuva ejo sinzongera gukererwa ishuri.

Gasore : Ndishimye rwose! Uge uzinduka tujyane ku ishuri twihuta.

Kanyange : **Inkoko ni yo ngoma**. Ntawuzongera kuntanga kugera ku ishuri.

2. Inyunguramagambo

Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Guhaha	a) Nzazinduka cyane.
2) Utunguka	b) Kugura ibintu bitandukanye aho bicururizwa.
3) Byakudindiza	c) Byatuma udatarea imbere.
4) Inkoko ni yo ngoma	d) Uhinguka.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni nde watumye Gasore na Kanyange ku isoko?
- b) Ni iki cyababazaga Gasore?
- c) Gasore yabwiye Kanyange ko umwarimu wabo yababwiye iki?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ukeka ko ari ukubera iki tugomba kubahiriza igihe?
- b) Ni iyihe nama wagira abana bakererwa?
- c) Ugiriye mugenzi wawe inama yo kudakererwa ntakumve wabigenza ute?

AGAKINAMICO

Ongera usome ikiganiro Gasore na Kanyange bagiranye maze ugikine na mugenzi wawe.

Menye ko:

- **Agakinamico ari** ikiganiro gishobora gukinwa.
- Agakinamico kagira **abakinnyi**, **ahantu n'igihe** gakinirwa, kakagira **n'izingiro**.

Urugero: Mu kiganiro hagati ya Gasore na Kanyange:

Abakinnyi: Gasore na Kanyange.

Ahantu: Mu nzira

Izingiro: Gasore akangurira Kanyange kudakererwa ku ishuri.

Umwitoto



Soma ikiganiro gikurikira maze utahuremo: **abakinnyi**, **ahantu**, **igihe** n'izingiro.

Bafatanyije urugendo

Mu gitondo Kamariza yahuriye na Kamanzi mu nzira maze bafatanyaga urugendo.

Kamariza: Waramutse Kama?

Kamanzi: Waramutse Kamari?

Kamariza: Ugiye he?

Kamanzi: Ngiye ku isoko kugura umuceri mama antumye.

Kamariza: Nange ngiye ku isoko.

Kamanzi: Ni byiza, reka dufatanye urugendo.

KWANDIKA



Himba interuro ukoresheje amagambo akurikira uzandike mu mukono: **imfwati**, **yahomvomvye**, **bwakapfakapfwe**.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Byusa n'umubyeyi we



Umubyeyi Muramutsa yajyanye n'umwana we Byusa mu gitaramo. Icyo gitaramo cyabereye mu nzu mberabyombi y'umurenge. Itorero ry'ikinamico ryabakiniye umukino witwa ngo: “Udakora ntakarye.”

Muri iyo kinamico, abakinnyi bagaragazaga ko **umunebwe** nta cyo yakwigezaho. Ikinamico imaze **guhumuza**, Muramutsa na Byusa baratashye.

Uwo mugoroba Byusa ntiyatoye agatotsi, yibazaga ku byo yabonye. Bwarakeye yegera umubyeyi we amubaza aho ibyo bakiniwe biva. Yamubwiye ko ibyo bakiniwe biva mu bitekerezo bikandikwa hanyuma bigakinwa.

Byusa ntiyatuje abaza uko bandika ikinamico. Umubyeyi we yamubwiye ko uwandika ikinamico abanza guhitamo **insanganyamatsiko**. Iyo amaze gutoranya insanganyamatsiko, ahitamo abakinnyi akabaha imico itandukanye. Aba agomba kumenya kandi aho atangirira n'aho asoreza. Muramutsa yanabwiye Byusa ko uwandika ikinamico ayandika mu buryo bw'ikiganiro.

Byusa amaze kumva ibyo umubyeyi we amubwiye, yabishyize mu bikorwa. Ibyo bituma aba **ikirangirire** mu kwandika ikinamico.

2. Inyunguramagambo.

Uzurisha interuro zikurikira aya magambo: *ikirangirire, bihumuje, umunebwe, insanganyamatsiko.*

- a)atinda kubyuka.
- b) Twatashye amarushanwa n'imikino.....
- c) Ababyeyi baje mu nama bababwira.....y'uyu muni.
- d) Manderababayeku isi kubera ibikorwa bye.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Kubera iki mu mwandiko bavuze ngo: “Udakora ntakarye”?
- b) Ni hehe dukunda kumvira ikinamico ?
- c) Kubera iki Byusa atigeze atora agatotsi?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ni iki washimira umubyeyi wa Byusa?
- b) Wumva ibikinwa mu ikinamico bimariye iki abantu?
- c) Uratekereza ko abandika ikinamico byabamarira iki?

UTWATUZO

Uzurisha utwatozo dukwiye mu nteruro zikurikira, maze uzisomere abandi wubahiriza uko twakoresheje.

Abanyeshuri baje ku ishuri bakerewe Umwarimu arababaza ati Mwakerewe mukora iki Barasubiza bati Twagiye gufasha umukecuru duturanye maze imvura iragwa Umwarimu yarabababariye ariko arababwira ati Muge muzinduka mumufashe hakiri kare Bavugira icyarimwe ngo Urakoze

AGAKINAMICO

Fata mu mutwe agakinamico gakurikira ugakine na mugenzi wawe.

Munana yagiye mu rutoki ku manywa.
Abona inkende yuriye insina irya imineke.
Ayasaba umuneke. Inkende irawumuha.
Munana ataha yishimye.



Munana: Ndumva nshonje uwampa kuri iriya mineke.

Inkende: Uraho wa mwana we?

Munana: Yego.

Inkende: Urava he ukajya he?

Munana: Ndi gutembera aha mu rutoki.

Inkende: Kuki uri kureba hejuru cyane witegereza imineke?

Munana: Numvaga nshaka kugusuhuza ariko nabuze uko nkugeraho.

Inkende: Ubwo se nkumarire iki?

Munana : Nagira ngo umpe umuneke.

Inkende : Ngaho akira.

Munana : Ndumva uryoshye. Urakoze cyane.

Mureke dukine aka gakinamico.

KWANDIKA

Tondeka amagambo neza ukore interuro yumvikana uyandike mu mukono

- a) Anywa - ahomvomvywa - nyinshi - inzoga - Semfwati - n'.
- b) indwara - gukapfakapfwa - amaze - Mpyorero - n' - yahomvomvye.

Isuzuma risoza umutwe wa karindwi

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Yamenye kwandika ibaruwa



Murekatete atangira umwaka wa gatatu, bamujyanye mu kigo gicumbikira abana. Umwete n’umurava byamurangaga byatumye akundwa na bose. Ibyo yabaga agomba gukora yabikoraga neza yubahirije igihe. Haba mu masomo no mu yindi mirimo, byose yabikoraga **atijana**.

Ntibyatanze ahabwa igihembo cy’umunyeshuri ubera abandi urugero. Murekatete byaramushimishije ashaka uko yageza ayo makuru ku babyeyi **biramuyobera**. Yagiye kugisha inama umwarimu, amubwira ko yabandikira ibaruwa. Murekatete yaguye mu kantu, ariko **ntiyirarira** avuga ko atazi kuyandika. Umwarimu yaramuhumuriye ati: “Humura ndabikwigisha ni cyo mbereyeho.”

Umwarimu yifashishije urupapuro, akagenda amwerekako ibaruwa yandikwa. Yamubwiye ko uwandika abanza kugaragaza aderesi, ahantu n’itariki yandikiweho. Mbere yo kwandika ubutumwa nyirizina, yamubwiye ko habanza indamukanyo. Yamweretse n’ahajya ubutumwa bugenewe uwandikiwe, anamubuza **kurondogora**. Yamwibukije ko mu gusoza uwandika yongera kwandika amazina ye akanasinya.

Murekatete yarabyubahirije, yandikira ababyeyi be, ibaruwa ibagezeho barishima.

2. Inyunguramagambo

a) Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Atijana	a) Kuvuga ibintu byinshi bitari ngombwa.
2) Biramuyobera	b) ntiyabimenya.
3) Kurondogora	c) ntiyiyemera.
4) Ntiyirarira	d) Atinuba.

b) **Koresha amagambo akurikira mu nteruro yuzuye:** atijana, biramuyobera, kurondogora, ntiyirarira.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni iki cyatumaga Murekatete akundwa na bese?
- b) Kubera iki Murekatete yahawe igihembo?
- c) Ababyeyi Murekatete yashakaga guha amakuru bari he?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Uratekereza ko ababyeyi ba Murekatete bashimishijwe n'iki?
- b) Uretse ibaruwa, ni ubuhe buryo bundi bwakoreshwa mu kugeza ku bandi amakuru?
- c) Wowe uramutse ushaka kugeza ubutumwa ku muntu mutari kumwe wabigenza ute?

UTWATUZO

Andika interuro zikurikira ushyira utwatozo n'inyuguti nkuru aho bikwiye.

- a) Mu rugo banguriye imyenda inkweto igikapu n'ibitabo byo gusoma
- b) Kubera iki ari byiza kubahiriza igihe
- c) Mbega weee nabonye ukuntu yitabira umurimo ndamushima pe
- d) Sibomana yavuze ati abantu badakora ntibakwiteza imbere

KWANDIKA

 **Andikira inshuti yawe ibaruwa uyibwira icyo ushaka kuzaba cyo, n'impamvu ushaka kuzaba cyo.**

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Semana na bagenzi be



Semana yababazwaga na bagenzi be b'abanebwe **batitabiraga** umurimo. Yabagiraga inama yo kureka ubunebwe bakitabira umurimo.

Abonye bakomeje **kwinangira**, yigira inama yo gushaka agakinamico kabakosora. Nyamara ntiyari azi aho yagakura. Yari umwana w'umuhanga cyane ukunda kubaza icyo atazi cyose. Yegereye nyina wari umwarimukazi amubaza aho yakura agakinamico.

Yaramubwiye ati: “Ndashaka guhindura bagenzi bange nkoresheje agakinamico. Ikibazo mfite ni uko ntazi aho nagakura.” Nyina aramusubiza ati: “Nta kibazo nzakagushakira.”

Nyina yamuboneye agakinamico keza. Kavugaga ku munyeshuri watsindwaga kubera ubunebwe no gukererwa. Semana yakigishije bagenzi be **baragatora** baragakina **kabakora ku mutima** abanebwe barahinduka.

Kuva ubwo abari abanebwe batangiye kwitabira umurimo basezerera ubunebwe.

2. Inyunguramagambo

a) Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Batitabiraga	a) Bagafata mu mutwe
2) Kwinangira	b) Karabanezeza
3) Kabakora ku mutima	c) Kwanga kumva ibyo ubwirwa
4) Baragatora	d) Batakoraga

b) **Koresha amagambo akurikira mu nteruro yuzuye:**
batitabiraga, kwinangira, kabakora ku mutima, baragatora

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Semana yababazwaga n'iki?
- a) Ni iyihe nama Semana yagiraga bagenzi be?
- a) Bakomeje kwinangira yabigenje ate?


4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Niba wowe utazi gukina agakinamico wakora iki kugira ngo ubimenye?
- b) Ni gute ikinamico ishobora guhindura abantu?
- c) Uyu mwandiko ugusigiye irihe somo?

AGAKINAMICO

1. Soma agakinamico gakurikira maze usubize ibibazo.

Agakwavu n'akanyamasyo



Agakwavu kari kavuye mu mirimo yako ku mugoroba. Kabona akanyamasyo bituranye karyamye ku nzira.

Agakwavu: Kuki uryamye aho?

Akanyamasyo: Nananiwe gutaha kubera gukora cyane.

Agakwavu: Ubu rero ngiye kugufasha.

Akanyamasyo: Uraba ukoze cyane.

Nuko agakwavu gaheka akanyamasyo birataha.

Ibibazo

Ni bande bavugwa mu gakinamico (abakinnyi).....

Ni he aka gakinamico kabereye? Byari ryari? (ahantu n'igihe).....

Ni iki cyari cyaraniye akanyamasyo? (izingiro ry'agakinamico).....

2. Kina na mugenzi wawe ako gakinamico.

KWANDIKA



Tondeka neza interuro wahawe maze ukoremo agakuru kagufi kumvikana ukandike mu mukono.

Ingeragere yari ituye mu ishyamba.

Na cyo kiyemeza kwitabira umurimo.

Yahingaga ibigori, byeze itumira ikinyogote.

Ikinyogote cyarishimye cyane.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Isheja n'umusaza



Iwabo wa Isheja bari baturanye n'umusaza wabagaho mu buzima bugoye. Yiberaga mu kazu gashaje cyane kandi atabasha no kukisanira. Yari yaragerageje gushaka **ubukire** nk'abandi baturanyi be ariko ntibyamukundira. Yavugaga ko uburiye **umubyizi** mu kwe nta ko aba atagize.

Umunsi umwe, Isheja avuye kwiga yumva wa mukambwe atabaza cyane. Nuko ahita yiruka bwangu ngo arebe icyatumaga uwo mukambwe ataka. Ahageze asanga ka kazu kenda kumugwira atabasha kwihagurutsa. Isheja yinjiramo vuba kugira ngo amutabare kataramugwaho.

Agezemo asanga ibiti biri hafi kumugwaho atashobora kubyikuraho, nuko abyigizayo. Abonye akazu kagiye kubituraho, agerageza kumusindagiza nuko amugeza hanze. Bakihagera ka kazu gahita gahirima kagwa hasi kose. Umusaza yahise agira agahinda kenshi ababajwe n'uko akazu ke gahirimye.

Isheja **yaramwihanganishije** amubwira ko ikiruta ibindi ari ubuzima. Umusaza **arahindukira** ahobera Isheja amushimira ubwitange amugaragarije uwo munsi. Aramubwira ati: "Nta cyo nkwituye, ariko ugira ineza ukayisanga imbere."

2. Inyunguramagambo

Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Ubukire	a) Areba inyuma /arakebuka.
2) Umubyizi	b) Igikorwa cy'umunsi.
3) Yaramwihanganishije	c) Yaramukomeje.
4) Arahindukira	d) Imitungo myinshi.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Umusaza yabagaho mu buzima bumeze bute?
- b) Umusaza yabaga mu kazu kameze gate?
- c) Ni iki Isheja yakoreye umusaza?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ni izihe mpamvu zishobora gutuma umuntu ataka?
- b) Ni iki washima Isheja?
- c) Kuki tugomba gutabarana?

IMPUZANYITO



Itegereze amagambo aciyeho akarongo mu nteruro, maze utahure aho ahuriye.

1. Iwabo wa Isheja bari baturanye n'umusaza wabagaho mu buzima bugoye.
2. Umunsi umwe Isheja avuye kwiga yumva umukambwe atabaza cyane.
3. Yiberaga mu kazu gashaje kandi wenyine, atabasha no kukisanira.
4. Agezemo asanga ibiti bike byamwituye hejuru adashobora kuvuga maze abimuvanaho.

Menye ko:

Impuzanyito ari amagambo asobanura kimwe.

Ingero:

Kunezerwa = kwishima

Umwete = umurava

Kurya = gufungura

Umwitozo

Mu magambo ari mu dukubo, hitamo impuzanyito y'ijambo wahawe uryandike.

- 1) umusaza (umwana, umukambwe, umukecuru)
- 2) atabasha (atavuga, adashobora, atumva)
- 3) bwangu (buhoro, cyane, vuba)
- 4) atabare (aterure, akize, abwire)

KWANDIKA



a) Tondeka izi nteruro ukuremo agakuru kaboneye ukandike.

Umukeyuru ahamagara umwuzukuru we Muhizi.

Ayishyira nyirakuru aramushimira cyane.

Umukeyuru yari arimo kugosora umuceri ku nkoko.

Inkubi y'umuyaga iraza itwara ya nkoko yagororeragaho.

Muhizi ayirukaho arayifata.



b) Andika ingingo y'ingenzi ivugwa muri ako gakuru.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Gukunda Igihugu



Umunsi umwe imvura yaraguye, umuhanda uduhuza n'intara duturanye usibwa n'inkangu. Umukuru w'Umudugudu wacu adusaba kwitabira umuganda rusange kugira ngo tuwusibure.

Twabadukanye amasuka, ibitiyo n'ingorofani maze tuzindukira hamwe dutangira gusibura umuhanda. Mu gihe gito umuhanda wari wongeye kuba nyabagendwa imodoka zitambuka. Mbere yo kudukoresha inama, Umukuru w'Umudugudu atwigisha indirimbo idutoza gukunda Igihugu yitwa Tuzarwubaka.

TUZARWUBAKA

Inyikirizo

Tuzarwubaka, tuzarwubaka abana b'Abanyarwanda,
Turugire nka paradizo ku isi yose weee, tuzarwubaka.

Igitero

U Rwanda rwa Gasabo weee, tuzarwubaka.

Uruburungu turwubake, tuzarwubaka.

Diyasipora yose weee, tuzarwubaka.

Imiyoborere myiza weee, tuzarwubaka.

Ubukungu bw'u Rwanda weee, tuzarwubaka.

Ubutabera hose weee, tuzarwubaka.

Imibereho myiza weee, tuzarwubaka.

Abayobozi b'u Rwanda weee, tuzarwubaka.

Abayoborwa turwubake, tuzarwubaka.

Tumaze kuyiririmba, Umukuru w'Umudugudu adusobanurira ibyiza byo gukunda igihugu. Atubwira ko umuntu ukunda igihugu yitabira umuganda, umurimo, akanabungabunga ibikorwa rusange. Twese twatashye twiyemeje kujya twitabira umuganda no kuwushishikariza abandi.

2. Inyunguramagambo

Huza ijambo n'igisobanuro cyaryo ukoresheje akambi

Ijambo	Igisobanuro
1) Inkangu	a) Tuzakora ibikorwa biteza igihugu imbere
2) Twabadukanye	b) Abenegihugu baba mu mahanga
3) Tuzarwubaka	c) Ibitaka byahanuwe n'imvura bigasiba ahantu
4) Diyasipora	d) Twahagurukanye

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni iki cyatumye umuhanda usibama ?
- b) Umukuru w’Umudugudu yasabye abaturage kwitabira umuganda rusange kugira ngo hakorwe iki?
- c) Umukuru w’Umudugudu yakoze iki mbere yo gukoresha abaturage inama?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Indirimbo Umukuru w’Umudugudu yabigishije yabakanguriraga iki muri rusange?
- b) Ku bwawe kuki tugomba gushishikariza abantu kwitabira umuganda?
- c) Ni ibihe bikorwa bigaragaza gukunda igihugu biri mu gace utuyemo?

INDIRIMBO

1. Ongerera usome indirimbo iri mu mwandiko maze utahure ibiranga indirimbo.

Menye ko:

Indirimbo igira **umutwe**, **ibitero** n’**inyikirizo**.
Nyuma ya buri gitero basubiramo inyikirizo.

2. Fata mu mutwe indirimbo iri mu mwandiko uzayirimbire bagenzi bawe.

KWANDIKA

-  1. Andika mu mukono inyikirizo y’indirimbo iri mu mwandiko witwa “Gukunda Igihugu”.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Inama nziza



Ku ishuri tugira imitungo rusange nk'inyubako, ibikoresho, amazi, amashanyarazi n'ibindi. Hari bagenzi bange **bononaga** bimwe mu bikoresho by'ishuri n'inyubako twigiramo.

Umunsi umwe, niyemeje kujya mbatoza **kubibungabunga** buri gihe. Nabagiriye inama yo kutanduza inkuta z'inyubako twigiramo no kutangiza ibitabo. Mbasobanurira ko bagomba gukoropa neza amashuri bagahanagura **umukungugu** ku madirishya. Mbibutsa kwirinda kwangiza ingwa, intebe n'ibindi bikoresho byo mu ishuri. Nababwiye ko tugomba kwita ku ndabo zo mu busitani tukazivomerera tutazangiza.

Nabibukije ko no mu rugo tugomba gufata neza ibikoresho byaho. Tukoza amasahani, ibikombe n'ibikoresho dutekamo tukanita no ku matungo. Niba hari ibyangiritse, tukabimenyesha ababyeyi kugira ngo babisane cyangwa babisimbuze. Nongeyeho ko **gusesagura** umutungo atari byiza. Tugomba gucana amatara aho akenewe kandi tugakoresha amazi neza.

Ndangije, bagenzi bange bankomeye amashyi binyereka ko banyumvise. Bwarakeye dusubiye ku ishuri mbona abangizaga ibikoresho by'ishuri ntibongeye kubyangiza. Umwarimu n'ababyeyi bacu baranezerwa bakajya batubwira ko bashimishijwe n'imyitwarire yacu.

2. Inyunguramagambo

Uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo:
Bononaga, kubibungabunga, umukungugu, gusesagura.

- a) Ibidukikije tugomba_____
- b) Abanyeshuri babi_____umutungo w'ishuri.
- c) Uriya mugabo yarakennye kubera_____umutungo.
- d) Nahanaguye_____ku gikapu njyana ku ishuri.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni iyihe mitungo rusange yo ku ishuri ivugwa mu mwandiko?
- b) Ni bande bagiriwe inama?
- c) Ni izihe nama zatanze zo kubungabunga indabo?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Wakora iki kugira ngo ufate neza imitungo rusange?
- b) Ni iki wakora ubonye mugenzi wawe yangiza umutungo rusange?
- c) Ni iyihe nama ukuye muri uyu mwandiko?

INDIRIMBO

Ririmba indirimbo “Tuzarwubaka” wubahiriza injyana yayo.

IMPUZANYITO

Simbuza ijambo riciyeho akarongo impuzanyito ukuye mu dukubo.

- a) Uyu mwana akunda ibiryo. (umukire, amafunguro, aranezerwa)
- b) Iwacu duturanye n'umukungu. (amafunguro, aranezerwa, umukire)
- c) Yagize amanota meza arishima. (umukire, aranezerwa, amafunguro)

KWANDIKA

1. Tondeka amagambo neza ukore interuro yumvikana maze uyandike mu mukono.

ubuki - zihovwamo - indabo

2. Shaka ijambo ririmo igihekanwe **vy** uryandike mu mukono.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Inyamanza n’umuceri



Kera **ibiguruka** byagize umugambi wo kubaka uruganda rukomeye rutonora umuceri. Nuko bikoranya inama idasanzwe ngo byige uburyo byazubaka urwo ruganda.

Iyo nama yari iyobowe n’umusambi kuko ibiguruka byose byawizeraga cyane. Waranguruye ijwi ubisaba gutanga ibitekerezo mu kubaka uruganda rutonora umuceri. Inyamanza iravuga iti: “Twabanza guhinga umuceri bityo tukabona kubaka uruganda.”

Ibiguruka byose biyikomera amashyi kuko itanze igitekerezo kiza bigomba gukurikiza. Nyamara yabivuze ityo kugira ngo ige iwirira kuko yawukundaga **bihebuje**. Umusambi washoje inama ubibwira ko abashyize hamwe ntakibananira byiyemeza kuwuhinga.

Bukeye, ibiguruka bifite intege byaje byitwaje amasuka bihinga umurima w’umuceri. Hashize iminsi, umuceri urera inyamanza itangira kujya **yibeta** ikajya kuwiba. Rimwe igikona, inshuti magara y’inyamanza, cyasanze iwiba igisaba kuyigirira ibanga. Cyaranze gikoma akaruru ibindi biguruka biza byihuta ngo birebe ikibaye.

Bihageze, bisanga inyamanza yasaruye umuceri iwushyira mu mufuka byose **birayigota**. Inyamanza iramwara isaba imbabazi ivuga ko itazongera kwiba na gato. Byarayibabariye biyisaba kutazongera kwiba ukundi.

2. Inyunguramagambo

Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
Ibiguruka	Byiza cyane
Yibeta	Yihisha
Bihebuje	Birayitangatanga
Birayigota	Ibifite amababa abifasha kugendera mu kirere.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ibiguruka byagize uwuhe mugambi?
- b) Ni ikihe kiguruka cyayoboye inama?
- c) Ni ikihe kiguruka cyabonye inyamanza yiba umuceri?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ni iki washima igikona?
- b) Kuvugisha ukuri bimaze iki?
- c) Uyu mwandiko ukwigishije iki?

IMVUGWAKIMWE



Itegereze interuro zavuye mu mwandiko maze utahure ibindi bisobanuro by'amagambo aciyeho akarongo.

1. Bukeye ibiguruka byose bifite intege byaje byitwaje amasuka.
2. Ni byiza kwambara amakanzu maremare ahisha intege.
3. Umuceri urera inyamanza itangira kujya iwiba.
4. Yameshe umwenda urera.

Menye ko:

Imvugwakimwe ari amagambo asomwa kimwe, akandikwa kimwe ariko ntagire igisobanuro kimwe.

Urugero: Gukira: - gukira indwara.
- gukira ubukene

Umwitozo

Tanga ibisobanuro bibiri binyuranye kuri buri mvugwakimwe.

1. Gusoma
2. Guca
3. Gusama

KWANDIKA

Andika irindi herezo rishoboka ry' inkuru “ Inyamaza n'umuceri”

Inyamanza iramwara isaba imbabazi ivuga ko itazongera kwiba na gato. Byarayibabariye ariko.....

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Nzakorera u Rwanda



**Nzakorera u Rwanda
Nzaharanira kurwubaka
Nzabana n'abandi mu mahoro
Turuteze imbere.**

1. Nzaharanira kurwubaka
Nzarwanya ubunebwe
Nzahora mbwira abandi
Gukorana **umwete**.
2. Nzaharanira kurwubaka
Nzarwanya **icyaruhungabanya**
Nzafatanya n'abandi
Kururwanira **ishyaka**.
3. Nzaharanira kurwubaka
Nzaruvuganira hose
Nzamagana ikibi cyose
Cyatuma ruhungabana.
4. Nzaharanira kurwubaka
Mbungabunga ibidukikije
Nzamagana ba rutwitsi
N'abashimuta inyamaswa.

Umuhanzi: Ntabajyana Sylvestre

2. Inyunguramagambo

Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Umwete	a) Kubuza umutekano.
2) Guhungabanya	b) Kwita.
3) Ishyaka	c) Imbaraga.
4) Kubungabunga	d) Umuhate.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Uvuga mu mwandiko, azarwanya iki?
- b) Uvuga mu mwandiko azamagana ba nde?
- c) Uvuga mu mwandiko azabana n'abandi ate?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Umuntu yakora ibihe bikorwa byo guteza imbere igihugu?
- b) Ni iki ukora kugira ngo ubungabunge ibidukikije?
- c) Ni iyihe nama ukuye muri uyu mwandiko?

IMBUSANE

1. Itegereze interuro zikurikira maze ugereranye ibisobanuro by'amagambo aciyeho akarongo.

Iwacu ni nge mukuru.

Iwanyu ni wowe muto.

Menye ko:

Imbusane ari amagambo afite ibisobanuro binyuranye.

Urugero: Umugore / umugabo

2. Umwitozo

Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro imbusane zayo zikurikira: **ntangiriro, yivira, kure, umurava, ubukire, ashimishijwe, ubutwari**

- a) Tuzaruhuka mu **mpera** z'ukwezi kwa Nyakanga.
- b) Rungano **yigira** mu ishyamba **hafi** y'ishuri.
- c) Mariya **ababajwe** n'iki?
- d) Uyu mwana agira **ubugwari**.
- e) **Ubukene** buterwa n'**ubunembwe**.

Kwandika

 **Tondeka izi nteruro ukuremo agakuru kaboneye ukandike.**

Avoka idahiye irahanuka imwikubitaho arakomereka.
Agezeyo abaganga baramwakira.
Umuturanyi wabo yihutira kumujoyana kwa muganga.
Mutoni yari yicaye mu nsi y'igiti cya avoka.
Bamwitayeho arakira ababyeyi be bashimira umuturanyi.

Kwandika

 **Soma aka gakuru usubize ikibazo kiri hasi yako.**

Ubusitani bw'ikigo k'ishuri ryacu bwari bwaramemezemo ibyatsi byinshi.
Umwari mu wacu adusaba kongera kubukorera neza.
Bukeye tuzana imfwati dukuramo ibyatsi byari byaramemezemo.
Duteramo izindi ndabyo ubusitani busa neza.
Turangije umwarimu wacu aradushimira.

Ikibazo:

Vuga ingingo y'ingenzi ivugwa muri aka gakuru, uyandike mu ikayi yawe.

Imyitozo

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Ubutwari bw'impyi



Kera mu gihugu k'inyamaswa hateye icyorezo k'indwara n'inzara idasanzwe. Intare umwami w'ishyamba birayibabaza cyane ikoranya inyamaswa zose zavuraga izindi. Izisaba gusuzuma no kuvura inyamaswa zari zibasiwe n'icyo cyorezo zirananiirwa.

Intare yigira inama yo kohereza urukwavu, impyi n'ingwe kwihugura mu mahanga. Yazohereje mu gihugu cy'Abidishyi cyari kizwiho ubuhanga mu kuvura indwara z'ibyorezo. Umwami w'ishyamba yazisabiye anazishyurira amahugurwa yagombaga kumara amezi atandatu yose. Inyamaswa zigeze zihasanga ubukungu budasanzwe kandi iwabo inzara ica ibintu.

Amahugurwa amaze kurangira, urukwavu n'ingwe zo zifata ikemezo cyo kwigumirayo. Impyi itekereza akaga yasize mu gihugu cyazo, igira impuhwe isubirayo. Intare ibabazwa no kubona hagarutse impyi gusa kandi yarajyanye n'izindi. Impyi itangira kuzivura amanywa n'ijoro ikoresheje icyatsi yakuye mu Bidishyi.

Zimaze gukira, intare umwami w'ishyamba ikoranya inyamaswa zose zikora umunsi mukuru. Ihagurutse impyi iyikora mu ntoki irayibwira iti: "Wabaye intwari." Inenga ingwe n'urukwavu ubugwari zagize zishidukira ubukungu zigatererana abarwayi. Kuva ubwo inyamaswa ziyemeza kujya zitangira igihugu cyazo zikajya zitabarira hamwe.

2. Inyunguramagambo

Uzuza izi nteruro ukoresheje amagambo akurikira: **icyorezo, ikoranya, Ubugwari, impuhwe.**

- a) Nabonye yarembye mugirira_____ mujyana kwa muganga.
- b) Intare yaresheje inama_____inyamaswa zose.
- c) SIDA ni_____cyakwirindwa.
- d) _____bwe bwatumye bamugaya.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni iki cyababaje intare?
- b) Intare yigiriye iyihe nama ngo icyorezo kivurwe?
- c) Kubera iki urukwavu n'ingwe bitagarutse?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Kuki twavugaga ko urukwavu n'ingwe byabaye ibigwari?
- b) Ni iki kigaragaza ko intare ari umuyobozi mwiza?
- c) Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?

IMVUGWAKIMWE

2. Ukoresheje ijamba wahawe kora indi nteruro ifite igisobanuro kinyuranye

Urugero:

gutera: Mama yateye intabire/ inkoko yateye amagi.

- 1. **Icyatsi:** umwishywa ni icyatsi kirandaranda.

.....

- 2. **Kubika:** kuri radiyo bavugaga amatangazo yo kubika.

.....

- 3. **Imbata:** Uyu mwana yoroye imbata ebyiri.

.....

- 4. **Gukira:** Mucyo yari arwaye none yarakize.

.....

IMBUSANE

Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro imbusane zikurikira: **ubugwari, ishimishwa, ijoro**.

- a) Ubutwari bwe bwatangaje benshi.
- b) Inyamanza ibabazwa n'uko ihageze kare.
- c) Sinkangwa n'amanywa nkora igihe cyose.

KWANDIKA

1. Uzuza interuro ukoresheje ibihokane bikurikira uyandike mu mukono: **pfy, ryw**.

- a) Inka yakapfaka_____e ubwatsi ntiyabumara.
- b) Bakame yarya_____e n'igikona.

2. Ongerera usome umwandiko “Ubutwari bw’impyisi” utahure ingingo y’ingenzi irimo.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Inshuti y'ibihe byose



Imparage ishaje yari imaze igihe **yararembye** yarabuze icyayijyana kwa muganga. Abavandimwe ndetse n'abana bayo bose bari batuye kure cyane.

Umunsi umwe, impara ijya kuyisura, isanga yararembye cyane iyigirira impuhwe. Impara ibonye uko **yahorose**, birayibabaza cyane itangira kuyishakira icyo **yatamira**. Imparage yakomeje kuremba impara ifata umwanzuro wo kuyijyana kwa muganga.

Yagerageje gushaka ivuriro hafi y'aho impara yari ituye ariko rirabura. Bukeye iyishyira ku mugongo ijya kuyivuza ku kandi gasozi. Burya koko babivuze ukuri ko inshuti uyibona mu byago.

Ako gasozi kabagaho intare y'inkazi nyamara impara **irihara** maze iyijyanayo. Impara iyigejeje kwa muganga ivurwa neza hashize iminsi irakira. Abaganga barazisezerera maze zihita zisubira mu rugo zifite umunezero mwinshi.

Mu nzira zitaha, imparage yashimiye cyane impara urukundo n'ubutwari yayigaragarije. Irayibwira iti: "Koko inshuti ya hafi ikurutira umuvandimwe wa kure." Ikomeza kuyibwira ko itazigera iyibagirwa cyangwa ngo iyihemukire. Impara na yo iyisezeranya gukomeza kuyibera inshuti y'ibihe byose.

2. Inyunguramagambo

Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Yararembye	a) Yarananutse.
2) Yatamira	b) Irishora.
3) Yahorose	c) Yararwaye cyane.
4) Irihara	d) Yarya.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni iyihe nyamaswa yari yararwaye?
- b) Impara yatwaye ite imparage ijya kuyivuza?
- c) Kubera iki izo nyamaswa zagiye kwivuriza ku kandi gasozi?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Mugenzi wawe arwaye wamufasha iki?
- b) Ni iki washima impara?
- c) Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?

IMIGANI MIGUFI



1. Soma interuro ikurikira ivuye mu mwandiko utahure icyo isobanura.

- Ugira ineza ukayisanga imbere.

Menye ko:

Iyi nteruro ari **umugani mugufi**. Umugani mugufi ni interuro ngufi iba ikubiyemo inyigisho.

Urugero: Inkingi imwe ntigera inzu.

Izindi ngero:

- 1) Abagiye inama Imana irabasanga.
- 2) Abishyize hamwe ntakibananira.
- 3) Agapfundikiye gatera amatsiko.
- 4) Akeza karigura.
- 5) Bagarira yose ntuzi irizera n'irizarumba.
- 6) Igiti kigororwa kikiri gito.
- 7) Imana ifasha uwifashije.
- 8) Inyana ni iya mweru.
- 9) Kora ndebe iruta vuga numve.
- 10) Ugira Imana agira umugira inama.
- 11) Uwitonze akama ishashi.
- 12) Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze.


Imyitozo

Itegereze amashusho akurikira uyahuze n'imigani bijyanye.




1

A Agapfundikiye gatera amatsiko




2

B Abagiye inama Imana irabasanga



3

C Inkingi imwe ntigera inzu.



3

D Inyana ni iya mweru.

a	b	c	d

Kwandika

Soma agakuru gakurikira maze wandike ingingo y'ingenzi ivugwamo.

Gatama yakundaga guca insinga z'amashanyarazi akajya kuzigurisha. Umunsi umwe, umusaza Gakwerere asanga arimo kuzica. Aramwegera amubuza gukomeza guca insinga z'amashanyarazi.

Yamubwiye ko kwangiza amashanyarazi bibujijwe kandi bihanwa n'amategeko. Amwibutsa ko amashanyarazi ari umutungo w'igihugu ugomba gukoreshwa neza. Gatama yahise areka gukomeza guca insinga z'amashanyarazi. Avuga ko atazongera kwangiza ibikorwa bifitiye igihugu akamaro.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Ikifuzo cya Gasore



Gasore yari umwana ufite nyina w’umuganga, se akaba umusirikare. Yabonaga nyina avura abantu, se arinda igihugu we akifuza **kuzabikomatanya**. Yumvaga azaba umuganga akaba n’umusirikare ngo akore imyuga y’ababyeyi be bombi.

Umunsi umwe, yumvise itangazo rihamagarira abantu kwiwandikisha mu **ngabo z’igihugu**. Akibyumva abwira ababyeyi be ko agiye kwiwandikisha mu ngabo z’igihugu. Bamusubiza ko akiri muto cyane agomba gutegereza akarangiza kwiga.

Umunsi umwe, anyuze ku murenge ahasanga urubyiruko rwiwandikishaga mu gisirikare. Abasaba kumwandika maze bamubaza **umwirondoro**, ati: “Nitwa Gasore Antoni. Mfite imyaka icumi, navukiye i Taba mu Kagari ka Tetero. Niga mu mwaka wa gatatu w’amashuri abanza ndifuza kuba umusirikare.” Akirangiza kuvuga umwirondoro we abari aho bose baratangara baraseka **barakwenkwenuka**.

Bamubwira ko igitekerezo ke ari kiza nubwo bidashoboka. Bamusobanurira ko akiri muto, agomba kwiga akazaba umusirikare arangije. Umwana yarabyumvise arataha ariko icyo kifuzo ntiyigeze akireka. Amaze kwiga ubuvuzi bw’indwara z’amenyo, yinjiye mu ngabo z’igihugu.

2. Inyunguramagambo

Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Kuzabikomatanya	a) Amakuru aranga umuntu
2) Ingabo z'igihugu	b) Baraseka cyane
3) Umwirondoro	c) Kuzabikora byombi
4) Barakwenkwenuka	d) Abasirikare

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ababyeyi ba Gasore bakoraga iki?
- b) Kuki Gasore yifuzaga kuba umuganga w'umusirikare?
- c) Kuki ku Murenge banze kwandika Gasore?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ni ibihe bikorwa ujya ubona abasirikare bakora?
- b) Ni iki kigaragaza ko Gasore yari intwari?
- c) Wowe urumva uzaba iki urangije kwiga ?

UMWIRONDORO

Itegereze interuro zikurikira zavuye mu mwandiko maze utahure icyo zivugaho.

- 1) Nitwa Gasore Antoni.
- 2) Mfite imyaka icumi, navukiye i Taba mu Kagari ka Tetero.

Menye ko:

Umwirondoro ari inyandiko igaragaza ibiranga umuntu. Mu mwirondoro wandikamo:

- Amazina yawe,
- Aho utuye (akarere n’umurenge),
- Ababyeyi bawe (so na nyoko),
- Imyaka yawe,
- Aho wiga n’umwaka wigamo,
- Icyo ukunda.

KWANDIKA



Andika wuzuza umwirondoro ukurikira.

Nitwa.....
Navukiye mu Murenge wa.....
Mu Karere ka
Mama yitwa.....
Data yitwa.....
Mfite imyaka.....
Niga mu mwaka wa.....
Nkunda.....

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Imigezi y'inyamaswa



Kera igikeri cyakundaga kwangiza imigezi, inyamaswa zikabura amazi. Intare itumaho izindi nyamaswa ngo izibaze uwangiza **imitungo rusange** zihuriyeho. Zihageze yaraziganirije izisaba ko zakora **ubugenzuzi** zigafata uwangiza imigezi yazo.

Bukeye inyamaswa zikajya zirinda imigezi ngo zifate uyangiza ariko ntizamubona. Zasubiye ibwami zibwira intare ko zakoze ibishoboka zikabura uwangiza imigezi. Irazibwira iti: “Uburiye umubyizi mu kwe nta ko aba atagize.” Yazisabye kudacika intege inazemerera **igihembo** gikomeye niziramuka zifashe uzangiriza imigezi.

Zabajije intare icyo gihembo, nuko izisubiza ko agapfundikiye gatera amatsiko. Irakomeza izibwira ko zizakimenya niziramuka zifashe uzangiriza imigezi yazo. Igikeri gishya ubwoba, n’isoni nyinshi, gisaba imbabazi kemera ko ari cyo cyayangizaga. Inyamaswa ziriyamirira ziti: “Burya koko abwirwa benshi akumva bene yo.”

Igikeri gikomeza **gutakamba** cyane, inyamaswa zirakibabarira kivuga ko kitazongera kwangiza imigezi. Kiyemeza kujya kiyirinda buri gihe no kubishishikariza izindi nyamaswa zose. Kuva ubwo ntikirongera kwangiza imigezi n’indi mitungo rusange inyamaswa zihuriyeho.

2. Inyunguramagambo

Uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo:
umutungo rusage, ubugenzuzi, igihembo, Gutakamba.

- a) Abayobozi b'amashuri bakora_____bareba ko amasomo agenda neza.
- b) Yahawe_____cy'uko yatsinze irushanwa.
- c) Kwangiza_____ni bibi.
- d) _____usaba imbabazi bituma ubabarirwa.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni iyihe nyamaswa yakundaga kwangiza imigezi?
- b) Intare ibonye imigezi ikomeje kwangirika yabigenje ite?
- c) Inyamaswa zisubiye ku ntare zayibwiye iki?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Mukora iki kugira ngo mufate neza imigezi iboneka iwanyu?
- b) Kuki tutagomba kwangiza imigezi ?
- c) Igikeri kigufashije kumenya iki mu buzima busanzwe ?

IMIGANI MIGUFI

Ukurikije urugero wahawe, huza umugani mugufi n'igisobanuro cyawo

Umugani	Igisobanuro
1) Abagiye inama Imana irabasanga	a) Ibyo ushoboye bigaragarira mu bikorwa ukora.
2) Igiti kigororwa kikiri gito.	b) Abantu bafatanyaga bagera ku bintu byiza.
3) Kora ndebe iruta vuga numve.	c) Umwana atozwa imico myiza akiri muto.
4) Imana ifasha uwifashije.	d) Ibyo ukeneye gufashwamo ugomba kubigiramo uruhare.

UTWATUZO

 **Andika izi nteruro ushyireho utwatuzo dukwiye.**

- a) Kera igikeri cyakundaga kwangiza imigezi
- b) Igikeri kisubiyeho pe
- c) Ni iyihe nyamaswa yangiza imigezi

UMWIRONDORO

Soma aka gakuru usubize ikibazo kiri hasi yako.

Nitwa Atete Charlotte.

Data yitwa Rugwiro Eric.

Mama yitwa Zaninka Rosine.

Navutse ku itariki 5/12/2013.

Mvukira mu Mugi wa Kigali, Akarere ka Kicukiro.

Ubu nge n'ababyeyi bange dutuye mu Gatenga.

Nkunda umukino wo gusiganwa mu kwiruka.

Ikibazo: Andika umwirondoro wawe ugendeye k'uwo umaze gusoma.


UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Abana ba Kanyandekwe



Umusaza Kanyandekwe n’umugore we Mupfasoni bari batuye mu Karere ka Gasabo. Bari batuye hafi y’ibiro by’Akagari ka Nyabisindu. Bahoraga bifuza kuganiriza abana babo ku buzima bwabo bakiri bato. Umunsi umwe, abo bana bicaye imbere yabo **babatega amatwi**.

Umusaza aratangira ati: “Bana bange gusaza ni **ugusahurwa**.” Abana be bumvise ayo magambo ya se bamubaza impamvu ayababwiye. Ababwira ko bakiri bato bakundaga gukorera igihugu, bakitabira ibikorwa by’ubutabazi. Ntibasibaga mu muganda kugira ngo bagire uruhare mu kubaka Igihugu. Umukecuru Mupfasoni yungamo ababwira ko bakoreye urugo rwabo barurinda inzara. Abana bababaza icyo bakora ngo bazabe ababyeyi beza nka bo. Umukecuru ati: “Abishyize hamwe ntakibananira kandi inkingi imwe ntigera inzu.” Abana bumvise amagambo y’ababyeyi babo yuje impanuro birabashimisha cyane.

Hanyuma bakajya bashyira hamwe aho bari hose, **bagatahiriza umugozi umwe**. Ku ishuri wasangaga ari abana b’intangarugero mu kwitabira ibikorwa by’ubwitange. Iyo abandi banyeshuri **bashyamiranaga**, aba bana bihutiraga kubakiza. Inama ababyeyi babagiriye zabagiriye akamaro n’ubu ni intangarugero muri byose.

2. Inyunguramagambo

Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Impanuro	a) Baritonda barabumva.
2) Bashyamiranaga	b) Inama nziza.
3) Gusahurwa	c) Batumvikanaga.
4) Babatega amatwi	d) Gutwarwa ibyo wari utunze

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni bande Kanyandekwe na Mupfasoni bahamagaye?
- b) Babahamagariye iki?
- c) Ni ibihe bikorwa Kanyandekwe na Mupfasoni bakundaga kwitabira bakiri bato?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Ni iki muganira n'abantu bakuru mubana?
- b) Ni akahe kamaro ko kumvira inama ugirwa n'abakuru?
- c) Uyu mwandiko ukwigishije iki?

INYUGUTI NKURU



Soma interuro zikurikira maze utahure aho inyuguti nkuru yakoreshejwe.

- a) Kanyandekwe n'umugore we Mupfasoni bari batuye mu Karere ka Gasabo
- b) Bari batuye hafi y'Ibiro by'Akagari ka Nyabisindu.

Menye ko:

Inyuguti nkuru itangira ijamba ry'urwego rw'umurimo.

Urugero: Nagiye gusura ababyeyi mu Mudugudu wa Nyarusange, Akagari ka Mwezi, Umurenge wa Karengera.

Umwitoto:



Andika interuro ikurikira ushyira inyuguti nkuru aho biri ngombwa.

Ababyeyi ba Cyusa batuye hafi y'akarere ka ruhango, umurenge wa byimana, akagari ka kirengeri.



KWANDIKA

Tondeka izi nteruro maze uzikurikiranye wandike mu mukono agakuru kavamo.

Nyina yaje kumusobanurira akamaro ku gukaraba intoki arasobanukirwa.

Byatumaga ahora arwaye inzika agahora kwa muganga.

Ubu ntakirya adakarabye intonki kandi afite ubuzima bwiza.

Kera Karake kakundaga kurya atabanje gukaraba intoki.

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Ubwitange bwa Mutesi



Mutesi yari avuye ku ishuri ahetse agakapu ke. Ari mu nzira abona **uruhombo** rw'amazi rwangiritse rufite umwenge, amazi arimo kumeneka. Afata umupira we w'imbeho **awutsindagira** kuri wa mwenge wavaga.

Akomeza kuwutsindagiraho kugira ngo amazi adakomeza kumeneka. Umupira wuzuramo amazi ariko akomeza kuwutsindagiraho **atitira**. Akiri aho hahinguka abagabo babiri bajyaga guhinga. Arabahamagara abasaba ko bamufasha gusana uruhombo rwangiritse. Baramwemerera bapfuka umwenge wavaga maze amazi ntiyongera kumeneka.

Barangije bamushimira **ubwitange** yagize bwo gutabariza abaturage bari kuza kubura amazi.

2. Inyunguramagambo

Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Uruhombo	a) Atengurwa
2) Awutsindagira	b) Itiyo itwara amazi
3) Atitira	c) Awusunikira
4) Ubwitange	d) Ishyaka ryo gukorera abandi ibyiza

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni ba nde bafashije Mutesi gusana uruhombo?
- b) Mutesi abona uruhombo rwatobotse yari avuye he?
- c) Ni iki Mutesi yakoze kugira ngo amazi adakomeza kumeneka?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Iyo uza kuba Mutesi wari kubigenza ute?
- b) Ni iki kivugwa ku iherezo ry'umwandiko?
- c) Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?

INSHAMAKE

1. Soma umwandiko “Ubwitange bwa Mutesi” ushake ingingo z’ingenzi ziri muri uwo mwandiko.

2. Hera ku ngingo z’ingenzi wandike inshamake y’umwandiko.

Menye ko:

- **Inshamake** iba igizwe n’ingingo z’ingenzi zivugwa mu mwandiko.
- **Inshamake** yandikwa ishingiyeye ku magambo y’ingenzi ari mu mwandiko.

Urugero: Mutesi yabonye uruhombo rwatobotse amazi ameneka agerageza gupfuka uwo mwenge biramunanira, ahamagara abagabo babiri barawupfuka.

UMWITOZO



Soma aka gakuru maze wandike inshamake yako mu nteruro eshatu gusa.

Agakuru

Icyumba k’ishuri ryacu cyari kimaze iminsi kidakorerwa isuku. Twese twasiganiraga kugisukura kigahora gisa nabi.

Umwari mu wacu yaratwegereye, atugira inama yo kugisukura. Yatubwiye ko ari umutungo rusange tugomba kwitaho kuko tugihuriramo twese. Bukeye twazanye imyeyo, tuvoma n’amazi dukora isuku. Twasukuye inkuta, urugi, amadirishya ndetse n’intebe zose.

Ishuri ryongera gusa neza, maze twese turishima ducinya akadiho. Ubu ishuri ryacu rirangwamo isuku kuko turyitaho.



KWANDIKA

Uherezeye ku mwandiko “Ubwitange bwa Mutesi” andika agakuru k’imirongo 4 cyangwa 3 kagaragaza uburyo akunda Igihugu.



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Kabanyana na Muhoza



Kabanyana ni umwana ugira abandi inama na we akagisha inama. Muhoza we ni umuntu utagira icyo yitaho w'intabwirwa.

Umunsi umwe bava ku ishuri, Muhoza agenda akinira mu muhanda. Kabanyana amubujije undi **amutera utwatsi**. Kabanyana aramwegera, amubwirana ubwitonzi ati: “Nshuti yange amagara araseseka ntayorwa!” Amusubiza amwishongoraho ko ubuzima bwe butamureba ko atanamushinzwe. Kabanyana ababazwa no kumva Muhoza **amwishongoyeho** kandi yamugiraga inama nziza. Kabanyana yarikomereje asiga amwibukije ko gukinira mu muhanda biteza impanuka.

Kabanyana ageze mu ikorosi yumva igikamyo **gikonkoboka** atekereza kuri Muhoza. Yirengagiza uburyo yamusuzuguye maze yiyemeza kujya kumukura mu muhanda. Yahise asubira inyuma yiruka amasigamana ngo arebe ko yatabara Kabanyana. Yamugezeho ahita asimbuka **aramushikanuza** bagwa hakurya y'umuhanda bacika igikamyo batyo.

Muhoza abonye ukuntu Kabanyana amwitangiye agira ikiniga maze amusaba imbabazi. Kabanyana amwibutsa kujya yita ku nama bagenzi be bamugira. Muhoza aramushimira amwizeza ko bitazasubira.

2. Inyunguramagambo

Uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo:
aramushikanuza, gikonkoboka, amwishongoraho, amutera utwatsi.

- a) Karisa yabwiye Karima gushora inka_____ .
- b) Ageze ahabi_____ amuvana mu kaga gakomeye.
- c) Munana yasabye murumuna we kureka ubukubaganyi_____ .
- d) Ikimodoka cyabuze feri_____ kerekeza muni y'umuhanda.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Muhoza yakiniraga hehe?
- b) Kabanyana yababajwe n'iki?
- c) Ni iki Kabanyana yumvise gikonkoboka?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Kuba Kabanyana yarirutse amasigamana bigaragaza iki ?
- b) Ni iki wakora mbere yo kwambukiranya umuhanda?
- c) Uyu mwandiko ukwigishije iki?

INSHAMAKE

Soma aka gakuru ugahuze n'inshamake yako iri mu kadirishya.

Agakuru:

Ihene za Mutunzi zakundaga kona ibigori bya Gakire. Gakire yabimubwira Mutunzi ntamwumve. Akamubwira ko ari abajura babyiba.

Gakire yigira inama yo kuzazifata akazijyana ku murenge. Bukeye yagiye mu murima we azisangamo arazifata. Yazijyanye ku murenge abwira abayobozi ko yazifashe zimwonera ibigori.

Abayobozi bahamagaye Mutunzi, bamusaba kororera mu biraro. Bamubwira ko batifuza kubona ihene ze zona imyaka y'abaturage.

Mutunzi yasabye imbabazi, avuga ko agiye kuzubakira ibiraro. Kuva ubwo, ihene ze ntizongerera kujya kona ibigori bya Gakire.

a

Ihene za Mutunzi zakundaga kona ibigori bya Gakire.

Umunsi umwe, azifatira mu murima we zona ibigori, maze azijyana ku murenge.

Abayobozi basaba Mutunzi kuzororera mu biraro arabyemera anasaba imbabazi.

b

Ihene za Mutunzi zakundaga kona ibigori bya Gakire.

Gakire akabibwira Mutunzi ariko ntamwumve.

Gakire aramwihorera.

KWANDIKA

1. Andika interuro ikurikira ushyira inyuguti nkuru aho zikwiriye.

kabanyana atuye mu mudugudu w'inyange, akagari ka bibare, umurenge wa kimironko.

2. Soma aka gakuru usubize ikibazo kiri hasi yako.

Umusaza Gakire yahamagaye umwana we Ganza ngo baganire. Yifuzaga kumuganirira ku mwuga w'uburobyi kugira ngo awumenye. Nuko amwicaza hafi ye amubwira ko akiri muto yakundaga kuroba mu kiyaga. Ganza amubaza niba uwo mwuga ushobora gutunga umuntu. Gakire amusubiza ko ari umwuga ushobora kumuteza imbere. Arongerera amubwira ko abawukora ubatunga ukanateza igihugu imbere. Kuva ubwo Ganza akunda umwuga w'uburobyi bw'amafi akajya abyitoza. Ubu ni umurobyi ukomeye mu gihugu hose kandi yiteje imbere.

Ikibazo: Vuga inshamake y'aka gakuru maze uyandike mu ikayi yawe.

Isuzuma risoza umutwe wa munani

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Umuganda iwacu



Hari hashize iminsi ndwariye kwa **masenge** utuye mu Ntara y'Uburengerazuba. Maze gukira nagarutse imuhira, banyakirana urukumbuzi rwinshi cyane. Ako kanya **umuhwituzi** avuza ingoma, avuga ko hari iteme ryangiritse. Yatanze ubutumwa ko abaturage bose bazindukira mu muganda wo kurisana.

Bukeye twitabiriye icyo gikorwa cyo **gusana** iteme ryari ryangiritse. Burya koko abishyize hamwe ntakibananira, buri wese yashyizeho imbaraga ze. Nyuma y'igihe gito, iteme ryari rimaze gusanwa. Nk'uko bisanzwe bigenda nyuma y'umuganda, umuyobozi w'umurenge wacu yadukoresheje inama. Ashimira buri muntu ubwitange n'umurava yagaragaje. Atubwira ko bigaragara ko iteme ryangijwe n'igiti batemye kigarigwira. Bityo adushishikariza **kubungabunga** ibikorwa remezo, twirinda ikintu cyose cyabyangiza.

Abaturage twese twiyemeje gukurikiza inama tugirwa n'ubuyobozi. Buri wese yiyemeza kugira uruhare mu gufata neza ibikorwa rusange.

2. Inyunguramagambo

i) Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Kubungabunga	a) Mushiki wa data.
2) Gusana	b) Gufata neza
3) Umuhwituzi	c) Gusubiranya ibyangiritse
4) Masenge	d) Umuntu wibutsa abantu ibyo bagomba gukora.

ii) Uzaza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo:
kubungabunga, umurava, umuhwituzi, masenge.

- a) Umunyeshuri wigana _____ atsinda neza.
- b) Nagiye gusura _____ anyakiriza amata.
- c) Umwarimu wacu yatubwiye ko _____ ibidukikije ari inshingano zacu.
- d) Karyabwite ni _____ wacu udukangurira kwitabira inama.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni nde wavuzaga ingoma?
- b) Ni ikihe gikorwa bagombaga gukora mu muganda ?
- c) Abitabiriye umuganda biyemeje iki?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Vuga bimwe mu bikorwa by'umuganda ubona iwanyu?
- b) Kuki tugomba kurinda ibikorwa remezo ?
- c) Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?

IMPUZANYITO

Andika impuzanyito z'amagambo aciyeho akarongo.

- a) Twitabiriye icyo gikorwa cyo gusana iteme.
- b) Ashimira buri muntu ubwitange n'umurava yagaragaje.
- c) Nagarutse imuhira banyakirana urukumbuzi rwinshi.

IMVUGWAKIMWE

Tanga ibisobanuro bibiri binyuranye kuri buri mvugwakimwe.

- a) Intara:
- b) Gukira:
- c) Gukurikiza:

IMBUSANE

 Andika imbusane z'amagambo aciyeho akarongo mu nteruro zikurikira

- a) Hari hashize iminsi ndwariye kwa masenge.
- b) Masenge yari atuye mu Ntara y'Uburengerazuba.
- c) Nyuma y'igihe gito iteme ryari rimaze gusanwa.

INSHAMAKE

 1. Soma aka gakuru ugahuze n'inshamake yako iri mu kadirishya.

Kirezi yaturukaga mu muryango utishoboye. Iyo isaha yo gufungura yageraga, ntiyabonaga icyo arya. Akajya kwigunga kubera ko nta mpamba yabaga afite.

Karisa yamubonye yigunze mu gihe abandi bafunguraga. Nuko aramwegera amubaza impamvu yigunze. Kirezi amusobanurira ko yabuze icyo afungura. Karisa amugirira impuhwe amusaba ko basangira impamba ye. Anamwemerera ko bazajya basangira buri muni.

Kuva ubwo Kirezi ntiyongera kujya yigunga akajya yisanga mu bandi.

Umwana witwa Kirezi yahoraga yigunze kubera kubura icyo afungura.

- a) Mugenzi we Karisa aramwitangira, bakajya basangira ku mpamba yabaga yazanye.

Kuva ubwo Kirezi ntiyongera kujya yigunga.

- b) Kirezi yaturukaga mu muryango utishoboye.
Iyo isaha yo gufungura yageraga, ntiyabonaga icyo afungura.
Karisa aramwegera amubaza impamvu yari yigunze.

2. Ongerera usome umwandiko “Umuganda iwacu” maze ukore inshamake itarenze interuro eshanu.

IMIGANI MIGUFI

a) Itegereze aya mashusho maze wuzuze imigani ikurikira.



.....ntuzi irizera
n’irizarumba.



Abishyize
hamwe.....



.....gatera
amatsiko.

b) Huza iyi migani n’ibisobanuro byayo ukoresheje akambi.

Umugani	Igisobanuro
1) Uwitonze akama ishashi.	a) Utahagurutse ngo arebe icyo ahandi bamurusha, ntamenya aho umukiro uherereye.
2) Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze.	b) Abantu bafatanyaga bagera ku bintu byiza
3) Abagiye inama Imana irabasanga.	c) Ushoboye kwihangana agategereza agera ku kiza yashakaga

UMWANDIKO



1. Gusoma

Soma umwandiko ukurikira.

Umurava wa Mugenzi



Igihe kimwe, Mugenzi yagiye gusaba akazi bamusaba kohereza umwirondoro we. Ntiyari asobanukiwe neza umwirondoro icyo ari cyo n'uko bawandika, ajya gusobanuzza Kampire.

Kampire amusobanurira ko umwirondoro ari amakuru ku muntu. Hagomba kugaragaramo amazina ya nyirawo. Hakanagaragaramo igihe n'aho yavukiye, ababyeyi be ndetse n'icyo akora. Yanamwibukije ko anavugamo icyo umuntu akunda cyangwa ikimushimisha mu buzima bwe. Amubwira ko iyo ibyo birangiye, umuntu yandika amazina agashyiraho **umukono**.

Muri iyo minsi, Mugenzi yandika umwirondoro arawohereza. Hashize igihe gito bamutumaho bamuha akazi yasabaga. Akimara ku kabona yashimiye Kampire cyane. Amubwira ko akazi abonye ari we **agakesha** ko na we azajya afasha abandi. Mu kazi ke, Mugenzi yakoranaga umurava kandi akarangwa n'ubwitange bukomeye.

Kuva ubwo Mugenzi yakodesheje inzu hafi y'umurenge. Nyuma y'akazi, akigishirizamo abantu kwandika inyandiko zinyuranye zirimo umwirondoro. Yabakaga amafaranga make cyane yo **kumwunganira** mu kugura ibikoresho. Abadafite **amikoro** yabigishirizaga ubuntu.

Icyo gikorwa cyaramenyekanye maze ubuyobozi bw'akarere buragishyigikira. Busaba ko muri buri murenge haboneka ibikorwa nk'ibyo.

2. Inyunguramagambo

i) Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1) Umukono	a) Agakomora
2) Agakesha	b) Ubushobozi
3) Kumwunganira	c) Sinya
4) Amikoro	d) Kumufasha

ii) Uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo:
umukono, agakesha, kumwunganira, amikoro.

- a) Akazi afite_____ubunyangamugayo bwe.
- b) Umaze kwandika umwirondoro, ashyiraho_____we.
- c) Nifuza_____mu bikorwa by'iterambere.
- d) Nkora cyane kugira ngo nzagire_____.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko

- a) Ni nde basabye kohereza umwirondoro we?
- b) Kuki bamusabye umwirondoro we?
- c) Ku kazi Mugenzi yarangwaga n'iki?

4. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- a) Iyo uvuye ku ishuri ni iki ukora kiguteza imbere?
- b) Kuki utanga akazi yaka umwirondoro ugasaba?
- c) Uyu mwandiko ukwigishije iki?

INYUGUTI NKURU

Andika interuro zikurikira ushyira inyuguti nkuru aho bikwiye.

mugenzi ni umuyobozi w’umudugudu wa kayumbu. atuye mu kagari ka gacundura, umurenge wa rwerere.

INDIRIMBO

Andika inyikirizo y’indirimbo imwe mu zo mwize mu mwaka wa gatatu.

UMWIRONDORO

Andika umwirondoro wawe ugaragaza amazina yawe, amazina y’ababyeyi, aho utuye, igihe wavukiye, ishuri wigaho, umwaka wigamo n’ibyo ukunda.

Indirimbo: Turate Rwanda yacu



1. Turate Rwanda yacu itatse **inema**
Rwanda yacu nziza gahorane **ishya**
Gitego cyatatswe ubwiza na Rurema
Hose **baraguharanira**.

Inyikirizo:

Rwanda nziza
Ntuteze **kuzahinyuka** mu mahanga
Rwanda nziza
Abawe baguhaye impundu.

2. Ufite ibirunga nka Muhabura
Ni cyo gikuru mu birunga by'ino
Ni wo munara w'uru Rwanda rwacu
Aho uri hose uba ukitegeye!
3. Twavuga iki se ku mazi magari
Nka Kivu na Muhazi ya Buganza
Burera na Ruhondo byo mu Murera
Cyohoha inetesha Bugesera!
4. Hari ubwo se mwageze mu mukenke,
Ngo mureore impara n'imparage se,
Hari ubwo se mwageze mu mashyamba,
Ngo mureore ingwe n'urusamagwe?

Urutonde rw'amagambo

Abadukana: ahagurukana bwangu.

Abaherwe: abakire cyane.

Abanga umuduri: aboha/akora umuduri.

Abikesheje: abikuye.

Abungure inama: abahe igitekerezo.

Abura n'inyoni itamba: abura n'umwe.

Abuzukuru: abana b'umwana wawe.

Aca bugufi: ariyoroshya.

Adidimanga: atavuga neza.

Agakesha: agakomora.

Agaseke: akebo gato gafite umutemeri.

Agatege: imbaraga.

Agira ishyushyu: agira ubushake bwinshi.

Ahiga: arusha abandi.

Akabakirigitira umurya: akabacurangira.

Akabisi n'agahiye: byose.

Akarasisi: uburyo bwo kugenda umujygo umwe mwiyerereka.

Akarima k'igikoni: akarima k'imboga ko mu rugo.

Akubitwa n'inkuba: arumirwa.

Amadovize: amafaranga ava mu bindi bihugu.

Amagara: ubuzima.

Amajyambere: iterambere.

Amajygo: ikerekezo.

Amakenga: ubwoba buvanze n'ubushishozi.

Amakimbirane: ubwumvikane buke.

Amapfa: inzara iterwa n'izuba ryinshi.

Amaronko: ibintu ubona kubera gukora ikintu runaka bikakugirira akamaro.

Amasenga: intaho y'impayisi.

Amasezerano: ubwumvikane.

Amatsiko: inyota yo kumenya.
Amavumvu: indirimbo abavumvu baririmbira inzuki.
Amavunane: umunaniro umuntu agira bitewe n’akazi yakoze.
Amerwe: ubushake bwinshi bwo kurya ikintu.
Amikoro: ubushobozi.
Amutera utwatsi: aramuhakanira.
Amwishongoyeho: amwiraseho.
Anatengurwa: anatitira.
Arabashwishuriza: arabahakanira.
Arabunga: arabakiranura.
Arahindukira: areba inyuma areba inyuma.
Arampwitura: arankangura, aranshishikaza.
Aramuhumuriza: amumara ubwoba..
Aramushikanuza: amukurura bwangu
Aranzika: aratangira.
Arita mu gutwi: arabyumva.
Ashya ubwoba: agira ubwoba.
Ashyogoranya: aterana amagambo.
Atamutoteza: atamubwira nabi.
Atijana: atiganyira.
Atitira: atengurwa.
Awutsindagira: awushyirana imbaraga.
Babatega amatwi: baritonda baramwumva.
Babirengaho: ntibabyubahiriza.
Bagenda makeri: bagenda basimbagurika basutamye.
Bagimbutse: batangiye kumenya ubwenge.
Bakomaga: bakoraga imyambaro mu bishishwa by’imivumu.
Bamuhaga akato: baramuhezaga.
Barabahanura: babagira inama.
Barabuze amahwemo: barabuze umutuzo.
Baraducucuye: batwibye ibintu byose.
Baragatora: bagafata mu mutwe.

Baraguharanira: barakurwanirira
Baragukumbuye: bifuza kukubona.
Barakwenkwenuka: baraseka cyane.
Baramamaye: baramenyekanye cyane
Baramucyurira: bamubwira nabi bamwibutsa ibibi yabakoreye.
Baramukwena: baramuseka.
Barancyaha: bangira inama.
Baravunyisha: barakomanga.
Barayihinda: barayirukana, bayisubizayo.
Basagarirana: benderezanya.
Bashoreye: bakurikiye.
Bashyamiranaga: batumvikanaga.
Batebuka: babanguka.
Batitabiraga: batashishikariraga.
Bigasukirana: bigaturana, bigahana.
Bihebuje: byiza cyane.
Bikororoka: bikabaho.
Binubira: bijujutira.
Biramuyobera: abiburira igisubizo.
Birayigota: birayikikiza bigamije kuyifata.
Bononaga: bangizaga.
Bwangu: vubavuba.
Byakudindiza: byagutinza.
Byangiza: byica.
Byirwanaho: byifasha muri byose.
Diyasipora: abenegihugu baba mu bindi bihugu.
Gahunda: uburyo bwo gukora ikintu.
Gakondo: cyasizwe n'abasokuruza.
Gikonkoboka: kimanuka kihuta cyane.
Gucuranwa: kurya usahuranwa ibiryo.
Gucyocyorana: guterana amagambo.

Guhaha: kujya kugura ibyo kurya.
Guhomvomva: kuvuga ibiterekeranye.
Guhumuza: gusoza.
Gupyipinyurwa: gukubwa imbyiro.
Gusagarirana: kwenderezanya
Gusana: tutunganya ibyangiritse.
Gusebywa: kuvugwa nabi.
Gusesagura: gupfusha ubusa.
Gushotorana: kwenderezanya.
Gushyamirana: kugirana ibibazo.
Gutahiriza umugozi umwe: gushyira hamwe
Gutakamba: gusaba imbabazi winginga.
Gutashya: gushaka inkwi.
Guteshuka: kwibagirwa gukora ibyo wagombaga gukora.
Ibaruwa: urwandiko.
Ibibwana: ibyana by'imbwa.
Ibidukikije: amashyamba, inyamaswa, amazi...
Ibiguruka: inyoni n'ibisiga.
Ibikorwa remezo: ibikorwa by'ibanze bifitiye abaturage akamaro.
Ibikururanda: inyamaswa zigenda zikurura inda zitagendesha amaguru.
Ibinyabuzima: ibintu byose bifite ubuzima.
Ibirunga: imisozi miremire cyane.
Ibiyobyabwenge: ibintu umuntu akoresha agata umutwe.
Ibizenga: ibidendezi by'amazi.
Ibundaraye: yunamye yihishe.
Ibyiyumviro: ibyo umuntu atekereza.
Ibyondi: ubwoko bw'inguge.
Icyamamare: umuntu wamenyekanye cyane.
Icyanya: aho inyamaswa zo mu gasozi zagenewe kuba.
Icyaruhungabanya: icyarubuza umutekano.
Icyorezo: indwara ifata abantu benshi icyarimwe.
Igahinda umushyitsi: ikagira ubwoba.

Igihango: isezerano.
Igihembo: ishimwe.
Igihunga: ubwoba bwinshi.
Igihuru: ahantu hari ibyatsi bivanze n'ibiti binyuranye.
Igikombe: igihembo gihabwa abahize abandi mu mikino.
Ihiga: irusha.
Ikirangirire: umuntu uzwi cyane.
Ikirego: Ikibazo cyashyikirijwe umucamanza.
Ikiru: amande.
Ikoranya: yegeranya, ihuriza hamwe.
Imbamutima: ibyiyumviro.
Imbwebwe: imbwa y'ishyamba.
Imfura: umuntu ugira imico myiza.
Imfura: umwana wa mbere.
Imiheno: Imyobo y'imbeba.
Imikoki: ahantu hacukutse kubera amazi y'isuri.
Imikoro: imyitozo yo gukorera mu rugo.
Imitako: imirimbo.
Imitubu: inyamaswa nto iba mu mazi, iri mu bwoko bw'ibikeri.
Imitungo rusange: imitungo abantu bahuriyeho bose.
Impamba: icyo umuntu atwara agiye ku rugendo ngo aze kukirya cyangwa kukinywa.
Impanga: abana barenze umwe bavukira rimwe ku mubyeyi umwe.
Impanuro: amagambo abwirwa umuntu bamugira inama.
Impongo: inyamaswa yo mu gasozi ijya kumera nk'inka.
Impuhwe: imbabazi.
Impumu: uguhumeka ubutitsa ubitewe n'ikintu runaka.
Impwerume: imbwa y'ingabo.
Imvi: imisatsi y'umweru.
Incyamuro: agasuka gato bateza intabire.
Incyuro: amagambo mabi abwirwa umuntu.
Indakoreka: umuntu utumva inama agirwa.

Indiri: aho udukoko cyangwa inyamaswa bitaha.

Indyabyatsi: inyamaswa zitunzwe no kurya ibyatsi.

Indyanyama: inyamaswa zitunzwe no kurya inyama.

Indyoshyandyo: ibintu bashyira mu biryo batetse kugira ngo birusheho kuryoha.

Inema: imigisha.

Ingabo y'igihugu: umusirikare.

Inganzo: ubuhanzi buba mu mutwe w'umuhanzi.

Ingasire: ibuye bakoresha basya ku rusyo.

Ingenzi: ikintu kiza ku mwanya wa mbere kubera akamaro kacyo.

Ingeragere: inyamaswa yo mu ishyamba izi kwiruka cyane.

Ingingo: bimwe mu bice by'umubiri.

Inguge: bumwe mu bwoko bw'inyamaswa zijya gusa n'abantu.

Injyana: umugendo umwe.

Inkanda: umwambaro w'abakurambere wakorwaga mu ruhu ukambarwa n'abagore.

Inkangu: ibitengu byatewe n'imvura.

Inkazi: inyamaswa zigira amahane cyane zirya izindi.

Inkingi: imihembezo y'urutoki.

Inkoko ni yo ngoma: ndazinduka kare.

Inkongoro: igikoresho gakondo banyweramo amata.

Insanganyamatsiko: ingingo yandikwaho/ivugwaho.

Inshingano: icyo umuntu ashinzwe gukora.

Inshuti magara: abantu bakundana cyane.

Inshwabari: imyambaro ishaje inacikaguritse.

Inshwegegeri: udusimba tuva mu migina turibwa n'abantu.

Inshywa: inzuzi ziva mu bicuma.

Intaho: aho abantu cyangwa inyamaswa zitaha.

Intimba: agahinda kenshi.

Intonganya: amahane atuma abantu babwirana nabi.

Inturo: injangwe yo mu gasozi.

Intwari: umuntu ugira ibikorwa by'intangarugero.

Intyoza: umuhanga mu kintu runaka.

Inyamabere: inyamaswa zifite amabere zonsa ibyana byazo.

Inzibyi: inyamaswa iba mu mazi, ifite umubyimba nk'uw'injangwe itungwa n'amafi

Inzobere: umuhanga cyane mu bintu runaka.

Inzuzi: ikimera kera ibihaza, imyungu n'ibicuma.

Ipfunwe: isoni zivanze n'ikimwaro.

Irahashywa: irarwanywa.

Iranshwaratura: iranosha.

Iranshwiragiza: imbuza ikerekezo.

Irrohama: igwa mu mazi irarengerwa.

Iratontomye (intare): irasakuje.

Irayaturaga: ikura udushwi mu magi.

Irayisindagiza: iyifasha kugenda.

Irihara: irishora, iritanga.

Isatura: ingurube y'ishyamba.

Isega inanutse: imbwa yo mu ishyamba ifite umubiri muto.

Ishinge: ubwoko bw'ibyatsi bimera ku misozi itera.

Ishumi: umugozi uzirika imbwa.

Ishya: amahoro.

Ishyaka: umuhate.

Itaramamara: itarakwira hose.

Iterambere: amajyambere.

Itiyo: uruhombo runyuramo amazi.

Iyihekuye: iyiciye abana.

Kabakora ku mutima: karabanyura.

Karahava: bitangaje.

Karajujubije: karababujije amahoro.

Karatumuka: gahuhwa n'umuyaga.

Karemano: ikintu kitakozwe n'abantu.

Katitije: kateye ubwoba.

Kimeza (ishyamba): ritatewe n'abantu.

Kizira: bibujijwe.

Ku manywa y'ihangu: igihe cy'umunsi izuba riba riva.

Kubibungabunga: kubyitaho.

Kubogoza: gusaba imbabazi.

Kubuguza: gukina igisoro.

Kubungabunga: kwita ku kintu.

Kubwagura: kubyara kw'inyamaswa zibwegeka.

Kumasha: kurasa intego.

Kumwunganira: kumufasha.

Kurondogora: kuvuga cyangwa kwandika amagambo menshi atari ngombwa.

Kuryarya: gushuka umuntu umubeshyabeshya.

Kuryarywa: kubeshywa.

Kutijujutira: kutinubira.

Kuyiraririra: kuyibundikirira amagi.

Kuyisagarira: kuyibuza amahoro.

Kuzabikomatanya: kuzabikora byombi.

Kuzahinyuka: kuzasuzugurwa.

Kuzibungabungira: kuzirindira.

Kuzishimuta: kuzihiga mu buryo butemewe.

Kuziyunga: kuzongera kubana neza nyuma y'amakosa runaka.

Kuzubahiriza: kuzakurikiza.

Kwica amatwi: kugaragaza ko utumvise.

Kwinangira: kwanga guhinduka.

Kwirwanaho: kwitabara.

Kwishongora: kwirata ku bandi.

Kwiyahuza: kwiycisha.

Magirirane: uburyo bwo kunganirana.

Marume: musaza wa mama.

Masenge: mushiki wa data.

Mbungabunga: nita.

Mu byanya: ahantu hagari.

Mu byari: aho inyoni zitaha.

Mu mihana: mu gasozi.

Mu miheno: aho imbeba zitaha.

Mu murwa: mu mug i munini.

Mu museso: mu gitondo karekare.

Mukerarugendo: abantu basura ibyiza bitatse igihugu.

Mu muzinga: aho inzuki ziba.

Mvamahanga: ikintu gikomoka mu mahanga.

Mwunge mu ryange: muvuge rumwe nange.

Nkana: ku bushake.

Ntatenguhe: ntamutererane.

Ntibanacweza: ntibanaceceka.

Ntiyarira: ntiyiyemera.

Ntiyitaga: ntiyahaga agaciro.

Nyirakuru: umubyeyi w'igitsina gore wa data cyangwa mama.

Nyirasenge: mushiki wa se.

Pariki: ahantu habugenewe inyamaswa ziba.

Sekuru: se wa se cyangwa wa nyina.

Tuzarwubaka: tuzaruteza imbere.

Twabadukanye: twahagurukanye.

Twararusimbutse: ntirwadutwariye ubuzima.

Twaryarywe: twarabeshywe.

Ubugenzuzi: ugusuzuma uko ibintu bikorwa.

Ubugwari: ukutaba intwari.

Ubukire: imitungo myinshi.

Ubumwe: ubwumvikane mu bantu.

Ubunembwe: ubushake buke bwo gukora.

Ubushyamirane: ukutumvikana n'abandi.

Ubwitange: ibikorwa bigaragaza ubutwari.

Uducuma: udukoresho gakondo banyweramo twera ku nzuzi.

Ugororoka: umera neza, urambuka.

Ugusahurwa: ukubura ibyawwe.

Umubyizi: igikorwa cy'umunsi.

Umuganda: umubyizi.

Umugara: ubwoya burebure buba ku ijosi no ku mutwe w'intare.

Umuhigo: ibyo umuhigi atahana avuye guhiga.

Umuhunda: icyuma gisongoye ku mpera zombi.

Umuhwituzi: ni uwibutsa abantu ibyo bagomba gukora.

Umujinya: uburakari.

Umujyanama w'ubuzima: umuntu ushinzwe kugira inama abaturage ku bijyanye no kubungabunga ubuzima.

Umukambwe: umusaza ukuze cyane.

Umukannyi: umuntu wakoraga imyambaro gakondo mu mpu.

Umukenke: ubwoko bw'ibyatsi inyamaswa zikunda kurisha.

Urukono: sinyu.

Urukungugu: umucucu utumuka hejuru uturutse mu bitaka.

Umunebwe: udakora akazi ke uko bikwiye.

Umurage: Umutungo uhawe n'undi muntu nk'umubyeyi cyangwa inshuti.

Umurava: Umwete.

Umuturanyi: umuturage baturanye.

Umwami w'ishyamba: Umutware w'ishyamba, umuyobozi w'izindi nyamaswa.

Umwete: umurava.

Umwirondoro: amakuru ku muntu.

Urusaku: imivugire runaka y'inyamaswa.

Uruyenzi: imvi nyinshi ku mutwe.

Urwego: umwanya ugaragaza ubusumbane bw'abantu mu bintu runaka.

Urwina: umwobo bataramo ibitoki.

Utunguka: uhinguka.

Umwishywa: umwana wa mushiki wawe.

Wigamba: wirata.

Yahorose: yananutse.

Yakapfakapfwe: yarembejwe.

Yakapfakapfye: yariye ibyatsi ibivangavanga.

Yaragikopwe: yagihawe ku ideni.

Yarahorose: yarananutse.

Yarajujubije: yarababujije amahoro.
Yaramwihanganishije: yaramukomeje.
Yararembye: yararwaye cyane.
Yarayizonze: yarayirembeje cyane.
Yarazanzamutse: yatangiye gukira.
Yaruhutse: yatuje.
Yatamira: yarya.
Yibeta: igenda yihishe.
Yigira indakoreka: irananirana.
Yinumiyeye: yicecekeye.
Yirengagiza: yiyibagiza.
Yiriza umunsi: ahamara umunsi wose.
Yiruka amasigamana: yiruka cyane.
Yiyambaza: yitabaza.
Yiyemera: yumva ko ari yo ibizi.
Zakoze ku mitima: bazibajijeho.
Zarikoze: zishyize hamwe.
Zibereye ijisho: zishimishije kuzireba.
Zigakwira imishwari: zigahunga.
Zigaragariza: zereka.
Zikagororoka: zikarambuka.
Zimyiza imoso: zigira isoni / zigira ikimwari.
Zirarira: zirara zirinze.
Zitarumbywa: zitabuzwa kwera.

Ibitabo byifashishijwe

1. Clay, M. (1979), *The early detection of reading difficulties*, Portsmouth, NH: Heinemann.
2. Cummins, J. (1979), *Linguistic interdependence and the educational development of bilingual children*. Review of Educational Research 49:222-51
3. Dyson, A.H. (1988), *Appreciate the drawing and dictating of young children*. Young Children 43(3):25-32
4. Edition Bakame (2010), *Ikinyarwanda, Ikibonezamvugo cy'amashuri abanza n'ayisumbuye*.
5. Edition Bakame, (2007), *Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa gatatu*, Kigali.
6. Elley, W. (1989), *Vocabulary acquisition from listening to stories*, Reading Research Quarterly 24:174-87.
7. Gay Su P. & Irene C. Fountas, (2003), *Phonics lessons*, Heinemann.
8. Graves, D. (1983), *Writing: Teachers and children at work*, Portsmouth, NH: Heinemann.
9. Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho, (2009), *Gusoma, Kwandika no Kubara, Igitabo cy'Umwigishwa*, Kigali.
10. Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho, (2015), *Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu mashuri abanza: Ikiciro cya mbere*, Kigali.
11. Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho, (2004), *Gusoma 3, Igitabo cy'umunyeshuri*, Kigali.
12. Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho, (2004), *Gusoma 4, Igitabo cy'umunyeshuri*, Kigali.
13. Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho, (2004), *Gusoma 5, Igitabo cy'umunyeshuri*, Kigali.
14. Institut de Recherche Scientifique et Technologique (IRST), (2011), *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, MAGANEM, Kigali.
15. Kagame F., Zorzutti C. & Bonfils P. (2006), *Imigani y'ikinyarwanda, Proverbes rwandais. Proverbs from Rwanda*, Éditions Sépia.
16. Ministère de l'Éducation Nationale, Direction Générale des Etudes et Recherches Pédagogiques, Bureau Pédagogique, (1977), *Cours de Méthodologie Spéciale Kinyarwanda*, Kigali.
17. MK. (2007), *Nige neza ururimi rw'Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa gatatu*, Kigali.

This work is licensed under the Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>.

This work is an adaptation of materials originally developed through collaboration between the Rwanda Education Board and USAID. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: “This work is an adaptation by the Rwanda Education Board and USAID Soma Umenye of an original work developed through collaboration between the Rwanda Education Board and the USAID Language, Literacy, and Learning Project, © Rwanda Education Board. Second Edition.

More details on permissions under this license can be found at <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>.” Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.



USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA